

**INYOBORABIGANIRO  
KU BURINGANIRE  
N'UBWUZUZANYE**

IGENEWE AMASHURI NDERABAREZI  
N'AY'IMENYEREZAMWUGA  
MU RWANDA

Copyright

© 2022 Rwanda Basic Education Board/ SPIU

All rights reserved.

## IRIBURIRO

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni igikorwa kibi cyose gikorewe umuntu hashingiye ku gitsina. N'ubwo buri muntu ashobora gukorerwa ihohoterwa, abagore n'abakobwa ni bo bibasirwa. Iryo hohoterwa ni kimwe mu bibazo bibangamiye umuryango nyarwanda bifite imizi mu miyoborere mibi, mu busumbane bushingiye ku bitsina no kutagira indangagaciro zo kubaha uburenganzira bwa muntu.

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni imbogamizi ku butabera, iterambere rirambye, ubukungu n'umutekano muri rusange. U Rwanda rwashyize umukono ku masezerano mpuzamahanga n'ay' akarere ruherereyemo aharanira uburenganzira bw'umugore. Urugero: Amasezerano ya Maputo yo mu 2003, amategeko asaba Leta nyafurika guhagurukira kurwanya ihohoterwa rya hato na hato rikorerwa abagore n'abakobwa muri Afurika.

U Rwanda nanone rwasinye amasezerano ya ECOWAS yo mu Kuboza 2018 hagamijwe gushyiraho politiki na gahunda zifasha umugore kwiteza imbere mu bukungu, imibereho myiza n'umuco. Leta y'u Rwanda yafashe ingamba zikomeye zigamije gukemura ihohoterwa rishingiye ku gitsina ishyiraho amategeko na politiki byo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Guhera mu mwaka wa 2008, ihohoterwa rishingiye ku gitsina ryashyizwe mu byaha bihanwa n'amategeko mu Rwanda nk'uko bigaragara mu itegeko No 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018.

Byongeye kandi, hari ibihano biteganyirizwa abatita ku bana, abafata ku ngufu abo bashakanye, abakora ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gutoteza abo bashakanye.

Amategeko n'ingamba byubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye byashyizweho kugira ngo harandurwe burundu ihohoterwa rishingiye ku gitsina aho ryaba riri hose.

Hashyizweho ikigo k'igihugu gishinzwe ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gutanga ubujyanama (Isange One Stop Center). icyo kigo gifite amashami mu gihugu hose kugira ngo abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'abana bahohotewe bahererwe hamwe serivisi bakeneye zose. N'ubwo bwose izi ngamba zashyizweho, haracyari imbogamizi zijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina nko guhishira abahohotewe, gusibanganya ibimenyetso cyanecyane mu gihe habaye ihohoterwa rishingiye ku gitsina, guhohotera abana, gutera inda abangavu no kwikubira umutungo.

Niyo mpamvu, urwego rw'igihugu rushinzwe uburezi bw'ibanze (REB) rwashyizeho iyi mbumbanyigisho ikubiyemo ubutumwa bw'ingenzi bwo gukemura ibibazo bishamikiye ku burunganire n'ubwuzuzanye, ikaba igenewe amashuri nderabarezi n' ay' imenyerezamwuga mu Rwanda. Iyi mbumbamasomo izafasha mu gukumira ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina bigaragara mu bigo by'amashuri no mu muryango nyarwanda muri rusange.

Turasaba abantu bose bazasoma n'abazakoresha iyi mbumbanyigisho gutanga ibitekerezo byatuma irushaho kunogera abo igenewe.

  
Dr. MBARUSHIMANA Nelson  
Director General/REB




## **GUSHIMIRA**

Turashimira abantu bose bagize uruhare mu gutunganya iyi mbumbanyigisho ku burunganire n'ubwuzuzanye igenewe amashuri y'inderabarezi n'ay'imenyerezamwuga mu Rwanda.

Turashimira nanone inzego z'ubuyobozi n'ibigo bikurikira: Minisiteri y'Uburezi (NINEDUC), Minisiteri y'Uburunganire n'Iterambere ry'Umugore (MIGEPROF), Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburunganire n'ubwuzuzanye bw'abagabo n'abagore mu iterambere ry'Igihugu (GMO), FAWE Rwanda, IEE Rwanda, LWD, H&I, VVOB, abakozi ba REB/SPIU, Kaminuza y'u Rwanda, Ishuri nderabarezi rya Save, Inyange Girls' School, abarimu bo mu ishuri ribanza rya Ruramira kubera uruhare rwabo rukomeye mu kwandika no gukosora iyi mbumbanyigisho.

Ntitwasoza tudashimiye abafatanyabikorwa bose badufashize mu buryo bunyuranye kugeza iyi mbumbanyigisho yuzuye.



**Mr. SHYAKA Emmanuel**  
**SPIU Coordinator/REB**

## **IBIRIMO**

IRIBURIRO .....	iii
GUSHIMIRA.....	v

### **INSANGANYAMATSIKO YA I: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE N'UBURENGANZIRA BWA MUNTU..... I**

INGINGO YA I: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE NK'UMUSINGI W'UBURENGANZIRA BWA MUNTU.....	I
Ikiganiro cya 1: Uburenganzira bwo kwiga.....	I
Ikiganiro cya 2: Uburenganzira bungana ku mutungo wasizwe n' ababyeyi .....	5
Ikiganiro cya 3: Igabana ry'imirimu hagati y'abahungu n'abakobwa.....	9
Ikiganiro cya 4: Kubaha ihame ry'uburinganire n' ubwuzuzanye nk'itegeko ry'ibanze.....	12
INGINGO YA II: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE N'AGACIRO KA MUNTU .....	16
Ikiganiro cya 5 : Abana bo mu muhanda .....	16
Ikiganiro cya 6: Icuruzwa ry'abantu .....	21

### **INSANGANYAMATSIKO YA 2: IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA ..... 25**

INGINGO YA I: IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA RIKORERWA MU MIRYANGO.....	25
Ikiganiro cya 7: Amakuru y'ingenzi ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango .....	25
Ikiganiro cya 8: Amoko y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango .....	29
Ikiganiro cya 9: Impamvu zitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango .....	32
Ikiganiro cya 10: Ingaruka ziterwa n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango .....	36

Ikiganiro cya 11: Gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kwita ku bahohotewe mu miryango ..... 39

**INGINGO YA II: IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA RIKORERWA MU MASHURI..... 43**

Ikiganiro cya 12: Amakuru y’ingenzi ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri ..... 43

Ikiganiro cya 13: Ubwoko bw’ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri ..... 47

Ikiganiro cya 14: Impamvu zitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri ..... 51

Ikiganiro cya 15: Ingaruka z’ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri ..... 55

Ikiganiro cya 16: Uburyo bwo kwirinda no gukemura ibibazo biterwa n’ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri. 59

**INSANGANYAMATSIKO YA 3: UBURINGANIRE N’UBWUZUZANYE N’UBUZIMA BW’IMYOROROKERE..... 63**

**INGINGO I: URWUNGANO RW’ IMYANYA MYIBARUKIRO ..... 63**

Ikiganiro cya 17: Imihindagurikire y’umubiri ku bahungu n’abakobwa mu gihe cy’ubugimbi n’ubwangavu..... 63

Ikiganiro cya 18: Impinduka z’imikorere y’umubiri w’abahungu n’uw’abakobwa mu gihe cy’ubugimbi n’ubwangavu ..... 68

Ikiganiro cya 19: Impinduka z’imitekerereze n’ibiyumvo biganisha ku mibereho myiza y’abahungu n’abakobwa mu gihe cy’ubugimbi n’ubwangavu ..... 73

Ikiganiro cya 20: Ubuzima bw’imyororokere ..... 77

**INGINGO YA II: INDA Z’IMBURAGIHE ZITERWA ABANGAVU..... 82**

Ikiganiro cya 21: Impamvu abangavu baterwa inda z’imburagihe ..... 82

Ikiganiro cya 22: Ingaruka z’inda z’imburagihe ..... 86

Ikiganiro cya 23 : Gukumira inda z’imburagihe no kwita ku bangavu bazitwaye..... 89

INGINGO YA III: INDWARA ZANDURIRA MU MIBONANO  
MPUZABITSINA NA VIRUSI ITERA SIDA ..... 93

Ikiganiro cya 24: Dusobanukirwe indwara zandurira mu mibonano  
mpuzabitsina, impamvu n'ingaruka zazo ..... 93

Ikiganiro cya 25: Gukumira, guhangana no kumenya kubana  
n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina  
na virusi itera SIDA..... 98

Ikiganiro cya 26: Ihezwa n' itotezwa ry' abafite agakoko gatera SIDA ..... 103

INGINGO YA IV: IMYITWARIRE Y' ABANGAVU N' INGIMBI  
IGANISHA KU BIKORWA BYATEZA IBYAGO ..... 107

Ikiganiro cya 27: Ibisindisha n'ikoreshwa ry'ibintu bifite ingaruka  
ku buzima ..... 107

Ikiganiro cya 28: Imyitwarire iteye impungenge mu rubyiruko ..... 111

Ikiganiro cya 29: Ingaruka z' imyitwarire idahwitse mu rubyiruko ..... 115

INGINGO YA V: KUMENYA KWIBESHAHO NO KWISOBANURA ..... 120

Ikiganiro cya 30: Uburyo bwo kuganira no kwisobanura ..... 120

Ikiganiro cya 31 : Kwisobanura ushize amanga ..... 124

Ikiganiro cya 32: Uburyo bwo gukemura ibibazo no kumenya uko  
wasaba icyo ushaka ..... 128

Ikiganiro cya 33: Ubumenyi mbonerabitsina n'ikoreshwa ry'imbuga  
nkoranyambaga ..... 132

Ikiganiro cya 34: Bumwe mu buryo bwo kwikemurira ikibazo  
bwitwa star mu magambo ahinnye y'icyongereza..... 137

Ikiganiro cya 35: Gutegura ejo hazaza..... 140

**INSANGANYAMATSIKO YA 4: IMYIGIRE N' IMYIGISHIRIZE  
YITA KU IHAME RY'UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE .... 145**

Ikiganiro cya 36: Imfashanyigisho zita ku ihame ry'uburinganire  
n'ubwuzuzanye ..... 145

Ikiganiro cya 37: Gutegura amasomo wita ku ihame ry'uburinganire  
n'ubwuzuzanye..... 149

Ikiganiro cya 38: Gukoresha mu ishuri imvugo ikwiye yita ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye .....	154
Ikiganiro cya 39: Imiterere y'icyumba k'ishuri cyubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu gihe k'imyigire n'imyigishirize .....	157
Ikiganiro cya 40: Imyigire n'imyigishirize mu cyumba k'ishuri cy'ubahiriza amahame y'uburinganire .....	161
Ikiganiro cya 41: Imiyoborere y'amashuri yubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye .....	165
Ikiganiro cya 42: Indangagaciro zimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.....	168

**INSANGANYAMATSIKO YA 5: GUCUNGA ICYUMBA CY'UMUKOBWA NO GUKEMURA IBIBAZO BIREBANA N'UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE..... 173**

INGINGO YA I: ICYUMBA CY'UMUKOBWA.....	173
Ikiganiro cya 43: Akamaro k'icyumba cy'umukobwa .....	173
Ikiganiro cya 44: Kugira icyumba cy'umukobwa ku ishuri .....	177
Ikiganiro cya 45: Aho icyumba cy'umukobwa kigomba kuba kiri ku ishuri ..	180
Ikiganiro cya 46: Ibipimo ngenderwaho by'icyumba cy'umukobwa.....	184
Ikiganiro cya 47: Ibikoresho byo mu cyumba cy'umukobwa .....	188
Ikiganiro cya 48: Ibiranga umuntu ushinzwe icyumba cy' umukobwa .....	192
Ikiganiro cya 49: Inshingano z' umuntu ushinzwe icyumba cy'umukobwa .....	196
INGINGO YA III: ISUKU MU GIHE UMUKOBWA ARI MU MIHANGO	200
Ikiganiro cya 50: Isuku y'umuntu ku giti ke .....	200
Ikiganiro cya 51: Isuku y'ibikoresho byo mu cyumba cy'umukobwa.....	203
IBITABO BYIFASHISHIJE .....	207



# UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE N'UBURENGANZIRA BWA MUNTU

## INGINGO YA I: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE NK'UMUSINGI W'UBURENGANZIRA BWA MUNTU

### Ikiganiro cya I: Uburenganzira bwo kwiga

**Intego y'ikiganiro :** Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri bagize kilabu (club) gusobanukirwa ko abakobwa n' abahungu bafite uburenganzira bungana bwo kwiga.

**Imfashanyigisho :** Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojeteri n'ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

**Ibice  
by'ikiganiro**

**Ibikorwa**

**Intangiriro**

Iminota 10

**Igikorwa cya I:**

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa “Bang”

**Amabwiriza y' umukino:**

Shyira abanyeshuri ku ruziga, ubasabe kubara bahereye kuri 1 kugera kuri 15 baranguruye ijwi. Buri wese age avuga umubare umwe, ugeze ku gikubo cya 3, aho kuvuga umubare avuge ijamba bang. Bityobityo ubyica age mu ruziga hagati. Urugero: 1, 2, bang, 4, 5, bang, 7, 8, bang...

	<p><b>b. Kwitegereza ishusho</b></p> <p>Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho ivuga k’uburenganzira bwo kwiga, iri ku rupapuro rwa 9.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira: <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’iyi shusho?</li> </ul> </li> </ul> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ishusho irerekana amatsinda abiri y’abanyeshuri baja impaka ku burenganzira bwabo ku byo bahitamo kwiga <ul style="list-style-type: none"> <li><b>Itsinda rya 1</b> rirakina ryigana ababyeyi;</li> <li><b>Itsinda rya 2</b> rirakina ryigana abanyeshuri b’abakobwa bimwa uburenganzira bwabo bwo kwiga amasomo bihitiyemo.</li> </ul> </li> <li>ii) Abakobwa n’ abahungu bafite uburenganzira bungana bwo kwiga ibyo bihitiyemo kandi bashoboye.</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p><b>Iminota 30</b></p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Binyuze mu matsinda, saba abagize kilabu gusoma no kumva inkuru “<b>Ninde ufite ukuri?</b>”, iri ku rupapuro rwa 8.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Abanyeshuri bavugwa mu nkuru bahuye n’ikihe kibazo?</li> <li>ii) Ikibazo cyari cyatewe n’iki?</li> <li>iii) Aba banyeshuri bari bafite ishingiro mu kwanga icyemezo cy’ababyeyi babo?</li> <li>iv) Ababyeyi bari bafite ukuri kwatuma bafata icyo cyemezo? Sobanura.</li> <li>v) Iyo uza kuba umubyeyi wa bariya abanyeshuri uba warakoze iki?</li> </ul>

- vi) Ni izihe ngaruka zatewe n'icyemezo cyafashwe n'abanyeshuri n'ababyeyi?
- vii) Tanga inama zafasha mu gukumira ingaruka nk'izo.

***Bimwe mu bisubizo by'ibibazo biganirwaho***

- i) Kubuzwa uburenganzira bwo kwiga ibyo ushaka kandi ubishoboye.
- ii) Imyumvire mibi.
- iii) Oya, guta ishuri si uburenganzira bw'umwana.
- iv) Oya, ababyeyi bagomba kubaha uburenganzira bw'abana babo kubera ko bafite uburenganzira bwo guhitamo ishami bashingiye ku bushobozi bwabo.
- v) Kubarekera uburenganzira bwabo bwo kwiga ibyo bari batsindiye kandi bihitiyemo.
- vi) Ingaruka zatewe n'icyemezo cyafashwe n'abanyeshuri n'ababyeyi ni ubukene, kwishora mu biyobyabwenge, guta ishuri.
- vii) Nta mwana ukwiye kuvutswa uburenganzira bwo kwiga ibyo yitsindiye.

**Igikorwa cya 3**

**a. Umukino**

Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 9.

**b. Ubutumwa bw'ingenzi**

Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw'ingenzi buri muri iki kiganiro.

**Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:**

- Abana bose bafite uburenganzira bungana bwo kwiga.
- Ababyeyi bagomba guha abana babo uburenganzira bwo guhitamo ibyo baziga bijyanye n'ibyifuzo n'ubushobozi bwabo.
- Ababyeyi bagomba kuyobora abana mu gukoresha neza uburenganzira bwabo.

**Umwanzuro**  
iminota 10

## **Igikorwa wa 4**

### **a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** umukino witwa “**Badobado**”

#### **Amabwiriza y’umukino:**

Abagize Kilabu bahagarara ku ruziga, mu gihe uyoboye umukino avuze ngo: “**Ba**” abagize kilabu bose bashyira amaboko hejuru, yavuga ngo: “**Bado**” abagize kilabu bose barambura amaboko imbere, yavuga ngo: “**Badobado**” abagize kilabu bose bamanura amaboko bagakomanga ku mavi. Ubyishe akurwa mu mukino kugeza habonetse uwatsinze.

### **b. Inshamake y’ikiganiro**

Umuyobozi w’ikiganiro avuga inshamake y’ibikubiye mu kiganiro:

- Kwiga ni uburenganzira bw’ibanze bwa muntu. Ibi bivuze ko umwana wese afite uburenganzira bwo kujya ku ishuri kandi akiga amasomo ajyanye n’ubushobozi bwe ndetse n’ibyo yifuza.

### **c. Isomo dukuye mu kiganiro**

Umuyobozi w’ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Abakobwa n’abahungu bagomba kwiga ibyo bifuzwa ngo bibakure mu bujiji kandi bizabateze imbere.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w’ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 10, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Uzasure umuryango waba ufite imyumvire nk’ iyavuzwe mu nkuru, uwuganirize ku burenganzira bw’abana bwo kwiga.

<b>Ikiganiro cya 2: Uburenganzira bungana ku mutungo wasizwe n’ ababyeyi</b>	
<b>Intego y’ ikiganiro:</b> Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri bagize kilabu gusobanukirwa ko abakobwa n’ abahungu bagomba kugira uburenganzira bungana ku mutungo wasizwe n’ ababyeyi.	
<b>Imfashanyigisho:</b> Impapuro nini, marikeri z’amabara anyuranye, igifashi, amakayi n’amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n’ibindi.	
<b>Imyigishirize:</b> Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n’ibisubizo n’ibindi.	
<b>Igihe:</b> Iminota 50	
<b>Ibice by’ ikiganiro</b>	<b>Ibikorwa</b>
<b>Intangiriro</b>  Iminota 10	<p><b>Igikorwa cya I:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa “<b>YES</b>”</p> <p><b>Amabwiriza y’ umukino:</b></p> <p>Shyira abanyeshuri ku ruziga ubasabe kubara bahereye kuri I kugera kuri 20 baranguruye ijwi buri wese arajya avuga umubare utari igiharwe, naho ugeze ku mubare ugabanyika akavuga ijambo <b>YES</b>, bityobityo. Ubyishe ayanwa mu ruziga hagati. Urugero I, <b>YES</b>, 3, <b>YES</b>, 5, <b>YES</b>, 7, <b>YES</b>, ...</p> <p><b>b. Kwitegereza ishusho</b></p> <p>Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho ivuga ku “Uburenganzira ku mutungo” iri ku rupapuro rwa I I.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira: <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitegereze ishusho mugire icyo muyivugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’iyi shusho?</li> </ul> </li> </ul>

	<p><b>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ishusho irerekana itsinda ry’ abantu bakina muri ubu buryo: <ul style="list-style-type: none"> <li>– Hari abavandimwe bahagarariye umuryango w’abana b’imfubyi.</li> <li>– Hari umukobwa usaba uburenganzira bwe ku mutungo wasizwe n’ ababyeyi.</li> <li>– Hari abasobanukiwe n’ ibirebana n’ uburenganzira bw’ umukobwa bwo kugira uruhare ku mutungo wasizwe n’ ababyeyi, banemeza ko mu gihe bitubahirijwe bazabimenyesha ubuyobozi.</li> </ul> </li> <li>ii) Imyumvire itandukanye igaragaza ihezwa ry’ abakobwa ku mutungo w’ ababyeyi</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina:</b></p> <p><b>Iminota 30</b></p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kumva inkuru yitwa <b>“Uburenganzira ku mutungo”</b> iri ku rupapuro rwa 10.</p> <p>Yobora ikiganiro wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ese umukobwa yari afite uburenganzira bwo gusaba umugabane ku mutungo wasizwe n’ ababyeyi be? Sobanura.</li> <li>ii) Ese byari bikwiye ko umukobwa uvugwa mu nkuru yimwa umugabane?</li> <li>iii) Ni ubuhe burenganzira uwo mukobwa yimwe?</li> <li>iv) Iyo uza kuba uwo mukobwa, wari gukora iki?</li> <li>v) Kudahabwa umugabane byari gutera izihe ngaruka uwo mukobwa?</li> </ul>

	<p><b><i>Bimwe mu bisubizo by'ibibazo biganirwaho</i></b></p> <p>i) Yego, umukobwa yari afite uburenganzira bwo gusaba umugabane ku mutungo wasizwe n'ababyeyi be.</p> <p>Abana bose, abakobwa n'abahungu bafite uburenganzira bungana ku mutungo basigiwe n'ababyeyi.</p> <p>ii) Oya. Ntibyari bikwiye kuko byari kuba ari ukwimwa uburenganzira bwe.</p> <p>iii) Yimwe uburenganzira ku mutungo.</p> <p>iv) Iyo mba uriya mukobwa, nari kugeza ikirego mu buyobozi.</p> <p>v) Kudahabwa umugabane byari kumutera ubukene, agahinda, urwango, akababaro, ...</p>
	<p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa I I.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw'ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu mu gushaka ubutumwa bw'ingenzi mu kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Duhananire ko abakobwa n' abahungu bahabwa uburenganzira bungana ku mutungo basigirwa n'ababyeyi.</li> </ul>

## Umusozo

Iminota 10

### Igikorwa cya 4

#### a. Umukino wo kwishyushya

**Urugero:** umukino witwa “**Badobado**”

#### Amabwiriza y’umukino:

Abagize Kilabu bahagarara ku ruziga, mu gihe uyoboye umukino avuze ngo: “**Ba**” abagize kilabu bose bashyira amaboko hejuru, yavuga ngo: “**Bado**” abagize kilabu bose barambura amaboko imbere, yavuga ngo: “**Badobado**” abagize kilabu bose bamanura amaboko bagakomanga ku mavi. Ubyishe akurwa mu mukino kugeza habonetse uwatsinze.

#### b. Inshamake y’ikiganiro

Umuyobozi w’ikiganiro avuga inshamake y’ibikubiye mu kiganiro.

- Duharanire buri gihe ko abakobwa n’ abahungu bagira uburenganzira bungana ku mutungo basigirwa n’ababyeyi.

#### c. Isomo dukuye mu kiganiro

Umuyobozi w’ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Abakobwa n’ abahungu bagomba kugira uburenganzira bungana ku mutungo basigiwe n’ababyeyi.

#### d. Umukoro

Umuyobozi w’ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 12, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Uzasure umuryango waba ufite imyumvire nk’ iyavuzwe mu nkuru, uwuganirize ku byerekeye uburenganzira b’abakobwa n’ abahungu ku mutungo wasizwe n’ababyeyi babo.

### **Ikiganiro cya 3: Igabana ry'imirimo hagati y'abahungu n'abakobwa**

**Intego y' ikiganiro:** Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri bagize kilabu gusobanukirwa uko imirimo yo mu rugo n' inshingano bisaranganywa mu buryo bungana hagati y' abana b'abakobwa n'ab'abahungu.

**Imfashanyigisho:** Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n'ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

**Ibice by' ikiganiro**

**Ibikorwa**

**Intangiriro**

Iminota 10

**Igikorwa I:**

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa “**Hammer**”

**Amabwiriza y'umukino:**

Uwigisha abwira abagize kilabu kuvuga ijambo “**Hammer**” guhera ku nshuro eshanu, bakabivuga bazamura ukuboko kw'iburyo, nyuma ukw'ibumoso, nyuma bakubita hasi ikirenge k'iburyo bakongeraho ik'ibumoso. Bagasubiramo babara bamanuka kugeza ubwo baragera kuri I.

**b. Kwitegereza ishusho**

Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza igabana ry'imirimo hagati y'abahungu n'abakobwa, iri ku rupapuro rwa I3.

Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:

- i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.
- ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n'iyi shusho?

	<p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ishusho irerekana umubyeyi w’umugore agabanya imirimo abana be harimo umuhungu n’umukobwa. Umukobwa ahabwa imirimo myinshi kurusha musaza we. Agomba kuhagira barumuna be, akoza ibyombo, agakoropa, akanateka mbere yo kujya ku ishuri. Naho musaza we akavoma amazi gusa, agahita ajya ku ishuri.</li> <li>ii) Bamwe mu babyeyi ntibaha abana b’abakobwa imirimo ingana n’iy’abahungu.</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyir’izina:</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kumva inkuru <b>“Ntimukamvunishe!”</b>, iri ku rupapuro rwa I 2.</p> <p>Yobora ikiganiro wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Urumva iri saranganya ry’ imirimo rikozwe neza? Sobanura.</li> <li>ii) Ni izihe ngaruka ririya saragabanya ry’ imirimo ryagize ku mukobwa?</li> <li>iii) Ni iki wari gukora iyo uza kuba uriya mubyeyi? Kubera iki?</li> </ul> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo by’ibibazo biganirwaho</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Oya. Iri saranganya ry’imirimo ntirikwiye kubera ko rivunisha umwana w’umukobwa ugereranije n’umwana w’umuhungu mbere yo kujya ku ishuri.</li> <li>ii) Umwana w’umukobwa akererwa ku ishuri buri gihe agasanga hari amasomo yamucitse.</li> <li>iii) Iyo nza kuba uyu mubyeyi, nari kugabanya abana imirimo mu buryo bukwiye ntitaye ko ari umukobwa cyangwa umuhungu.</li> </ul>

	<p><b>Igikorwa 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa I3.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Gira imyumvire ikwiye y’ isaranganya ry’ imirimo hagati y’ abana b’ abakobwa n’ ab’ abahungu.</li> </ul>
<p><b>Umusozo</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa “<b>Pipupipu</b>”</p> <p><b>Amabwiriza y’umukino:</b></p> <p>Abagize Kilabu bahagarara ku ruziga, mu gihe uyoboye umukino avuze ngo: “<b>Pi</b>” abagize kilabu bose bashyira amaboko hejuru, yavuga ngo: “<b>Pipu</b>” abagize kilabu bose barambura amaboko imbere, yavuga ngo: “<b>Pipupipu</b>” abagize kilabu bose bamanura amaboko bagakomanga ku mavi. Ubyishe akurwa mu mukino kugeza habonetse uwatsinze.</p> <p><b>b. Inshamake y’ikiganiro</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro avuga inshamake y’ibikubiye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Ababyeyi bakwiye guha abakobwa n’ abahungu imirimo ku buryo bungana. Nta murimo wagenewe umukobwa gusa cyangwa umuhungu gusa.</li> </ul> <p><b>c. Isomo dukuye mu kiganiro</b></p> <p>Fasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Ababyeyi bagomba kugabanya imirimo ku buryo bungana ku bana b’abakobwa n’ab’abahungu.</li> </ul>

#### **d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 13, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Uzasure umuryango waba ufite imyumvire nk' iyavuzwe mu nkuru, uwuganirize ku byerekeye imirimo yo mu rugo ihabwa abana b' abakobwa n' ab' abahungu, muganire ku ngaruka z' iyo mirimo ku myigire n' imitsindire y' abana babo.

### **Ikiganiro cya 4: Kubaha ihame ry'uburinganire n' ubwuzuzanye nk'itegeko ry'ibanze**

**Intego y' ikiganiro :** Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri guteza imbere umuco wo kubaha abandi n'uburenganzira bwabo.

**Imfashanyigisho:** Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu byifashishwa muri kilabu , porojeteri n'ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

**Ibice by' ikiganiro**

**Ibikorwa**

**Intangiriro**  
Iminota 10

**Igikorwa cya 1:**

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa '**Bang**'

**Amabwiriza y' umukino:**

Shyira abanyeshuri ku ruziga, ubasabe kubara bahereye kuri 1 kugera kuri 15 baranguruye ijwi. Buri wese age avuga umubare umwe, ugeze ku gikubo cya 3, aho kuvuga umubare avuge ijamba **bang**. Bityobityo ubyica age mu ruziga hagati.

**Urugero:** 1, 2, bang, 4, 5, bang, 7, 8, bang...

	<p><b>b. Kwitegereza ishusho</b></p> <p>Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza uburinganire n’ubwuzuzanye no kubaha uburenganzira bw’abandi, iri ku rupapuro rwa 14.</p> <p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’iyi shusho?</li> </ul> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ishusho irerekana abahungu birukana abakobwa mu kibuga bavuga ko ari aba nyantege nke, ko badashobora gukina na bo umupira w’ amaguru. Iragaragaza kandi umwana w’umukobwa n’umuyobozi w’ishuri bemeza ko n’abakobwa bafite uburenganzira bwo gukina n’abahungu.</li> <li>ii) Buri gihe tugomba kubaha bagenzi bacu n’uburenganzira bwabo.</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p><b>Iminota 30</b></p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kumva inkuru <b>“Mureke twese dukine”</b>, iri ku rupapuro rwa 14.</p> <p>Yobora ikiganiro wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ese icyemezo abahungu bafashe cyari gikwiye?</li> <li>ii) Ese ni ukuri koko ko abakobwa batagira imbaraga kandi batanashobora gukina umupira w’ amaguru?</li> <li>iii) Sobanura uburenganzira bw’ abakobwa bwahutajwe?</li> <li>iv) Ubona byari ngombwa ko abakobwa bajyana ikirego ku muyobozi w’ ishuri? Sobanura.</li> <li>v) Ese iyo abakobwa bataza kuvuga ibyababayeho ingaruka zari kuba izihe?</li> </ul>

***Bimwe mu bisubizo by'ibibazo biganirwaho***

- i) Oya. Ibyemezo by' abahungu ntibyari bikwiye
- ii) Oya. Abakobwa si abanyantege nke, bityo na bo bashoboye gukuna umupira w' amaguru.
- iii) Bavukijwe uburenganzira bwo gukina no kuba mu matsinda
- iv) Yego, byari ngombwa kujya kuregera Umuyobozi w' ishuri kuko bari bavukijwe uburenganzira bwabo.
- v) Uburenganzira bwabo ntibwari kuzubahirizwa.

**Igukorwa cya 3**

**a. Umukino**

Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 15.

**b. Ubutumwa bw' ingenzi**

Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw' ingenzi buri muri iki kiganiro.

**Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:**

- Uburenganzira bwawe burangirira aho ubwange butangirira.
- Ibyo utifuza gukorerwa ntukabikorere abandi.
- Niba wifuza kubahwa, nawe ubaha abandi.
- Uburyo bwiza bwo kubahiriza ihame ry' uburenganzira bwa muntu ni uguteza imbere umuco wo kubaha abandi.
- Uburenganzira bwa muntu ni ubwa buri wese.

## Umusozo

Iminota 10

### Igikorwa cya 4

#### a. Umukino wo kwishyushya

**Urugero:** Umukino witwa “Vuga icyo udakunda”

#### Amabwiriza y’umukino:

Saba abagize kilabu guhagarara ku ruziga.

Nagira agapira umwumwe mu bagize kilabu. Ugasamye avuge amazina ye ndetse n’ icyo adakunda.

#### b. Inshamake y’ikiganiro

Umuyobozi w’ikiganiro avuga inshamake y’ibikubiye mu kiganiro.

- Abakobwa bafite uburenganzira bwo gukina n’abahungu.
- Ubangamiwe, mu gihe hatubahirijwe uburenganzira bwe agomba kubimenyesha ubuyobozi bumwegereye.
- Ubuyobozi ntibugomba kurebera mu gihe habaye ibikorwa byo kubangamira uburenganzira bw’abandi.

#### c. Isomo dukuye muri iki kiganiro

Umuyobozi w’ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Tugomba kwimakaza umuco wo kubaha abandi n’uburenganzira bwabo.

#### d. Umukoro

Umuyobozi w’ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 15, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Muzaganire n’abo mu yandi makilabu n’umuryango mugari muri rusange musobanukirwe ku burenganzira bwa buri wese, hanyuma ubutaha muzabwire abandi ibyo mwagezeho

## INGINGO YA 2: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE N'AGACIRO KA MUNTU

### **Ikiganiro cya 5 :Abana bo mu muhanda**

**Intego y'ikiganiro :** Iki kiganiro kigamije gufasha abagize kilabu gusobanukirwa ko guha agaciro ubuzima bw'umwana w'umukobwa ndetse n'ubw'umuhungu ari inkingi y'ingenzi mu mibereho yabo mu muryango mugari.

**Imfashanyigisho:** Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu byifashishwa muri kilabu ,porojegiteri n'ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

**Ibice by'ikiganiro**

**Ibikorwa**

**Intangiriro**

Iminota 10

**Igikorwa cya I:**

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa **“Gukora amagambo y'inyuguti enye”**

**Amabwiriza y'umukino:**

Shyira abagize kilabu mu matsinda ya batatubatu cyangwa banebane.

Andika ijamba “Imihanda” ku rupapuro runini. Abagize amatsinda bakoreshe iminota 5 bandika amagambo yose ashoboka agizwe n'inyuguti zitarenze enye mu zigize ijamba ryatanzwe.

**Urugero:** inda, aha, indi, andi, hina n'andi. Iyo iminota bahawe ishize, itsinda ryahize ayandi ni iryagize amagambo menshi.

**Ikitonderwa:** Ushobora gukoresha andi magambo bitewe n'insanganyamatsiko mwaganiraho

**b. Kwitegereza ishusho**

Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza umugabo wanga umwana w'umuhungu, iri ku rupapuro rwa 17.

	<p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n'iyi shusho?</li> </ol> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka</i></b></p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Ishusho igaragaza umugabo uwira umugore ko adakunda umuhungu we. Ishusho iragaragaza kandi umwana w'umuhungu ukoreshe imirimo ivunanye.</li> <li>ii) Umwana w'umuhungu udakunzwe n' umugabo wa nyina, akavunishwa ahabwa imirimo itajyanye n'ikigero ke.</li> </ol>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b> Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kumva inkuru <b>“Umwana ni nk’undi”</b>, iri ku rupapuro rwa 16.</p> <p>Yobora ikiganiro wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Ese ibyo uyu mugabo yakoreye uriya mwana w'umuhungu byari bikwiye? Sobanura.</li> <li>ii) Ni iki cyatumye uyu mwana w'umuhungu ata ishuri?</li> <li>iii) Ni ubuhe burenganzira bw'umwana butubahirijwe?</li> <li>iv) Tanga ingero z'ibindi bintu bishobora gutuma abana bafata icyemezo cyo kujya kuba mu muhanda.</li> <li>v) Ni ibihe bibazo abana baba mu muhanda bahura na byo?</li> <li>vi) Ni izihe ngamba zafatwa kugira ngo dukumire abana bajya kuba mu muhanda ?</li> </ol>

### ***Bimwe mu bisubizo by'ibibazo biganirwaho***

- i) Ntibyari bikwiye kuko yavukije umwana uburenganzira bwo kuba mu muryango.
- ii) Yabujijwe amahwemo n'umugabo wa nyina.
- iii) Uburenganzira bw'umwana butubahirijwe :
  - Uburenganzira ku burezi
  - Uburenganzira bwo kurererwa mu muryango
  - Uburenganzira bwo gukundwa
- iv) Ibindi bintu bishobora gutuma abana baja kuba mu muhanda:
  - Kugendera mu kigare cy'urungano
  - Kwishora mu biyobyabwenge
  - Imyitwarire mibi
  - Amakimbirane yo mu miryango
- v) Ibibazo abana baba mu muhanda bahura na byo ni
  - Uburara n' ubwomanzi
  - Kunanirwa ishuri
  - Kwishora mu biyobyabwenge
  - Ihohoterwa n' ibyaha ndenga kamere
  - Indwara zidakira
  - Uburaya n'Ubusambanyi
  - Kugira agahinda gakabije / kwiheba, n'ibindi.
- vi) Ingamba zafatwa kugira ngo dukumire abana baja kuba mu muhanda
  - Ubukangurambaga ku babyeyi bwo kwita ku burere bw'abana babo
  - Kwirinda amakimbirane mu muryango
  - Kurwanya ubukene mu miryango
  - Kubajyana mu bigo ngororamuco
  - Guhanga imirimo nyuma yo kuva mu bigo ngororamuco

	<p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 17.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Abana bo muhanda babarirwa mu byiciro by’abantu bakwiye kwitabwaho mu buryo bwihariye.</li> <li>– Abakobwa n’abahungu bafite uburenganzira bwo kuba mu muryango.</li> </ul>
<p><b>Umusozo</b> Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Ziraguruka”</b></p> <p><b>Amabwiriza y’umukino:</b></p> <p>Saba abagize kilabu kujya ku ruziga.</p> <p>Nuvuga izina ry’inyamaswa iguruka, abagize kilabu barasimbuka bazamure amaboko kandi bakoma mu mashyi.</p> <p>Nuvuga izin ry’inyamaswa itaguruka, abagize kilabu baraguma aho bahagaze.</p> <p>Unyuranya n’amabwiriza yatanzwe, aravanwa mu mukino.</p> <p><b>b. Inshamake y’ikiganiro</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro avuga inshamake y’ibikubiye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Abana bose bafite uburenganzira bwo kuba mu muryango.</li> </ul>

### **c. Isomo dukuye mu kiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Abahungu n' abakobwa bagomba gufatwa kimwe mu muryango.
- Abana bo mu muhanda bagomba kurengerwa na buri wese.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 18, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Uzabaze niba hari abana bagenzi bawe bataye ishuri bakajya kuba mu muhanda, maze uzasobanurire abaturanyi ibibazo abo bana bahura na byo.
- Uzandike ubutumwa buhamagarira abana bo mu muhanda gusubira mu miryango yabo no gusubira mu ishuri.

<b>Ikiganiro cya 6: Icuruzwa ry'abantu</b>	
<b>Intego z' ikiganiro:</b> Iki kiganiro kizafasha abanyeshuri gusobanukirwa ko icuruzwa ry'abantu ari ikibazo gikomeye kigomba gukumirwa na buri wese.	
<b>Imfashanyigisho:</b> Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu , porojegiteri n'ibindi.	
<b>Imyigishirize:</b> Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.	
<b>Igihe:</b> Iminota 50	
<b>ibice by'ikiganiro</b>	<b>Ibikorwa</b>
<b>Intangiriro</b> Iminota 10	<p><b>Igikorwa cya I:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Nzabagira abarobyi b'abantu”</b></p> <p><b>Amabwiriza y'umukino:</b></p> <p>Saba abagize kilabu guhagarara ku ruziga, umukobwa akurikiranye n'umuhungu.</p> <p>Abakobwa batangire kuririmba interuro ya mbere ivuga ngo: <b>“Nzabagira abarobyi”</b>, bakirangiza, abahungu na bo batangire baririmbe iyo nteruro.</p> <p>Buri tsinda, ari abakobwa cyangwa abahungu, basubiramo inshuro eshatu <b>“Nzabagira abarobyi” (x 3)</b> bagasoreza ku nteruro ikurikira: <b>“Nzabagira abarobyi baroba abantu.”</b></p> <p><b>b. Kwitegereza ishusho</b></p> <p>Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza abantu bahuye n'abanyeshuri, bababeshya ko bazabashakira akazi n'amashuri mu mahanga, iri ku rupapuro rwa 19.</p> <p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitegereze ishusho mugire icyo muyivugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n'iyi shusho?</li> </ul>

	<p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka</i></b></p> <p>i) Abasore babiri begamiye imodoka barimo kuvugisha abanyeshuri bababwira ko bazabashakira akazi mu mahanga kandi ko bashobora no kuhakomereza amashuri.</p> <p>ii) Akenshi urubwiruko rushukwa n’ abacuruza abantu babizeza kubabonera akazi gahemba neza mu mahanga, kubabonera amashuri meza kandi mu by’ukuri baba bagiye kubacuruza.</p>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kumva inkuru “<b>Shishoza!</b>”, iri ku rupapuro rwa 18.</p> <p>Yobora ikiganiro wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <p>i) Ese bariya banyeshuri bafashe icyemezo cyo kujya mu mahanga babanje kubitekerezaho neza ? Kubera iki ?</p> <p>ii) Vuga izindi mpamvu zitera icuruzwa ry’abantu ?</p> <p>iii) Ni izihe ngaruka ziterwa n’icuruzwa ry’abantu ?</p> <p>iv) Ni izihe nama wagira urubwiruko kugira ngo rwirinde abantu rutazi barwizeza akazi mu mahanga ?</p> <p>v) Muganire ku ngamba zo kurwanya icuruzwa ry’abantu</p> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo by’ibibazo biganirwaho</i></b></p> <p>i) Ntibyari bikwiye. kubera ko nta kibarutira kwiga</p> <p>ii) izindi mpamvu zitera icuruzwa ry’abantu:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Ubukene</li> <li>– Ibiza</li> <li>– Gushaka ubuzima bwiza</li> <li>– Imigenzo mbonezamubano n’umuco</li> <li>– Gushaka abakozi badahenze (ba make)</li> <li>– Kuvutswa uburenganzira ku banyantege nke</li> </ul>

	<p>iii) Ingaruka ziterwa n'icuruzwa ry'abantu:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina</li> <li>– Ihohoterwa rishingiye ku gitsina</li> <li>– Kubura ubuzima (urupfu)</li> <li>– Kuvutswa uburenganzira</li> <li>– Kubaho mu buzima bwa gicakara</li> <li>– Isenyuka ry' imiryango</li> </ul> <p>iv) Inama twagira urubyiruko kugira ngo rwirinde abarwizeza akazi mu mahanga:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Kwita ku myigire n'ejo hazaza habo</li> <li>– Kwirinda ababizeza ibitangaza</li> <li>– Kumvira ababyeyi babo</li> </ul> <p>v) Ingamba zo kurwanya icuruzwa ry'abantu:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Gushyiraho ibihano bikomeye ku bacuruza abantu</li> <li>– Kongerera imbaraga Polisi mpuzamahanga</li> <li>– Ubukangurambaga bwimbitse ku bijyanye n' icuruzwa ry'abantu</li> <li>– Gushyiraho amategeko n' ibihano biremereye ku bakora ubucuruzi bw'abantu.</li> </ul>
	<p><b>Igikorwa cya 3:</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 19.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw'ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw' ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Icuruzwa ry'abantu ni icyaha gikomeye kibangamira uburenganzira bwa muntu kandi rikwiye gukumirwa na buri wese.</li> <li>– Icuruzwa ry'abantu rikorwa mu buryo bwinshi kandi ntirigira imipaka.</li> <li>– Abacuruza abantu bakoresha imbaraga, uburiganya, cyangwa iterabwoba bahatira inzirikarengane mu mirimo cyangwa imibonano mpuzabitsina y'agahato.</li> </ul>

<p><b>Umusozo</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Amashyi y’ ubwikube (<b>Factorial</b>)</p> <p><b>Amabwiriza y’umukino:</b></p> <p>Saba abagize kilabu kujya ku ruziga.</p> <p>Abagize kilabu bakome amashyi bahereye ku nshuro eshanu (5), bakurikizeho ikirenge k’iburyo na cyo bagicinnye hasi inshuro eshanu (5). Hanyuma bakomeze batyo ku nshuro enye, (4), eshatu (3), ebyiri (2), imwe (1) ari nako basimburanya gukoma amshyi no gucinya ikirenge hasi. Uwo binaniye ajya hanze y’ uruziga.</p> <p><b>b. Inshamake y’ikiganiro</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro avuga inshamake y’ibikubiye mu kiganiro.:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Abahungu n’ abakobwa bagomba kwirinda ababizeza ibitangaza, ahubwo bagashishikazwa n’ amasomo yabo.</li> </ul>
	<p><b>c. Isomo dukuye mu kiganiro</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Icuruzwa ry’ abantu ni ikibazo cyugarije ikiremwa muntu, kigomba kuranduranwa n’ imizi yacyo.</li> </ul> <p><b>d. Umukoro:</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 20, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Uzabwire bagenzi bawe uko bakwiriye kwirinda abantu babizeza ibitangaza bigatuma bata ishuri.</li> <li>– Uzabaririze aho utuye niba nta bikorwa bijyanye n’icuruzwa ry’abantu bihakorerwa maze utange ubutumwa ku cyakorwa.</li> </ul>

# IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA

## INGINGO YA 1: IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA RIKORERWA MU MIRYANGO

### Ikiganiro cya 7: Amakuru y’ingenzi ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango

**Intego y’ikiganiro :** Iki kiganiro kigamije gusobanurira abagize kilabu ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango, kubaha ubumenyi bubafasha kwitwara neza, kuryirinda, kurikumira no guhindura imyumvire n’imyitwarire.

**Imfashanyigisho :** Impapuro nini, marikeri z’amabara anyuranye, igifashi, amakayi n’amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n’ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n’ibisubizo n’ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

Ibice by’ikiganiro	Ibikorwa
<p><b>Intangiriro</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya :I</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> umukino witwa “Life boat”</p> <p><b>Amabwiriza y’umukino</b></p> <p>Shyira abagize kilabu ku uruziga.            Basobanurire ko bari mu bwato burimo kwibira.            Basabe guhungira mu bwato bw’ubutabazi            Babwire ko ubwo bwato bufite ubushobozi buke bwo kubatabara.            Bitewe n’umubare w’abagize kilabu, babwire ko ubwo bwato bw’ubutabazi butwara abantu 3, 5 cyangwa 6 gusa.</p>

	<p>Mu masegonda atarenze 5 babe bamaze gukora amatsinda ya batatubatatu, batanubatanu cyangwa batandatubatandatu.</p> <p>Shyira ku ruhande ababuze itsinda bajyamo n’abakoze amatsinda agizwe n’imibare inyuranye n’iyasabwe.</p> <p>Tanga undi mubare mushya ababonye amatsinda bakore andi nanone abayabuze bavemo kugeza igihe hazaba hasigaye itsinda rimwe ryahize ayandi.</p> <p><b>b. Kwitegereza ishusho</b></p> <p>Saba abagize kilabu kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango iri ku rupapuro rwa 22.</p> <p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <p>i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.</p> <p>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’iyi shusho?</p> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka</i></b></p> <p>i) Ishusho yerekana umukobwa w’umwangavu wicaranye n’abagore babiri bakuze.</p> <p>ii) Mu muryango nyarwanda haracyagaragara ababyeyi bahatira abana b’abakobwa gushaka abagabo bataragera ku myaka y’ubukure.</p>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kumva inkuru <b>“Ishyingirwa rya Gasheke!”</b>, iri ku rupapuro rwa 22.</p> <p>Yobora ikiganiro wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <p>i) Hari ihohoterwa rishingiye ku gitsina rigaragara muri iyi nkuru?</p> <p>ii) Uyu mwana yari gukora iki?</p> <p>iii) Iyo ibi bizakuba ari wowe byabayeho uba warakoze iki?</p>

	<p><b><i>Bimwe mu bisubizo by'ibibazo biganirwaho</i></b></p> <p>i) Yego</p> <p>ii) Umwana yagombaga kubimenyesha ubuyobozi bumwegereye.</p> <p>iii) Nagombaga gusaba abayobozi gusobanurira no kubuza ababyeyi banjye ku nshyingira nkiri muto kuko binyuranije n'amategeko.</p> <p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 23.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw'ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw'ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Gushyingirwa imburagihe ni ihohoterwa rishingiye ku gitsina ntibyemewe kandi ribanwa n'amategeko,</li> <li>– Kwirinda no gukumira ishyingirwa ry'imburagihe.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b> Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero: Umukino witwa Mingo</b></p> <p><b>Amabwiriza y'umukino</b></p> <p>Umuyobozi w'ikiganiro araririmba ngo: <b>“Mingo”, “Mingo”, “Mingo”</b>, abagize kalabu bakamwikiriza bavuga ngo <b>“Mingo”</b>.</p> <p>Umuyobozi w'ikiganiro arongera akaririmba ngo: <b>“Closer”, “Closer”, “Closer”</b>, abagize kalabu bakamwikiriza bamwegera bavuga ngo: <b>“Closer”</b>.</p> <p>Umuyobozi w'ikiganiro arongera akaririmba ngo: <b>“Wider”, “Wider”, “Wider”</b>, abagize kalabu bakamwikiriza basubira inyuma bavuga ngo: <b>“Wider”</b>.</p> <p>Iyo bamaze gusubira ku ruziga, Umuyobozi w'ikiganiro akavuga ngo <b>“Mingo 3 cyangwa Mingo 4 cyangwa Mingo 5”</b> bityo abagize kilabu bagakora amatsinda agizwe n'umubare yavuze.</p>

Shyira ku ruhande ababuze itsinda bajyamo n'abakoze amatsinda agizwe n'imibare inyuranye n'iyasabwe.

Tanga undi mubare mushya ababonye amatsinda bakore andi nanone abayabuze bavemo kugeza igihe hazaba hasigaye itsinda rimwe ryahize ayandi.

### **b. Inshamake y'ikiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro avuga inshamake y'ibikubiye mu kiganiro.

Abana bamwe na bamwe bagerwaho n'ingaruka z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango. Urugero: gushyingirwa bakiri bato.

### **c. Isomo dukuye mu kiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Guhatira umwana w'umukobwa gushyingirwa by'imburagihe ni ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi bihanwa n'amategeko.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 23, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Buri wese ahimbe inkuru ivuga ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu miryango azayisomere bagenzi bawe ubutaha.

## **Ikiganiro cya 8: Amoko y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango**

**Intego y'ikiganiro :** Iki kiganiro kigamije gusobanunira abagize kilabu amoko y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango kugira ngo baryirinde kandi bagire imyitwarire ikwiye.

**Imfashanyigisho:** Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n'ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

**Ibice by'ikiganiro**

**Ibikorwa**

**Intangiriro**

Iminota 10

**Igikorwa cya I :**

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa “**Gukora amagambo (Create words)**”

**Amabwiriza y'umukino**

Shyira abagize kilabu mu matsinda ya batatubatatu cyangwa banebane.

Andika ijambo: “**Umwangavu**” ku kibaho.

Bahe iminota yo kuba bamaze kuvumbura amagambo ashoboka yose agizwe n'inyuguti zigize ijambo “**Umwangavu**”.

**Urugero:**Umwuga, umwana, umuvu, amavuna, amaga, umwavu, uvuga, uvugwa, uwavuga, umwaga, vunga, ...

Igihe wagennye nikirangira, itsinda rizaba ryabonye amagambo menshi niryozababwira ritsinze.

**Ikitonderwa:** Ushobora gukoresha andi magambo bitewe n'insanganyamatsiko mushaka kuganiraho.

	<p><b>b. Kwitegereza ishusho</b></p> <p>Saba abagize kilabu kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza amoko y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango iri ku rupapuro rwa 24.</p> <p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze iri shusho maze mugire icyo murivugaho</li> <li>ii) Iyi shusho iratanga ubuhe butumwa?</li> </ul> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Iragaragaza umugore ukiri muto utwite, bigaragara ko yihebye, akikijwe n'umugabo n'umugore bamubwira nabi.</li> </ul> <p>Umugabo asa n'uri kumuregera umubyeyi w'umugore, uwo mugore arimo kumutonganya.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>ii) Umugore wese utwite akwiye kurindwa ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina.</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kumva inkuru “Amagorwa ya Gasheke” iri ku rupapuro rwa 23.</p> <p>Yobora ikiganiro wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Hari ihohoterwa rishingiye ku gitsina rigaragara muri iyi nkuru?</li> <li>ii) Vuga ubundi bwoko bw'ihohoterwa rishingiye ku gitsina uzi.</li> </ul> <p><b>b. Bimwe mu bisubizo by'ibibazo biganirwaho</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Yego. Harimo itototezwa no gucunaguzwa no gushyingirwa utaragira imyaka y'ubukure.</li> <li>ii) Ubundi bwoko bw'ihohoterwa: <ul style="list-style-type: none"> <li>– Ihohoterwa rishingiye ku guhoza uwo mwashakanye ku nkeke</li> <li>– Ihohoterwa ribabaza umubiri</li> <li>– Ihohoterwa ryo gufata ku ngufu</li> </ul> </li> </ul>

	<ul style="list-style-type: none"> <li>– Ihohoterwa rishengura umutima</li> <li>– ihohoterwa rishingiye ku icuruzwa ry’abantu</li> <li>– Ihohoterwa rishingiye ku mutungo.</li> </ul> <p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 24.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Umugore utwite agomba kubahwa no kwitabwaho</li> <li>– Gushyingira umwana utarageza ku myaka y’ubukure ni bumwe mu bwoko bw’ihohoterwa rishingiye ku gitsina.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b> iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa “<b>Kwirukana isazi ugafata umubu</b>”</p> <p><b>Amabwiriza y’umukino</b></p> <p>Shyira abagize kilabu ku ruziga maze ubabwire uti: Nimvuga nti: “Fata umubu” musimbuke mukome mu mashyi. Nimvuga nti: “Irukana isazi” mukubite amaboko hirya no hino impande zanyu. Unyuranya n’amabwiriza yatanzwe akurwa mu mukino.</p> <p><b>b. Inshamake y’ikiganiro</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro avuga inshamake y’ibikubiye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu miryango rirangiza kandi rishobora gutera agahinda gakabije n’urupfu.</li> </ul>

	<p><b>c. Isomo dukuye mu kiganiro:</b></p> <p>Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Ihohoterwa rishingiye ku gitsina iryo ari ryo ryose rigomba gucika burundu.</li> </ul> <p><b>d. Umukoro</b></p> <p>Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 24, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Muhimbe inkuru ijyanye n'amoko y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu miryango muzayisomere bagenzi banyu ubutaha.</li> </ul>
--	--

**Ikiganiro cya 9: Impamvu zitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango**

**Intego y'ikiganiro:** Iki kiganiro kigamije gusobanurira abagize kilabu impamvu zitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango n'uko baryirinda.

**Imfashanyigisho:** Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojeteri n'ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

Ibice by'ikiganiro	Ibikorwa
<p><b>Intangiriro</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya I:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa “Kubara kuva kuri I kugeza ku 10”</p> <p><b>Amabwiriza y'umukino:</b></p> <p>Mubare muhereye kuri I mugeze ku 10 (Kuva ku mubare muto mujya ku munini). Muhindure mubare muhereye ku 10 mugeze kuri I (Kuva ku mubare munini mujya ku muto) mukoresha amaboko n'amaguru.</p>

	<p><b>b. Kwitegereza ishusho:</b></p> <p>Saba abagize kilabu kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza impamvu zitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango, iri ku rupapuro rwa 25.</p> <p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze iyi shusho maze muvuge ibyo muyibonaho.</li> <li>ii) Iyi shusho iratanga ubuhe butumwa?</li> </ol> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</i></b></p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Ishusho irerekana: <ul style="list-style-type: none"> <li>– Umugabo bigaragara ko yasinze afite amacupa 2 y’inzoga.</li> <li>– Umugore uri kumwe n’abana be bambaye imyenda icitse ubona bumiwe.</li> <li>– Wa mugabo asa nutangaye kubera ko asanze ibikoresho byabo byose byatawe hanze.</li> </ul> </li> <li>ii) Ubusinzi ni imwe mu mpamvu zitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango.</li> </ol>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kumva inkuru “<b>Umusinzi Nzogasha</b>”, iri ku rupapuro rwa 25.</p> <p><b>b. Ibibazo biganirwaho</b></p> <p>Yobora ikiganiro wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Uhereye kuri iyi nkuru, ni iyihe mpamvu yateye ihohoterwa muri uriya muryango?</li> <li>ii) Ni izihe mpamvu zindi muzi zishobora gutera ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu muryango?</li> </ol>

	<p><b><i>Bimwe mu bisubizo by'ibibazo biganirwaho</i></b></p> <p>i) Impamvu yateye ihohoterwa ni ubusinzi.</p> <p>ii) Izindi mpamvu zishobora gutera ihohoterwa mu muryango: amakimbirane, gukoresha nabi umutungo, kutubahana, umuco, ubusambanyi n'ubushoreke, ubujiji, ubugome kamere, kwikuza no gushaka igitinyiro, kwikunda, ishyari, amabwire,...</p> <p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 26.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw'ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw'ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Buri wese agomba kwirinda icyo aricyo cyose cyatera ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu muryango.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b> Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero: Umukino witwa "Irobo (Robot testing)"</b></p> <p><b>Amabwiriza y'umukino:</b></p> <p>Shyira abanyeshuri mu matsinda ya batatu, barakina nka robo 3, imwe iyoboye izindi ebyiri. Igihe umukino utangiye, robo zose (3) zigenda mu kerekezo kimwe. Iyo robo iyoboye izindi ikoze ku rutugu rwayo rw' iburyo, izindi zirahindukira zikerekeza iburyo, yakora ku rutugu rw' ibumoso zigahindukirira ibumoso. Robo iyoboye igomba kuyobora izindi igihe zigiyeye kugonga ibintu nk' intebe, inkuta cyangwa izindi robo (kuko umukino ushobora gukinwa n'amatsinda arenze rimwe mu kibiga kimwa). Itsinda ryagonze riba ritsinzwe umukino.</p>

### **b. Inshamake y'ikiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro avuga inshamake y'ibikubiye mu kiganiro.

- Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rishobora guterwa n'amakimbirane, gukoresha nabi umutungo, kutubahana, umuco, ubusambanyi n'ubushoreke, ubujiji, ubugome kamere, kwikuza no gushaka igitinyiro, kwikunda, ishyari, amabwire, kutubahiriza ihame ry'uburinganire, ...

### **c. Isomo dukuye mu kiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Tugomba kumenya impamvu zitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu muryango, uburyo bwo kuzirinda no kuzirinda abandi.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 26, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Buri wese ahimbe agakuru kagufi ku mpamvu zitera ihohoterwa rikorerwa mu muryango azagasomere abandi ubutaha.

## **Ikiganiro cya 10: Ingaruka ziterwa n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango**

**Intego y'ikiganiro:** Iki kiganiro kigamiye gusobanurira abagize kilabu ingaruka ziterwa n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango.

**Imfashanyigisho:** Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n'ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

**Ibice by'ikiganiro**

**Ibikorwa**

**Intangiriro**

Iminota 10

**Igikorwa cya I**

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa “Igikombe cy'amafi”

**Amabwiriza y'umukino:**

Shyira abagize kilabu mu matsinda abiri anganya umubare.

Itsinda rimwe rikore uruziga maze irindi rikore urundi ruziga ruzengurutse urw'iryambere.

Basabe baririmbe indirimbo bashaka baranguruye amajwi bakoma mu mashyi.

Buri tsinda rigende rizenguruka mu ruziga ryakoze ryerekeza mu kerekezo gitandukanye n'ik'irindi.

Nyuma y'amasegonda icumi basabe guhagarika kuririmba no kugenda maze abagize itsinda rya mbere bahindukire barebane n'abagize itsinda rya kabiri.

Saba abarebana kubwirana ibibazo byabo bucece hanyuma bagirane inama.

Bashobora no kuvuga ku mutwe w'iki kiganiro.

Nyuma y'iminota ibiri, basabe bongera baririmbe, za nziga zombi zongere zigende nk'uko byakorwaga mbere.

Birakomeza bityo kugeza igihe buri wese mu bagize itsinda yumvise ibibazo bya bagenzi be benshi bashoboka.

	<p><b>b. Kwitegereza ishusho:</b> Saba abagize kilabu kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza iri ku rupapuro rwa 27.</p> <p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze ishusho maze muvuge ibyo muyibonaho</li> <li>ii) Iyi shusho iratanga ubuhe butumwa?</li> </ul> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Umugore n’umwana bagaragaza indwara z’imirire mibi.</li> <li>ii) Kutitabwaho no gutereranwa bigira ingaruka z’imibereho mibi ku bagize umuryango.</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b>  Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2</b></p> <p><b>a. Inkuru</b> Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kumva inkuru “<b>Gasheke yaratereranywe</b>” iri ku rupapuro rwa 26.</p> <p><b>b. Ikibazo kiganirwaho</b> Ni izihe ngaruka ziterwa n’ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango zigaragara muri iyi nkuru.</p> <p><b><i>Igisubizo k’ikibazo kiganirwaho</i></b> Imirire mibi, kurenganywa ko wabyaye umukobwa, kudafashwa, urupfu, kutitabwaho, amakimbirane.</p>
	<p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b> Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 27.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ingenzi</b> Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Turwanye impamvu zose zatera ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango</li> <li>– Twirinde ingaruka ziterwa n’ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango</li> </ul>

**Umwanzuro**  
Iminota 10

## **Igikorwa cya 4**

### **a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa “**Kunaga agapira**”

#### **Amabwiriza y’umukino:**

Umuyobozi w’itsinda aterera agapira umwumwe mu bagize itsinda. Uterewe agapira agahita yibwira abandi akanavuga ikintu kimwe akunda

### **b. Inshamake y’ikiganiro**

Umuyobozi w’ikiganiro avuga inshamake y’ibikubiye mu kiganiro.

- Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango rigira ingaruka mbi nyinshi: kwiheba, imirire mibi, kurwaragurika, ubusinzi, kunywa ibiyobyabwenge, urupfu, guta ishuri, guseniyuka k’umuryango, ubuharike, ubuzererezi, gusabiriza,

### **c. Isomo dukuye mu kiganiro**

Umuyobozi w’ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Kurwanya z’ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango bituma abagize umuryango babana mu mahoro bishimye kandi bafite ubuzima bwiza.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w’ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 27, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Muhimbe inkuru ku ngaruka ziterwa n’ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango muzazisomere bagenzi banyu ubutaha.

<b>Ikiganiro cya I I: Gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kwita ku bahohotewe mu miryango</b>	
<b>Intego y' ikiganiro :</b> Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri kumenya uburyo bwo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina n' uko bakwita ku bahohotewe mu miryango.	
<b>Imfashanyigisho:</b> Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n'ibindi.	
<b>Imyigishirize:</b> Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.	
<b>Igihe:</b> iminota 50	
<b>Ibice by'ikiganiro</b>	<b>Ibikorwa</b>
<b>Intangiriro</b> Iminota 10	<p><b>Igikorwa cya I :</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Kare enye”</b></p> <p><b>Amabwiriza y' umukino</b></p> <p>Shushanya kare enye zifatanye zifite numero kuva kuri 1 kugeza kuri 4. Buri kare ifite metero kare imwe.</p> <p>Umukino utangirana n'abakinnyi bane buri wese ari muri kare ye. Umukinnyi wo muri kare ya kane ni we utangira afite umupira. Awukoresha awudunda muri kare y'undi mukinnyi ahashatse. Uwo na we awukubita umaze kwidunda inshuro imwe akawerekeza mu yindi kare abonye. Umukino ukomeza utyo kugeza igihe hazza kugira uhusha umupira ukidunda kabiri cyangwa ukajya inyuma y'umurongo. Umunnyi ucitswe n'umupira aba atsinzwe naho abakinnyi basigaye bakaba batsinze. Iyo itsinda ry'abakinnyi bane rimaze gukina, ushobora gufata abandi bakinnyi bane, bityobityo bitewe n'igihe ufite.</p> <p><b>b. Kwitegereza ishusho</b></p> <p>Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza umubyeyi ukataje ajya ku kigo gitanga inama n'ubufasha ku bahohotewe n'abahuye n'ihungabana, iri ku rupapuro rwa 28 na 29.</p>

	<p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n'iyi shusho?</li> </ul> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ishusho iragaragaza umugore ugiye ku kigo gitanga inama n' ubufasha ku bahohotewe n' abahuye n' ihungabana 'Isange One Stop Centre' kugira ngo ahabwe ubufasha.</li> <li>ii) Uwahohotewe agomba kwiambaza ikigo gitanga inama n' ubufasha ku bahohotewe n' abahuye n' ihungabana 'Isange One Stop Centre'.</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Binyuze mu matsinda, saba abagize kilabu gusoma no kumva inkuru <b>“Nahawe ubufasha”</b>, iri ku rupapuro rwa 28.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ni ubuhe buryo bwo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kwita ku bahohotewe mu miryango bwavuzwe muri iyi nkuru?</li> <li>ii) Ni hehe umuryango wa Gasheke ukura inama?</li> <li>iii) Tanga ubundi buryo bwo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kwita ku bahohotewe mu muryango.</li> </ul> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo by'ibibazo biganirwaho</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Gushaka amakuru ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kubimenyesha inzego zishinzwe kurikumira igihe hari aho ryagaragaye.</li> <li>ii) Ku bajyanama b'ubuzima no ku kigo gitanga inama n'ubufasha ku bahohotewe n'abahuye n'ihungabana; 'Isange One Stop Centre'.</li> </ul>

	<p>iii) Ibiganiro n’amahugurwa bihoraho ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina n’ingaruka zaryo mu muryango, guhana uwakoze ihohotera n’uwarihishiriye. Kurwanya ikoreshwa ry’ibiyobyabwenge, gushishikariza abantu gukunda umurimo turwanya ubukene, kwirinda kujya ahantu horohereza uhohoterwa, kwirinda imyitwarire n’imyambarire ishobora kuba intandaro y’ihohoterwa.</p> <p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 29.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kwita ku bahohotewe mu miryango ni inshingano z’abagabo n’abagore.</li> <li>– Ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina mu miryango rigomba kugezwa ku kigo gitanga inama n’ubufasha ku bahohotewe n’ abahuye n’ ihungabana; ‘Isange One Stop Centre’ hifashishijwe umurongo utishyurwa I 16.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b> iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> umukino witwa “<b>Kunaga agapira</b>”</p> <p><b>Amabwiriza y’umukino:</b></p> <p>Abagize Kilabu bahagarara ku ruziga, umuyobozi w’itsinda agaterera agapira umwe umwe mu bagize itsinda. Uterewe agapira agahita yibwira abandi akanavuga ikintu kimwe akunda.</p>

### **b. Inshamake y'ikiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y'ibikubiye mu kiganiro.

- Ntagushidikanya ni ngombwa gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu miryango twirinda ubusinzi, amahame abangamira uburinganire n'ubwuzuzanye, ubukene, amakimbirane mu miryango, ...

### **c. Isomo dukuye mu kiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu miryango ritera amakimbirane mu miryango, ubukene, gutandukana kw'abashakanye, urupfu, guta ishuri kw'abana n'ibindi iyo ritakumiriwe.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 30, uyu mukoro ukazaganirwaho mu kiganiro gitaha.

- Muzandike inkuru y' umuntu wakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina kubera kutagira amakuru ajyanye n'iryo hohoterwa mu muryango hanyuma munganire uburyo ryakumirwa.

## INGINGO YA 2: IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA RIKORERWA MU MASHURI

### Ikiganiro cya 12: Amakuru y’ingenzi ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri

**Intego y’ikiganiro:** Iki kiganiro kigamije gutanga amakuru y’ingenzi ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri kugira ngo abanyeshuri banyirinde kandi bibafashe no guhindura imyitwarire.

**Imfashanyigisho :** Impapuro nini, marikeri z’amabara anyuranye, igifashi, amakayi n’amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n’ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n’ibisubizo n’ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

**Ibice by’ikiganiro**

**Ibikorwa**

**Intangiriro**

Iminota 10

**Igikorwa cya I**

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa “**kunaga agafuka k’ibishyimbo (Bean bag toss)**”

**Amabwiriza y’ umukino**

Abagize itsinda ry’umukino bahagarara ahantu hamwe bumvikanyeho, bagasimburana kunaga udufuka (urugero dutanu) tw’ibishyimbo cya ikindi kintu kiboneka aho bari, barushanwa kudutera mu kobo kafashwe nk’ intego (target) inshuro nyinshi zishoboka. Buri wese ashobora gukina ku giti ke cyangwa bagakina mu matsinda bakandika amanota bagenda babona. Intera iri hagati y’umukinnyi n’intego ni metero 6 (zishobora kurenga cyangwa zikagabanuka bitewe n’ikigero cy’abakinnyi).

Abagize kilabu bategereza ko buri wese arangiza kunaga udufuka yahawe mbere yo kujya kutugarura kugira ngo bongere batangire.

Koresha uburyo bushoboka ku buryo abagize kilabu bashimira abashoje umukino kandi batere ishyamba abakurikiyeho.

	<p><b>b. Kwitegereza ishusho</b></p> <p>Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho ivuga k’umuhungu ushaka guhohotera umunyeshuri w’umukobwa uri mu bwihere”,iri ku rupapuro rwa 31</p> <p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’iyi shusho?</li> </ul> <p><b>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ishusho iragaragaza umunyeshuri w’umuhungu washakaga gufata ku ngufu uw’umukobwa hanyuma umuzamu w’ikigo aramutabara.</li> <li>ii) Ni byiza gutabaza igihe igihe cyose ugiriwe ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu mashuri.</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Binyuze mu matsinda, saba abagize kilabu gusoma no kumva inkuru <b>“Wihishira ihohoterwa”</b>, iri ku rupapuro rwa 30</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ese hari ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri ryaba riri mu nkuru mwumvise?</li> <li>ii) Ni iki umuyobozi w’ishuri ashobora kuzakora namara kumenya ibyabaye?</li> <li>iii) Iyo uza kuba Hawaii wari gukora iki?</li> </ul> <p><b>Bimwe mu bisubizo by’ibibazo biganirwaho</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Yego rirahari kubera ko uriya munyeshuri w’umuhungu yashatse gufata ku ngufu uriya umukobwa</li> </ul>

	<p>ii) Ashobora kuzahamagara bariya banyeshuri bombi akababaza uko byagenze. Umuhungu niyemera ikosa agasaba imbabazi umuyobozi w'ishuri ashobora kuzamubabarira akanamugira inama yo kutazongera kugira imyitwarire nk'iyi. Ashobora kuzamenyesha umukobwa ko yakagombye kuba yaramenyekanishije hakiri kare imyitwarire mibi y'umuhungu agitangira kubibona. Ashobora kubimenyesha RIB ku murungo utishyurwa 3512 cyangwa akabimenyesha inzego z'ibanze.</p> <p>iii) Ndi Hawaii nagombaga kubimenyekanisha hakiri kare.</p> <p>iv) kibuni nari gusaba imbabazi nkemera ko ntazongera.</p> <p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 31.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw'ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw'ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b><i>Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Umubiri wawe ni ntavogerwa, wurinde ihohoterwa iryo ari ryo ryose.</li> <li>– Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ribangamira bikomeye uburenganzira bw'ibanze bwa muntu.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b> iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> umukino witwa “ <b>Kunaga agapira</b>”</p> <p><b>Amabwiriza y'umukino:</b></p> <p>Abagize Kilabu bahagarara ku ruziga, umuyobozi w'itsinda agaterera agapira umwumwe mu bagize itsinda. Uterewe agapira agahita yibwira abandi akanavuga ikintu kimwe akunda.</p>

### **b. Inshamake y'ikiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y' ikiganiro:

- Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri rishobora kugera ku ishuri iryo ari ryo ryose, ni yo mpamvu buri wese agomba kongera imbaraga mu kurikumira haba ubuyobozi bw'ishuri, abarimu ndetse n'abanyeshuri.

### **c. Isomo dukuye mu kiganiro:**

Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Ni uruhare rwa buri wese mu kumenyekanisha ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri no kuririnda abandi
- Ni ngombwa gutanga amakuru ku gihe ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 32, uyu mukoro ukazaganirwaho mu kiganiro gitaha.

- Himba inkuru ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri.

<b>Ikiganiro cya 13: Ubwoko bw'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri</b>	
<b>Intego y'ikiganiro:</b> Iki kiganiro kigamije guha abarezi, abanyeshuri n'abandi bafatanyabikorwa, ubumenyigiro bubafasha kumenya ibikorwa by' ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri mu rwego rwo kubikumira no kubikemura.	
<b>Imfashanyigisho:</b> Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n'ibindi.	
<b>Imyigishirize:</b> Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.	
<b>Igihe:</b> Iminota 50	
<b>Ibice by'ikiganiro</b>	<b>Ibikorwa</b>
<b>Intangiriro</b> Iminota 10	<p><b>Igikorwa cya I</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b> <b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Pipupipu”</b></p> <p><b>Amabwiriza y'umukino:</b></p> <p>Abagize Kilabu bahagarara ku ruziga, mu gihe uyoboye umukino avuze ngo: <b>“PI”</b> abagize kilabu bose bashyira amaboko hejuru, yavuga ngo: <b>“PIPU”</b> abagize kilabu bose barambura amaboko imbere, yavuga ngo: <b>“PIPUPIPU”</b> abagize kilabu bose bamanura amaboko bagakomanga ku mavi. Ubyishe akurwa mu mukino kugeza habonetse uwatsinze.</p> <p><b>Ikitonderwa:</b></p> <p>Hinduranya ibyo ubasaba gukora (<b>PI, PIPU, PIPUPIPU</b>) kugira ngo urebe abatabikora neza maze ubasabe kuza hagati mu ruziga bagufashe kureba bagenzi babo badahuza n'amabwiriza y'umukino watanze.</p>

	<p><b>b. Kwitegereza ishusho</b></p> <p>Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza abanyeshuri b’abahungu bafite imyitwarire mibi, iri ku rupapuro rwa 32.</p> <p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’iyi shusho?</li> </ul> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ishusho iragaragaza umwarimukazi urakaye atonganya abanyeshuri b’abahungu.</li> <li>ii) Umwarimu ashobora gukora ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri akoresheje ibihano bibabaza umubiri</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kumva inkuru <b>“Gukumira ihohoterwa mu mashuri”</b> iri ku rupapuro rwa 32.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ni ubuhe bwoko bw’ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri umwarimukazi yakorewe?</li> <li>ii) Ese ibyo umwarimukazi yakoreye abanyeshuri b’abahungu na byo ni ihohoterwa? Sobanura.</li> <li>iii) Wifashishije ingero zifatika, sobanura ubundi bwoko bw’ihohoterwa rishingiye ku gitsina rishobora gukorerwa mu mashuri cyangwa mu nkengero zayo.</li> </ul>

	<p><b><i>Bimwe mu bisubizo by'ibibazo biganirwaho</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ihohoterwa ribabaza umubiri ( Kwambikwa ubusa).</li> <li>ii) Yego. Yakubise abanyeshuri bamuhenuruye anabirukana mu ishuri.</li> <li>iii) Gukwena, ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ibikorwa bishingiye ku gitsina bishukisha abakobwa amanota n'amafaranga y'ishuri, abarimu batereta abanyeshuri bagamije kubakoresha imibonano mpuzabitsina, korohera no gushyigikira ubwiganze bw'abanyeshuri b'abahungu cyangwa kurebera abashotora abakobwa mu kigo k'ishuri.</li> </ul> <p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b> Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 33.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw'ingenzi</b> Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw' ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Gukoresha neza ububasha bwawe.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b> Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> umukino witwa “<b>guhama ya intego (Bowling game)</b>”</p> <p><b>Amabwiriza y'umukino:</b></p> <p>Tegura ameza, uyakikizeho intebe ziyateye umugongo, maze utondeke uducupa tw'amazi turimo ubusa ku murongo utambitse. Abagize kilabu bahagarare bateganye n'umurongo uriho ya macupa hanyuma basimburane kuyahama akadenesi kugira ngo bayagushe hasi.</p>

**Ikitonderwa:**

Abanyeshuri bashora kubikora mu matsinda cyangwa umwe umwe ku giti ke kugeza igihe habonetse itsinda cyangwa umunyeshuri utera akadenesi kagatura hasi twa ducupa twose.

**b. Inshamake y'ikiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y'ikiganiro.

- Abanyeshuri, abarezi n'abafatanyabikorwa b'ikigo k'ishuri bakwiye gusobanukirwa ubwoko bw'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri nko gukoza isoni abandi, gusebanya, ibikorwa bishingiye ku gitsina bishukisha abakobwa amanota n'amafaranga y'ishuri, abarimu batereta abanyeshuri bagamije kubakoresha imibonano mpuzabitsina, korohera no gushyigikira ubwiganze bw'abanyeshuri b'abahungu cyangwa kurebera abashotora abakobwa mu kigo k'ishuri.

**c. Isomo dukuye mu kiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Tugomba gusobanukirwa amoko y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri.

**d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 33, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Girana ikiganiro n'abantu batanu ubabaza ku moko y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri y'aho mutuye, hanyuma uzabiganirire bangezi bawe muhurira muri kilabu.

## **Ikiganiro cya I4: Impamvu zitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri**

**Intego y'ikiganiro:** Iki kiganiro kigamiye gufasha abagize kilabu gusobanukirwa ibitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri kugira ngo baryirinde banamagane abarikora.

**Imfashanyigisho :** Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n'ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

<b>Ibice by'ikiganiro</b>	<b>Ibikorwa</b>
<b>Intangiriro</b> <b>Iminota 10</b>	<b>Igikorwa cya I</b> <b>a. Umukino wo kwishyushya</b> <b>Urugero:</b> Umukino witwa “The helmet game” <b>Amabwiriza y'umukino</b> Shinga ibiti 2 mu kibuga, ubishyireho umutambiko maze umanikeho igipirizo cyuzuye amazi.  Hitamo umwe mu bagize kilabu (club) mumupfuke igitambaro mu maso, mumuhe agasumari, ihwa cyangwa igikwasi maze umwe muri bagenzi be amuyobore aho cya gipirizo kiri, nagera hafi yacyo amusabe kugitobora. Umukinnyi ugeza ku minota ibiri atarashobora kugihama ngo agitobore azaba atsinzwe, hakurikireho undi gutyogutyo.

	<p><b>b. Kwitegereza ishusho</b></p> <p>Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza umuyobozi w’ishuri uganyiriza abanyeshuri bagiranye amakimbirane, iri ku rupapuro rwa 34 .</p> <p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitegereze ishusho mugire icyo muyivugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’iyi shusho?</li> </ul> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) ishusho igaragaza umuyobozi w’ishuri uvugana n’abanyeshuri bagiranye amakimbirane ariko akabogama abwira umuhungu ko yakagombye kwerekana ubugabo bwe akubita umukobwa</li> <li>ii) Rimwe na rimwe abayobozi bashyigikira ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri batabizi.</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kumva inkuru <b>“kubogamira ku gitsina kimwe”</b> iri ku rupapuro rwa 33 na 34.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Sobanura uburyo igisubizo umuyobozi w’ishuri yahaye umuhungu wakubiswe na Sayo gishyigikira ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri.</li> <li>ii) Kuki abakobwa bo mu kigo cy’amashuri cya Mundo batahabwaga amahirwe angana n’ay’abahungu bigana mu marushanwa yo guhagararira ikigo?</li> <li>iii) Ni iki wavuga ku myumvire y’ababyeyi ba Sayo?</li> </ul>

	<p><b><i>Bimwe mu bisubizo by'ibibazo biganirwaho</i></b></p> <p>i) Umuyobozi w'ikigo yashishikarije umunyeshuri w'umuhungu gukubita Sayo (umukobwa). Uku kubogeza cyangwa kubashyigikira bituma abahungu bahora bumva ko barusha imbaraga abakobwa.</p> <p>ii) Ubushobozi bw'abana b'abakobwa mu kwiga amasomo ya siyansi ntibuhabwa agaciro.</p> <p>iii) Imyumvire y'ababyeyi ba Sayo iracyari hasi, ntibaramenya ko n' umukobwa ashobora kwiga amasiyansi kandi agatsinda neza.</p> <p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b> Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 35.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw'ingenzi</b> Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw' ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b><i>Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:</i></b></p> <p><b>Urugero:</b> Abakobwa n'abahungu bafite ubushobozi bungana.</p>
<p><b>Umwanzuro</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b> <b>Urugero:</b> umukino witwa “<b>Basiketi tenis (Basket Tennis)</b>”</p> <p><b>Amabwiriza y'umukino:</b></p> <p>Abagize kalabu bakora amatsinda ya babiribabiri maze hagati y'itsinda n'irindi hakaba hari intera ya metero 5 (Iyi ntera ushobora kuyongera cyangwa kuyigabanya ugamije korohereza abakinnyi). Umwe afata agatebo naho undi agafata udupira (utudenesi).</p> <p>Umukinnyi ufite udupira (utudenesi) agerageza kunaga kamwe muri twa dupira (utudenesi) mu gaseke mugenzi we akagasama akoresheje ka gaseke.</p>

Itsinda ritsinda iyo ryashoboye kunaga byibura udupira (utudenesi) 5 mu gatebo.

**Ubundi buryo:** Umwe ashobora kunaga agapira (akadenesi) ku mu kerekezo ashaka maze mugenzi we akagasama akoresheje agatebo.

### **b. Inshamake y'ikiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y'ibikubiye mu kiganiro.

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri rikomoka ku muco wo guheza igitsina gore, imigenzo ishimangira ubusumbane bw'ibitsina byombi no kudahabwa ububasha bungana.

### **c. Isomo dukuye mu kiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Imico n'imigenzo byimakaza ubusumbane hagati y'ibitsina byombi bigomba gukumirwa.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 35, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Uhereye ku ngero zifatika sobanura uruhare rw'abagore mu iterambere ry'igihugu utitaye ku mbogamizi bahura na zo.

## **Ikiganiro cya 15: Ingaruka z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri**

**Intego y'ikiganiro:** Iki kiganiro kigamije gusobanurira abanyeshuri ingaruka abanyeshuri bahuye n' ihohoterwa rishingiye ku gitsina bakunze guhura na zo. Kinashishikariza kandi abanyeshuri kuvuga **“oya”** igihe bagiye gukorerwa iryo hohoterwa.

**Imfashanyigisho:** Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojeteri n'ibindi.

**Imyigishirize:** Gutanga ikiganiro, kujya impaka, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

**Ibice by'ikiganiro**

**Ibikorwa**

**Intangiriro:**

Iminota 10

**Igikorwa cya I**

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** umukino witwa **“Ball catapult”**

**Amabwiriza y'umukino**

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri. Huza amatsinda abiri, rimwe rishyire agapira (akadenesi) ku gitambaro irindi ribe rifite igitambaro gusa. Itsinda rifite agapira (akadenesi) rigatere hejuru rikoresheje igitambaro maze irifite igitambaro gusa rikagasamisha igitambaro. Nyuma yo kugasama na bo bakanagira bagenzi babo maze na bo bagasamishe igitambaro. Itsinda rinaniwe gusama agapira (akadenesi) rivamo rigasimbuzwa irindi hanyuma iryinjyemo rikaba ari ryo rifata agapira rigatangiza umukino.

**Ikitonderwa:** Uyu mukino ntugomba kurenza iminota 5.

**b. Kwitegereza ishusho**

Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho iri ku rupapuro rwa 36.

	<p>Bashyire mu matsinda maze ubayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n'iyi shusho?</li> </ul> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka :</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ishusho iragaragaza umukobwa utwite, bigaragara ko ari mu buzima bubi, yicaye ku muhanda asaba umubyeyi uyanye abanyeshuri ku ishuri.</li> <li>ii) Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri rishobora gutuma uwahohotewe ata ishuri cyangwa akajya kuba mu muhanda akishora mu biyobyabwenge.</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b> Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kuganira ku nkuru <b>“Mfasha mubyeyi”</b>, iri ku rupapuro rwa 35.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ni irihe somo mukuye muri iyi nkuru?</li> <li>ii) Sobanura ikibazo Kakuvu yahuye na cyo.</li> <li>iii) Ni iyihe nama wagira abakobwa bitwara nka Kakuvu?</li> <li>iv) Uhereye kuri iyi nkuru, ubona amaherezo y'ubuzima bwa Kakuvu ari ayahe?</li> </ul> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Si byiza kwishora mu mibonano mpuzabitsina ukiri muto kuko byangiza ubuzima bwawe bw'ejo hazaza.</li> <li>ii) Yatewe inda y'imburagihe ananduzwa indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, arahungabana, ahindura imyitwarire, ata ishuri, ababyeyi be bamuha akato, agira agahinda gakabije, ajya kuba mu muhanda, anywa ibiyobyabwenge, ageragaza kwiyahura, nyuma agongwa n'imodoka imutera ubumuga bwa burundu.</li> </ul>

	<p>iii) Kwirinda imibonano mpuzabitsina ukiri muto, kwirinda agakungu, kwirinda kunywa ibisindisha ndetse n'ibiyobyabwenge.</p> <p>iv) Azabaho mu buzima bugoye.</p> <p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b> Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 36.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw'ingenzi</b> Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw'ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Ingaruka zituruka ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri ni nyinshi kandi ni mbi. Turyamagane.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b> Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Gusiganwa usimbukira mu mifuka (Bubble rally) “</b></p> <p><b>Amabwiriza y'umukino</b> Shushanya imirongo ibiri (uwo batangiriraho n'uwo basorezaho) itandukanijwe byibura na metero 15, usabe bamwe mu bagize kilabu bahagarare mu mifuka hanyuma basiganwe biruka batanguranwa kugera ku murongo basorezaho. Uguye aba atsinzwe ahita avanwa mu mukino.</p> <p><b>Ikitonderwa:</b> Uyu mukino ukorerwa ahatari imbogamizi.</p>

### **b. Inshamake y'ikiganiro**

Umuyobozi w' ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y' ikiganiro.

- Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri rigira ingaruka zikurikira: Guterwa inda z'imburagihe, kwanduzwa indwarazandurira mu mibonano mpuzabitsina, kugira ibibazo bikomoka ku ihungabana (kugira agahinda gakabije, guhezwa, kubura ibitotsi, kugerageza kwiyahura, kunywa ibiyobyabwenge), guhabwa akato n'ababyeyi no kuba mu muhanda, n' ibindi.

### **c. Isomo dukuye mu kiganiro**

Yobora abagize kilabu baganire ku isomo bakuye mu kiganiro.

- Gukora imibonano mpuzabitsina ukiri muto bigira ingaruka mu buzima.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 36. Uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Himba umuvugo ku ngararuka ziterwa n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri hanyuma uzawuvugire imbere ya bagenzi bawe mubana muri kilabu.

<b>Ikiganiro cya I6: Uburyo bwo kwirinda no gukemura ibibazo biterwa n' ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri</b>	
<b>Intego y'ikiganiro:</b> Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri kungurana ibitekerezo ku buryo bwo kwirinda no gukemura ibibazo biterwa n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri ndetse no kwerekana uko abarikorewe bafashwa.	
<b>Imfashanyigisho:</b> : Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n'ibindi.	
<b>Imyigishirize:</b> Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.	
<b>Igihe:</b> Iminota 50	
<b>Ibice by'ikiganiro</b>	<b>Ibikorwa</b>
<b>Intangiriro:</b>  Iminota 10	<p><b>Igikorwa cya I</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Guhuha igipirizo”</b></p> <p><b>Amabwiriza y'umukino:</b></p> <p>Shyira abagize kalabu mu matsinda ya babiribabiri, umwe umwite A undi umwite B. Ugize kalabu (A) witwa A araba afite amasegonda 30 yo guhuha igipirizo kikaguma mu kirere. Mugenzi we aramubarira amasegonda. Ayo masegonda narangira uwitwa A na we arabarira uwitwa B. Utsinda ni ubasha guhuha igipirizo kikamara amasegonda menshi mu kirere.</p> <p><b>b. Kwitegereza ishusho</b></p> <p>Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho iri ku rupapuro rwa 38.</p> <p>Bashyire mu matsinda maze ubayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitegereze ishusho mugire icyo muyivugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n'iyi shusho?</li> </ol>

	<p><b><i>Ibisubizo bishoboka :</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ishusho iragaragaza umuhungu wafashe umwana w’umukobwa ku ngufu, ashorewe n’ushinzwe umutekano, agiye guhanwa.</li> <li>ii) Gusura uwo mudahuje igitsina, mugahurira ahantu hihishe biganisha ku irari ry’ imibonano mpuzabitsina.</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kuganira ku nkuru <b>“Matafari atabwa muri yombi”</b> iri ku rupapuro rwa 37.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Sobanura uburyo Goyigoyi yakoresheje kugira ngo ashobore kwirinda abamushukaga bagamije kumushora mu mibonano mpuzabitsina.</li> <li>ii) Ni irihe somo ukuye muri iyi nkuru?</li> <li>iii) Iyo uza kuba uri Matafari uba warakoze iki?</li> <li>iv) Ni iyihe nama wagira abakobwa bafite imyitwarire nk’iya Matafari?</li> </ul> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka :</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Yanze kwakira impano ahawe n’abahungu.</li> <li>ii) Kutakira impano uherewe ubusa no kudasura abahungu ngo muhurire ahantu hihishe.</li> <li>iii) Iyo nza kuba Matafari sinari kuba narasuye Rumira mu kibahima abamo.</li> <li>iv) Kwitondera gusura abahungu mugahurira ahantu hihishe cyangwa hiherereye.</li> </ul>

	<p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 38.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Kwitondera gusura uwo mudahuje igitsina ngo muhurire ahantu habagusha mu bishuko byo gukora imibonano mpuzabitsina.</li> <li>– Kwirinda kwakira impano zifite ikizihishe inyuma.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Guhererekanya umupira mu kirere”</b></p> <p><b>Amabwiriza y’umukino</b></p> <p>Tanga umupira mu itsinda.</p> <p>Babwire inshuro bahererekanya umupira ukiri mu kirere bakoresha intoki. Reka buri tsinda (niba wakoze arenze rimwe) rikine kandi ryibarire inshuro abarigize bateye umupira mu kirere bahererekanya.</p> <p><b>Ubundi buryo bushoboka:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Saba abakina (abagize itsinda) ko bazajya bahererekanya umupira bakurikije itonde ry’inyuguti.</li> <li>– Saba abakina guhererekanya umupira hakoresheje ikindi gikoresho nk’igice cy’urubaho, umufuniko w’akadobo, ...</li> </ul>

### **b. Inshamake y'ikiganiro**

Umuyobozi w' ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y' ikiganiro.

- Kuko yari umunyamuryango w'imena wa kilabu irwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, Goyigoyi yanze kwakira impano ahawe n'abahungu kuko yari azi ingaruka zishobora kuva mu kuzakira. Ku rundi ruhande Matafari utaritabiriye ibikorwa bya kilabu, yijyanye gusura umuhungu, aramuhohotera nuko ahita ajyana ikirego kuri sitasiyo ya polisi.

### **c. Isomo dukuye mu kiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Nta wakugira inama yo kwakira impano ziturutse ku bantu utizeye mudahuje igitsina ndetse no gusura abantu mutamenyeranye.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 38, bakazawugaragaza mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Mu matsinda ya batatubatatu, muhere ku nkuru mwabonye, mushushanye mugaragaza Goyigoyi, Matafari na Rumira bayivugwamo.

# UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE N'UBUZIMA BW'IMYOROROKERE

## INGINGO 1: URWUNGANO RW' IMYANYA MYIBARUKIRO

<b>Ikiganiro cya 17: Imihindagurikire y'umubiri ku bahungu n'abakobwa mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu</b>	
<b>Intego y'ikiganiro:</b> Iki kiganiro kigamije gufasha urubyiruko kugira ubumenyi buhagije ku itandukaniro riri hagati y'imiterere y'umubiri w'abahungu n'uw'abakobwa. Gisobanura kandi itandukaniro riri hagati y'imyanya ndangagitsina na myibarukiro by'umwihariko akamaro ka buri gice kigize urwungano rw'imyororokere.	
<b>Imfashanyigisho:</b> Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojeteri n'ibindi.	
<b>Imyigishirize:</b> Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.	
<b>Igihe:</b> Iminota 50	
<b>Ibice by'ikiganiro</b>	<b>Ibikorwa</b>
<b>Intangiriro:</b> Iminota 10	<p><b>Igikorwa cya I</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa “<b>Gucezanya igipirizo (Balloon dance)</b>”</p> <p><b>Amabwiriza y'umukino:</b></p> <p>Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri. Buri tsinda rihe igipirizo gihazemo umwuka.</p> <p>Saba abagize itsinda guhuza imigongo maze bashyire igipirizo hagati y'imitwe yabo.</p>

Shyiramo umuziki maze usabe buri tsinda guceza bazenguruka mu cyumba barimo ariko ubabuze gufata cya gipirizo n'intoki.

Aho igipirizo kigwa hasi cyangwa kikavamo umwuka, iryo tsinda rihita riva mu mukino kugeza igihe hasigara itsinda rimwe rishobora kugumana igipirizo cyaryo.

### **b. Kwitegereza ishusho**

Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza umunyeshuri w'umuhungu ari gusubiza umwitoza ku kubaho n'umukobwa ugiye kumwunganira, iri ku rupapuro rwa 40.

Bashyire mu matsinda maze ubayobore wifashishije ibibazo bikurikira:

- i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.
- ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n'iyi shusho?

### ***Bimwe mu bisubizo bishoboka :***

- i)
  - Ishusho irerekana icyumba k'ishuri kirimo abanyeshuri 5 barimo gukosorera hamwe umwitozo w' imibare.
  - Umuhungu ni muremure, afite ibigango ugereranije n'abandi bahungu bigana.

Umukobwa uhagurutse ahese ibitugu bigaragara ko ahishe amabere.
- ii) Mu gihe cy'ubwangavu n'ubugimbi, imibiri y'abakobwa n'iy'abahungu iba itandukanye.

**Ikiganiro  
nyirizina**

Iminota 30

**Igikorwa cya 2**

**a. Inkuru**

Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kuganira ku nkuru **“Mayombo na Mukazana barakuze”**, iri ku rupapuro rwa 40.

Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:

**b. Ibibazo byo kuganiraho :**

- i) Kuki abanyeshuri basetse bagenzi babo Mayombo na Mukazana?
- ii) Ese abana bataragera mu gihe cy’ubugimbi batekereza ku itandukaniro ry’ibitsina byabo?
- iii) Sobanura itandukaniro riri hagati y’imihindagurikire y’umubiri ku bahungu n’abakobwa mu gihe cy’ubwana.
- iv) Sobanura itandukaniro riri hagati y’imihindagurikire y’umubiri ku bahungu n’abakobwa mu gihe cy’ubugimbi n’ ubwangavu.
- v) Kuki bamwe bagera mu bwangavu n’ ubugimbi hakiri kare abandi bakabugeramo batinze?

***Bimwe mu bisubizo bishoboka***

- i) Kubera ko Mayombo yari yahinduye ijwi, Mukazana yagize amabere manini n’uburyo yagendaga yunamye ashaka kuyahisha.
- ii) Oya, ntabwo batekereza ku itandukaniro ry’imyanya myibarukiro yabo.
- iii) Usibye imyanya myibarukiro yabo, nta rindi tandukaniro riri hagati y’imibiri y’abahungu n’iy’abakobwa mbere y’uko baja mu bwangavu n’ubugimbi.

iv)

<b>Umuhungu</b>	<b>Umukobwa</b>
<ul style="list-style-type: none"><li>– Kumera ubwoya umubiri wose</li><li>– Guhinduka kw’imiterere y’umubiri no kwiyongera ubunini bw’umubiri</li><li>– Kumera ubwanwa</li><li>– Kwiyongera ingano kw’igitsina no kumera insya.</li><li>– Kwiyongera gato kw’amabere</li></ul>	<ul style="list-style-type: none"><li>– Kumera amabere</li><li>– Guhindagurika kw’imiterere y’umubiri</li><li>– Kwiyongera mu bunini k’umubiri</li><li>– Kwiyongera kw’amabuno</li><li>– Kwiyongera ingano kw’igitsina no kumera insya n’ incakwaha.</li></ul>

v) Buri muntu ku isi afite imiterere imutandukanya n’undi. Bamwe baba barebare naho abandi bakaba bagufi ; bamwe baba inzobe abandi bakaba ibikara. Ni ukuvuga ko buri wese afite uburyo n’igihe kijyanye n’imikurire ye.

### ***Igikorwa cya 3***

#### **a. Umukino**

Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 41.

#### **b. Ubutumwa bw’ingenzi**

Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ingenzi buri muri iki kiganiro.

#### **Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:**

- Igihagararo n’isura by’umwana w’ umukobwa n’uw’ umuhungu mu gihe cy’ubwana gitandukanye n’ibyo mu gihe cy’ ubwangavu n’ubugimbi.
- Kumenya imiterere y’umubiri wacu ni ingenzi.

## Umwanzuro

Iminota 10

## Igikorwa cya 4

### a. Umukino wo kwishyushya

**Urugero:** Umukino witwa “**Bang**”

#### Amabwiriza y’umukino

Shyira abagize kilabu ku ruziga. Basabe kubara kuva kuri rimwe kugera kuri 30. Ubara akagera ku mubare w’ igikubo cya 3 ni ukuvuga 3, 6, 9, 12, 15, 18, 21, 24, 27 na 30. Aho kuvuga uwo mubare avuga ijambo “**Bang**” akazamura n’ ukuboko. Unyuranyije n’ayo mabwiriza akavuga umubare w’ igikubo cya 3 aho kuvuga ijambo “**Bang**” aba atsinzwe akajya mu ruziga hagati.

### b. Inshamake y’ikiganiro

Umuyobozi w’ ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y’ ikiganiro.

- Ubugimbi n’ubwangavu ni ikiciro k’ingenzi gitandukanya igihe cy’ubwana n’icy’abakuze.
- Mu gihe cy’ubugimbi n’ubwangavu, imibiri y’abahungu n’iy’abakobwa irahindagurika cyane.

#### Ku bahungu:

Ibimenyetso by’ubugimbi ni ukwiyongera kw’imyanya ndangagitsina cy’ umuhungu, kumera ubwoya umubiri wose cyane cyane mu maso, mu gituzo, mu maha, mu mugongo n’impande z’imyanya myibarukiro, kandi baniga amajwi.

#### Ku bakobwa:

Ibimenyetso by’ubwangavu ni ugukura kw’amabere n’amabuno, kumera ubwoya umubiri wose cyane cyane ku maguru, mu maha n’impande z’imyanya myibarukiro, kandi amajwi yabo atangira kwiyungurura akaryohera amatwi.

### **c. Isomo dukuye mu kiganiro**

Yobora abagize kilabu baganire ku isomo bakuye mu kiganiro.

- Imihindagurikire y'imibiri y'abakobwa n'iy'abahungu mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu irasanzwe nta kibazo kirimo, ntikwiye kubatera ubwoba. Imihindagurikire y'umubiri mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu ntabwo ari rusange ahubwo ni iy'umuntu ku giti ke.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 41. Uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Shushanya amashusho abiri agaragaza imihindagurikire y'umubiri w'umuhungu mu gihe cy'ubugimbi n'imihindagurikire y'umubiri w'umukobwa mu gihe cy'ubwangavu.

## **Ikiganiro cya I8: Impinduka z'imikorere y'umubiri w'abahungu n'uw'abakobwa mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu**

**Intego y'ikiganiro:** Iki kiganiro kigamije gusobanura impinduka z'imikorere y'umubiri w'abahungu n'uw'abakobwa mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu.

**Imfashanyigisho:** Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojeteri n'ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

**Ibice by'ikiganiro**

**Ibikorwa**

**Intangiriro:**

**Igikorwa cya I**

Iminota 10

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa "Badobado"

**Amabwiriza y'umukino:**

Shyira abagize kilabu ku ruziga.

Nuvuga ijambo “**Ba**” abanyeshuri bashyire amaboko hejuru.  
Nuvuga ijambo “**Bado**” abanyeshuri bashyire amaboko imbere.

Nuvuga ijambo “**Badobado**” abanyeshuri bmanure amaboko bakomange ku mavi. Unyuranyije n’ amabwiriza aba atsinzwe akavanwa mu mukino. Usigayemo nyuma y’ abandi bose niwe uba utsinze.

**Ikitonderwa:**

Nibamara kubifata urahinduranya ariya magambo yose maze uge ureba ko abagize kilabu bubahiriza amabwiriza y’umukino ubikoze nabi ahita ava mu ruziga kugeza igihe haboneka utsinze.

**b. Kwitegereza amashusho**

Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku mashusho agaragaza umukobwa n’umuhungu bagaragaje ibimenyetso by’ubukure, ari ku rupapuro rwa 42 na 43.

Bashyire mu matsinda maze ubayobore wifashishije ibibazo bikurikira:

- i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.
- ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’iyi shusho?

***Bimwe mu bisubizo bishoboka :***

- i) Ishusho ya mbere irerekana:
  - Umuhungu arakeka ko yanyaye ku buriri
  - Umuhungu arimo kwibaza ku byamubayeho
  - Umuhungu ari kureba ku buriri agakora mu masohoro ye akihumuriza.
- ii) Ubutumwa:
  - Muri rusange hari abahungu bagira ubwoba iyo biroteyeho.
  - Abandi bafata kwiroteraho nk’ikimenyetso kigaragaza ko barimo gukura.
  - Bake bafata kwiroteraho nk’ibintu biteye isoni.

	<p>i) Ishusho ya 2 irerekana:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Umukobwa afite amaraso ku ijipo ye.</li> <li>– Umukobwa urimo kureba ku ijipo ye yibaza ibyamubayeho</li> <li>– Inshuti za wa mukobwa zirimo kumubwira ko yagiye mu mihango bwa mbere.</li> </ul> <p>ii) Ubutumwa:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Muri rusange hari abakobwa bagira ubwoba iyo babonye imihango yabo ya mbere bakeka ko bakomeretse.</li> <li>– Abandi kujya mu mihango babifata nk'ikimenyetso kigaragaza ko barimo gukura.</li> <li>– Iri tsinda rifata kujya mu mihango nk'ibintu biteye isoni n' ubwoba.</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b> Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kuganira ku nkuru 'ibimenyetso by' ubugimbi n' ubwangavu' iri ku rupapuro rwa 42 na 43.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <p>i) Kuki abakobwa baja mu mihango iyo bakuze?</p> <p>ii) Kuki abakobwa n'abahungu bamwe bagera mu bwangavu n'ubugimbi hakiri kare abandi bagatinda kubigeramo?</p> <p>iii) Kuki bamwe mu bakobwa bababazwa n'imihango abandi ntibababaze? Ubwo bubabare buterwa n' iki</p> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka :</i></b></p> <p>i) Kujya mu mihango cyangwa kujya imugongo ku nshuro ya mbere ni ikimenyetso kigaragaza ko wagiye mu kiciro cy'abangavu.</p>

ii) Biterwa n'ibintu byinshi :

- Uturemangingo
- Imirire
- Bikomoka ku muryango
- Aho umuntu atuye
- N'ibindi

iii) Kugira ububabare mu gihe k'imihango cyangwa kubabazwa n'imihango biterwa no kwiyegeyanya no kwirekura kwa nyababyeyi.

Iyo ubu bubabare ari bwinshi kandi urimo kuva amaraso menshi ugereranije n'uko byari bisanzwe cyangwa iyo iminsi wamaraga mu mihango yiyongereye cyane ugereranije n'igihe wamaraga mu mihango uzamenye ko ushobora kuba ufite ukibazo. Muri icyo gihe saba ubufasha umuntu ushinze icyumba cy'umukobwa cyangwa umukozi ukora muri serivisi z'ubuzima.

### **Igikorwa cya 3**

#### **a. Kungurana ibitekerezo**

Saba abagize kilabu kungurana ibitekerezo ukurikije ibiri ku rupapuro rwa 43.

#### **b. Ubutumwa bw'ingenzi**

Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw'ingenzi buri muri iki kiganiro.

#### **Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:**

- Impinduka mu mikorere y'umubiri w'umuntu mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu ntabwo ari zimwe ku muhungu no ku mukobwa.
- Izo mpinduka zishobora kubaho mbere cyangwa zigatinda bitewe n'imiterere y'umubiri w'umuntu ariko ntabwo ari uburwayi.

**Umwanzuro**

Iminota 10

**Igikorwa cya 4****a. Umukino wo kwishyushya****Urugero:** Umukino witwa ‘Yes’**Amabwiriza y’umukino**

Shyira abagize kilabu ku ruziga. Basabe kubara kuva kuri rimwe kugera kuri 30. Ubara akagera ku mubare w’igikubo cya 2 ni ukuvuga 2, 4, 6, 8, 10,12,14, 16, 18, 20, 22, 24, 26, 28 na 30 aho kuvuga uwo mubare avuga ijambo “Yes”. Umunyeshuri unyuranyije n’ayo mabwiriza akavuga igikubo cya 2 cyangwa undi mubare aho kuvuga ijambo “Yes” aba atsinzwe avanwa mu ruziga, akajya mu ruziga hagati. Bikomeza gutyo hagatsinda usigayemo wa nyuma.

**b. Inshamake y’ikiganiro**

Umuyobozi w’ ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y’ ikiganiro.

- Urwungano rw’imyororokere rw’igitsinagabo n’urw’igitsinagore mu gihe cy’ubugimbi n’ubwangavu rurakura rugatangira gukora nk’urw’abantu bakuru.
- Bimwe mu bimenyetso bigaragaza imihindagurikire y’imibiri y’abahungu n’iy’abakobwa mu gihe cy’ubwangavu n’ubugimbi harimo kujya mu mihango ku bakobwa no gusohora intanga ku bahungu.
- Iki gihe k’imihindagurikire y’umubiri w’abahungu n’uw’abakobwa gikunze guhera ku myaka 10 kugera kuri 19.

**c. Isomo dukuye mukiganiro**

Yobora abagize kilabu baganire ku isomo bakuye mu kiganiro.

- Ubugimbi n’ubwangavu ni igihe kigaragaza impinduka z’imiterere y’umubiri w’umuntu kiri hagati y’ubwana n’ubukure.

	<p><b>d. Umukoro</b></p> <p>Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa<sup>44</sup>. Uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.</p> <p>Muganire ku makuru nyayo n'amakuru y'ibinyoma mubwirwa cyangwa muhabwa ajyanye n'imihindagurikire y'imibiri y'abahungu n'iy'abakobwa mu gihe cy'ubwangavu n'ubugimbi.</p>
--	--

<p><b>Ikiganiro cya 19: Impinduka z'imatekerereze n'ibiyumvo biganisha ku mibereho myiza y'abahungu n'abakobwa mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu</b></p>	
<b>Intego y'ikiganiro:</b>	Iki kiganiro kigamiye gufasha abanyeshuri bagize kilabu (club) gusobanukirwa impinduka mu byiyumvo n'ingaruka zigira ku myifatire n'imyitwarire y'abahungu n'abakobwa mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu.
<b>Imfashanyigisho :</b>	Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojeteri n'ibindi.
<b>Imyigishirize:</b>	Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.
<b>Igihe:</b> iminota 50.	
<b>Ibice by'ikiganiro</b>	<b>Igikorwa</b>
<p><b>Intangiriro</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya I:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa “Kunaga umupira”</p> <p><b>Amabwiriza y' umukino</b></p> <p>Umuyobozi w'ikiganiro anagira umupira umwe mubagize kilabu, uwufashe akivuga amazina n'iby akunda.</p>

## **b. Kwitegereza amashusho**

Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku mashusho agaragaza abasore batatu bicaye ku gasima baganira ndetse n'abanyeshuri b'abahungu batangarira uburanga bw'umukobwa, ari ku rupapuro rwa 45 na 46.

Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:

- i) Mwitgereze amashusho mugire icyo muyavugaho.
- ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n'aya mashusho?

### ***Bimwe mu bisubizo bishoboka:***

- i) Amashusho arerekana:
  - ishusho ya mbere irerekana abahungu batatu barimo kuganirira ku muhanda, bambaye amapantalo bayamanuriye ku kibuno, babiri biyogoshesheje penke, umwe mibo yambaye ingofero, undi yambaye amarinete.
  - Ishusho ya kabiri irerekana abanyeshuri b'abahungu batatu bari hamwe, batangariye cyane umukobwa uri imbere yabo ufite ibitabo avuye kwiga.
- ii) – Muri rusange, abahungu bakunda kuba mu bigare
  - Abahungu bamwe bakunda kwambara bigezweho
  - Abahungu bamwe bariyemera
  - Muri rusange abahungu n'abakobwa bakururwa n'abo badahuje igitsina
  - Ni ibintu bisanzwe ko mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu, abahungu n'abakobwa banenga cyangwa bashima abo badahuje igitsina.

## Intangiriro

Iminota 10

## Igikorwa cya 2:

### a. Inkuru

Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kumva inkuru **“Imyitwarire ya Sekoma”** na **“Mbega umukobwa w’ihoho!”**, ziri ku rupapuro rwa 44 na 45.

Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:

### b. Ibibazo byo kuganiraho

- i) Ni iki kigaragaza impinduka mu myitwarire n’imiterereze ya Sekoma uvugwa muri iyi nkuru ?
- ii) Gira icyo uvuga ku byemezo byafashwe na Sekoma uvugwa muri iyi nkuru.
- iii) Waba warigeze ukora nk’ibyo Sekoma yakoze cyangwa ibijya gusa na byo?
- iv) Ese imyitwarire y’abana b’abahungu baherekeje Makoma irasanzwe? Sobanura.
- v) Iyo uba Makoma wari guha ikihe gisubizo abahungu bamubwiye ko ari mwiza?

### *Bimwe mu bisubizo by’ibibazo biganirwaho*

- i) ashakaga kwifatira ibyemezo by’icyo akora n’aho aya nyuma y’amasomo adasabye ababyeyi uruhushya.
- ii) Sekoma yafashe ibyemezo bikurikira:
  - Gukora ibyo yishakiye
  - Kujya ku gasanteri buri mugoroba guhura n’urungano rwe
  - Guhindura imyitawire agasuzugura ababyeyi
  - Kwirinda kugumya gushukwa n’urungano rwe
- iii) Igisubizo kizajyana n’ibyaganiriwe n’abagize kilabu.
- iv) Imyitwarire ivugwa irasanzwe kuko abahungu bageze muri kiriya kigero barangwa no guhindura imyitwarire n’imitekerereze, iyo bahuye n’abakobwa.
- v) Igisubizo kizajyana n’ibyaganiriwe n’abagize kilabu.

	<p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Kungurana ibitekerezo</b></p> <p>Uyoboye ikiganiro asaba abagize kilabu kungurana ibitekerezo hashingiwe ku biri ku rupapuro rwa 46.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Kwakira imihindagurikire y’umubiri no kuyitwaramo neza</li> <li>– Kwiyumvayumva (kwiyumva nk’igihangange) ni ibisanzwe mu gihe cy’ubugimbi n’ubwangavu.</li> <li>– Ni ngombwa kwitwararika no kugenzura ibyiyumvo byawe bikuganisha ku mibonano mpuzabitsina kugira ngo bitagukoresha ibibi.</li> <li>– Ibyo uganira n’urungano ugomba kubisangiza ababyeyi cyangwa abakurera. Kugira inshuti z’urungano ni ibisanzwe mu bizima, ariko ugomba guhitamo inshuti nziza.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya:</b></p> <p><b>Urugero:</b> umukino witwa <b>“Inyundo (Hummer)”</b></p> <p><b>Amabwiriza y’umukino:</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro asaba abagize kilabu kuvuga ijambo <b>“Hummer”</b> (inshuro eshanu) bakabivuga bazamura ukuboko kw’iburyo, nyuma ukw’ibumoso, nyuma bakubita hasi ikirenge k’iburyo, nyuma ik’ibumoso. Bagasubiramo babara bamanuka kugeza ubwo baragera kuri I.</p> <p><b>b. Inshamake y’ikiganiro</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y’ikiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Abangavu n’ingimbi bakeneye amakuru y’ukuri, ubujyanama no kubaba hafi kugira ngo bashobore gufata ibyemezo byiza bituma batagwa mu ngeso mbi.</li> </ul>

	<p><b>c. Isomo dukuye mu kiganiro</b></p> <p>Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Impinduka mu marangamutima zishobora gutandukana bitewe n'umuntu, n'imitekerereze cyangwa umuco.</li> </ul> <p><b>d. Umukoro</b></p> <p>Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 47, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Garagaza uko impinduka mu mitekerereze n'imyitwarire mu gihe cy'ubwagavu n'ubugimbi, zishobora kugira uruhare mu byemezo abahungu n'abakobwa bafata.</li> </ul>
--	---

<b>Ikiganiro cya 20: Ubuzima bw'imyororokere</b>	
<b>Intego y'ikiganiro :</b> Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri bagize kilabu (club) gusobanukirwa imyitwarire iboneye ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere no kwerekana uko urubwirako rukwiye gushungura ubutumwa rwakira ubwo ari bwo bwose bwerekeranye n'ubuzima bw'imyororokere.	
<b>Imfashanyigisho :</b> Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojeteri n'ibindi.	
<b>Imyigishirize:</b> Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.	
<b>Igihe:</b> Iminota 50	
<b>Ibice by'ikiganiro</b>	<b>Igikorwa</b>
<b>Intangiriro</b> Iminota 10	<p><b>Igikorwa cya I:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Pipupipu”</b></p> <p><b>Amabwiriza y' umukino</b></p> <p>Abagize kilabu bahagarara ku ruziga, iyo uyoboye umukino avuze ngo: <b>“Pi”</b> abagize kilabu bazamura amaboko, yavuga ngo: <b>“Pipu”</b> abagize kilabu bakerekeza amaboko imbere yabo,</p>

yavuga ngo: **“Pipupipu”** abagize kilabu bakamanura amaboko bakifata ku mavi. Uyoboze umukino agenda ahinduranya amabwiriza. Abagize kilabu banyuranyije n’amabwiriza atanzwe, bavanwa ku ruziga, bagasigara bareba undi unyuranya n’amabwiriza.

### **b. Kwitegereza amashusho**

Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku mashusho agaragaza abanyeshuri b’abahungu babiri baganira, umwe muri bo agasigara aganira n’umukobwa, ari ku rupapuro rwa 48.

Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:

- i) Mwitgereze amashusho mugire icyo muyivugaho.
- ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’aya mashusho?

### ***Bimwe mu bisubizo bishoboka:***

- i) Amashusho arerekana:
  - Abahungu babiri baraganira ku mukobwa babona imbere yabo.
  - Umwe muri abo bahungu babiri ahagaze imbere y’umukobwa amusaba imibonano mpuzabitsina, umukobwa arimo kumuhakanira.
  - Abahungu babiri baganira ku mukobwa uri kure yabo.
  - Umuhungu n’umukobwa bahagaze ahantu hatekanye, umuhungu asaba umukobwa imbabazi. Umukobwa arazimuha aboneraho n’umwanya wo kumugira inama.
- ii) Mbere yo gufata icyemezo icyo ari cyo cyose, ugomba gushungura inama zose wahawe n’urungano rwawe.

**Ikiganiro  
nyirizina**

Iminota 30

**Igikorwa cya 2 :**

**a. Inkuru**

Binyuze mu matsinda, saba abagize kilabu gusoma no kumva inkuru **“Yagiriwe inama ikwiye”**, iri ku rupapuro rwa 47.

Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:

**b. Ibibazo byo kuganiraho**

- i) Utekereza ko ari ngombwa kuganiriza ingimbi n’abangavu ku bijyanye n’ubuzima bw’imyororokere? Sobanura.
- ii) Gira icyo uvuga ku nama zijyanye n’ubuzima bw’imyororokere ababyeyi cyangwa urungano rushobora kuguha.
- iii) Ni ayahe makuru yandi yerekeranye n’ubuzima bw’imyororokere waba warigeze kumva aho mutuye?
- i) Kuki ushobora kugira irari ryo gukorana imibonano mpuzabitsina n’umuntu, kandi we atanabitekerezaho na gato.

***Bimwe mu bisubizo by’ibibazo biganirwaho***

- i) Yego.
  - Ingimbi n’abangavu nta bumenyi buhagije bafite ku bijyanye n’ubuzima bw’imyororokere.
  - Bashobora kumva ibihuha, guhabwa makuru atari yo cyangwa atuzuye bakaba bashobora kuyatwara uko atari.
  - Ubushobozi bwo gufata umwanzuro uboneye buba bukiri hasi.
  - Ibigare babamo bibashuka ku buryo bworoshye.
- ii) Kugira ibiyumvo by’imibonano mpuzabitsina ni ibisanzwe ariko ugomba ku byitwaramo neza kugeza igihe uzashingira urugo.
  - Ni byiza gufata umwanzuro ukwiye kugira ngo ubashe guhangana n’inzitizi duhura na zo mu buzima.

	<p>iii) Aho dutuye babona mu buryo butandukanye ibijanye n'ubuzima bw'imyororokere. Bamwe bavuga ko kubivugaho ari ukurenga kirazira, ibi bikaba bishobora gutuma abangavu n'ingimbi bagwa mu bishuko byo gukora imibonano mpuzabitsina bakiri bato, abandi bakavuga ko kubivuga ari inshingano z'abarimu n'abaganga.</p> <p>iv) Bishobora guterwa n'imikorere y'umubiri, uko wiyumva, uburanga, umuco, n'ibindi.</p>
	<p><b>Igikorwa cya 3:</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 48.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw'ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw'ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Ugomba guhabwa amakuru y'ukuri kandi ku gihe ku bijyanye n'imihindagurikire y'ubuzima bw'imyororokere kugira ngo ubashe kubyitwaramo neza.</li> <li>– Kugira ubushake n'ibiyumvo byo gukora imibonano mpuzabitsina ni ibisanzwe.</li> <li>– Kurinda ubusugi n'ubumanzi bizaguha umutekano usesuye.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Gutahura uyoboye umukino”</b></p> <p><b>Amabwiriza y'umukino:</b></p> <p>Uyoboye umukino asaba abagize kilabu gukora uruziga.</p> <p>Agasaba umwe muri bo kujya hanze, abasigaye akabasaba kujya basubira mu byo akoze, undi mu bagize kilabu ahamagara uwagiye hanze, akagerageza gutahura uyoboye umukino.</p>

### **b. Inshamake y'ikiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y'ibikubiye mu kiganiro.

- Ubuzima bw'imyororokere bugaragarira muri byinshi: mu mitekerereze, mu byiyumvo, mu myifatire, mu ndangagaciro, imigirire, imibanire n'abandi.
- Ibijyanye n'imyororokere bitizwa ingufu n'ibintu bitandukanye harimo imikorere y'umubiri, imitekerereze, ubukungu, politiki, umuco, amateka, iyobokamana n'imyemerere.

### **c. Isomo dukuye mu kiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Kugira ibyiyumvo byo gukora imibonano mpuzabitsina ni ibisanzwe.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 49, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Uzandike inkuru ngufi igaragariza abantu ko ari ingenzi kugira amakuru nyayo, imyitwarire ikwiye ku buzima bw'imyororokere, uzayisomere bagenzi bawe.

## INGINGO YA II: INDA Z'IMBURAGIHE ZITERWA ABANGAVU

### Ikiganiro cya 2 I: Impamvu abangavu baterwa inda z'imburagihe

**Intego z'ikiganiro:** Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri bagize kilabu (club) gusobanukirwa impamvu zatuma abangavu baterwa inda z'imburagihe, nko kwinjira mu gihe cy'ubwangavu hakiri kare, gukora imibonano mpuzabitsina utarashaka, imico n'imyemerere, kunywa ibisindisha n'ibindi biyobyabwenge, agakungu n'abo badahuje ibitsina n'imibereho mibi iterwa n'ubukene.

**Imfashanyigisho:** Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojeteri n'ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo, n'ibindi.

### Igihe ikiganiro kimara: Iminota 50

**Ibice by'ikiganiro**

**Ibikorwa**

**Intangiriro**

Iminota 10

**Igikorwa cya I:**

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa “Vuga icyo udakunda”

**Amabwiriza y' umukino**

Umuyobozi w'ikiganiro ashyira abagize kilabu ku ruziga, akanagira umupira umwumwe mu bagize kilabu, uwufashe akavuga izina rye n'icyo adakunda.

**b. Kwitegereza ishusho**

Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza umwana w'umukobwa wataye ishuri akajya gusura umuhungu, iri ku rupapuro rwa 5 I.

Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:

- i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.
- ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n'iyi shusho?

	<p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ishusho irerekana: <ul style="list-style-type: none"> <li>– Umunyeshuri w’umukobwa uhagararanye n’inshuti ye y’umuhungu imbere y’inzu.</li> <li>– Isaha igaragaza ko ari saa 9:00 z’igitondo.</li> </ul> </li> <li>ii) Abanyeshuri batubahiriza amasaha y’ishuri ahubwo bagakora ibikorwa bibaganisha mu myitwarire yabashyira mu kaga.</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Binyuze mu matsinda, saba abagize kilabu gusoma no kumva inkuru <b>“Makobwa yatwaye inda”</b> iri ku rupapuro rwa 50.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ni ubuhe butumwa bw’ingenzi wakuye muri iyi nkuru?</li> <li>ii) Ni iyi nama wagira umwana w’umukobwa nka Makobwa wasibye ishuri akajya mu busambanyi?</li> <li>iii) Uratekereza ko uriya mukobwa bizamugendekera bite?</li> </ul> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo by’ibibazo biganirwaho</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ubutumwa bw’ingenzi ni ukutagendera ku marangamutima ngo wibagirwe icyakuzinduye, nka Makobwa wasibye ishuri akajya gusambana.</li> <li>ii) Namugira inama yo guhindura imyitwarire agakunda ishuri, kurinda ubusugi bwe no kwifata, ...</li> <li>iii) Uko ntekereza bizagendekera Makobwa: <ul style="list-style-type: none"> <li>– Guta ishuri</li> <li>– Kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na Sida</li> <li>– Gukuramo inda</li> <li>– Guhabwa akato muri sosiyete</li> </ul> </li> </ul>

	<ul style="list-style-type: none"> <li>– Kubyara bigoranye</li> <li>– Ibibazo byo mu mutwe</li> <li>– Urupfu</li> <li>– N’ibindi</li> </ul> <p><b>Igikorwa cya 3:</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 51.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b><i>Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Kwirinda ibintu byose byagushora mu mibonano mpuzabitsina.</li> <li>– Kwifata ni uburyo bwiza bwo kwirinda inda z’imburagihe.</li> <li>– Inda y’imburagihe ishobora gutuma ubura ubuzima.</li> <li>– Kwirinda imibonano mpuzabitsina mbere yo gushyishyirwa.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b> Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Gukora ijambo ry’inyuguti enye”</b></p> <p><b>Amabwiriza y’umukino:</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda ya batatubatu cyangwa banebane.</p> <p>Andika ijambo <b>“Igisabo”</b> ku rupapuro runini. Saba abagize amatsinda gukoresha iminota 5 bandika amagambo ashoboka agizwe n’inyuguti zitarenze enye mu zigize ijambo ryatanzwe.</p> <p><b>Urugero:</b> Gisa, gabo, isa, igi, n’ibindi. Iyo iminota bahawe ishize, itsinda ryahize ayandi ni iryagize amagambo menshi.</p> <p><b>Ikitonderwa:</b> Ushobora gukoresha andi magambo bitewe n’insanganyamatsiko mwaganiragaho.</p>

### **b. Inshamake y'ikiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y'ibikubiye mu kiganiro.

- Inda z'imburagihe mu rubyiruko, ni ingaruka zo kubura amakuru ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere.
- Inda z'imburagihe zitera ingaruka k'uyitwaye, ku muryango we, kikaba n'ikibazo ku gihugu muri rusange.

### **c. Isomo dukuyemo**

Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Kwirinda imibonano mpuzabitsina mbere yo gushyingirwa.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 51, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Muzasure abangavu batwaye inda z'imburagihe, mubabaze ingaruka byabagizeho.

## **Ikiganiro cya 22: Ingaruka z'inda z'imburagihe**

**Intego z'ikiganiro:** Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri bagize kilabu (club) gusobanukirwa ingaruka z'inda z'imburagihe.

**Imfashanyigisho :** Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n'ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.

**Igihe :** Iminota 50

**Ibice by'ikiganiro**

**Ibikorwa**

**Intangiriro**

Iminota 10

**Igikorwa cya I:**

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa “Ziraguruka”

**Amabwiriza y' umukino**

Umuyobozi w'ikiganiro asaba abagize kilabu kujya ku ruziga. Abasaba kandi ko navuga izina ry'inyamaswa iguruka bazajya basimbuka, bazamura amaboko kandi banakoma amashyi. Mu gihe avuze izina ry'inyamaswa itaguruka, bazajya baguma guhagarara hamwe nta kunyeganyega.

**b. Kwitegereza ishusho**

Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza umukobwa upfukamye, yambaye imyenda y'ishuri arimo kwahira ibyatsi mu gihuru, iri ku rupapuro rwa 52.

Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:

- i) Mwitereze ishusho mugire icyo muyivugaho.
- ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n'iyi shusho?

**Bimwe mu bisubizo bishoboka:**

- i) Ishusho irerekana umukobwa watwaye inda y'imburagihe ari mu gihuru ashaka imiti gakondo.
- ii) Gukuramo inda ku bushake hakoreshejwe uburyo bwa gakondo ni bibi bishobora no gutera urupfu.

**Ikiganiro  
nyirizina**

Iminota 30

**Igikorwa cya 2:**

**a. inkuru**

Binyuze mu matsinda, saba abagize kilabu gusoma no kumva inkuru **“Makobwa agerageza gukuramo inda”** iri ku rupapuro rwa 52.

Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:

**b. Ibibazo byo kuganiraho**

- i) Wifashishije igice cya kabiri k’iyi nkuru, garagaza ibikorwa bya Makobwa.
- ii) Ni iki utekereza ko cyashoboraga kuzaba kuri Makobwa nyuma yo gufata imiti gakondo?
- iii) Vuga ingaruka zo gutwara inda imburagihe.
- iv) Ni irihe somo mukuye muri iyi nkuru ?

***Bimwe mu bisubizo by’ibibazo biganirwaho***

- i) Makobwa yagerageje gukuramo inda akoresheje imiti gakondo ariko biranga maze ajalanwa mu bitaro.
- ii) icyashoboraga kuzaba kuri Makobwa nyuma yo gufata imiti gakondo:
  - Gupfa
  - Kurwara umwijima
  - Kwangirika kw’imyanya ndangagitsina y’imbere
- iii) Ingaruka zo gutwara inda imburagihe:
  - Guta ishuri
  - Kurwara indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na SIDA
  - Gukuramo inda
  - Urupfu
  - Guhabwa akato na sosiyeti
  - Kubyara bigoranye
  - Ibibazo byo mu mutwe
- iv) Abahungu n’abakobwa ntibagomba kumva ko gukuramo inda ari igisubizo k’inda z’imburagihe.

	<p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 53.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Mu gihe habaye ibyago byo gutwara inda imburagihe, egera umujyanama w’ubuzima aho gukoresha imiti gakondo ngo ukuremo inda.</li> <li>– Inda z’imburagihe zitera ibibazo ku mubiri, ku mikorere y’umubiri, ku buzima bwo mu mutwe ndetse no ku bukungu.</li> <li>– Inda z’imburagihe zishobora gutera urupfu.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero rw’umukino: Nzabagira abarobyi b’abantu</b></p> <p><b>Amabwiriza y’umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu guhagarara ku ruziga, umukobwa akurikiranye n’umuhungu.</p> <p>Abakobwa batangire kuririmba interuro ya mbere ivuga ngo: <b>“Nzabagira abarobyi”</b>, bakirangiza, abahungu na bo batangire baririmbe iyo nteruro.</p> <p>Buri tsinda, ari abakobwa cyangwa abahungu, basubiramo inshuro eshatu <b>“Nzabagira abarobyi”</b> (x 3) bagasoreza ku nteruro ikurikira: <b>“Nzabagira abarobyi baroba abantu.”</b></p> <p><b>b. Inshamake y’ikiganiro</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y’ibikubiye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Inda z’imburagihe ni ikibazo gikomerera abana b’abakobwa kuva basama kugeza babyaye, ndetse na nyuma yaho.</li> </ul>

	<p><b>c. isomo dukuyemo</b></p> <p>Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Inda z'imburagihe zitera ibibazo ku mubiri, ku mikorere y'umubiri, ku buzima bwo mu mutwe, ibibazo by'ubukungu kandi zishobora gutera urupfu.</li> </ul> <p><b>d. Umukoro</b></p> <p>Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 53, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Tekereza ku muntu wo ku ishuri ryanyu cyangwa aho utuye wagize ikibazo gisa n'icyavuzwe mu nkuru maze muzaganire ku ngaruka byamugizeho.</li> </ul>
--	--

<b>Ikiganiro cya 23 : Gukumira inda z'imburagihe no kwita ku bangavu bazitwaye</b>	
<b>Intego y'ikiganiro:</b>	Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri bagize kilabu (club) guha ubumenyi n'ubumenyiringiro urubwirako ku bijyanye no gukumira inda z'imburagihe no kwita ku bangavu bazitwaye.
<b>Imfashanyigisho :</b>	Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n'ibindi.
<b>Imyigishirize:</b>	Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo, n'ibindi.
<b>Igihe:</b> Iminota 50	
<b>Ibice by'ikiganiro</b>	<b>Ibikorwa</b>
<b>Intangiriro</b>	<b>Igikorwa cya I:</b>
Iminota 10	<p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Amashyi y'ubwikube (Factorial 5)”</b></p> <p><b>Amabwiriza y' umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu kujya ku ruziga.</p> <p>Abagize kilabu bakome amashyi bahereye ku nshuro 5, bakurikizeho gucinya hasi ikirenge k'iburyo inshuro 5, Bakomeze batyo ku nshuro 4, inshuro 3, inshuro 2, inshuro 1,</p>

	<p>ari na ko basimburanya gukoma amashyi no gucinya ikirenge. Uwo binaniye akurwa mu mukino.</p> <p><b>b. Kwitegereza amashusho</b></p> <p>Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku mashusho agaragaza umukobwa utwite yasuwe n’ubuyobozi bw’ishuri n’aho aganira na bagenzi be, ari ku rupapuro rwa 54.</p> <p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze amashusho mugire icyo muyavugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’aya mashusho?</li> </ol> <p><b>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</b></p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Amashusho arerekana: <ul style="list-style-type: none"> <li>– Umwangavu utwite yasuwe n’ubuyobozi bw’ishuri.</li> <li>– Umwangavu utwite wasuwe afite isoni.</li> <li>– Uwo mwangavu araganira ashize amanga n’abanyeshuri bagenzi be.</li> </ul> </li> <li>ii) Nta mwana w’umukobwa wakagombye kuvutswa uburenganzira bwo kwiga kubera ko yatwaye inda imburagihe.</li> </ol>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b> iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru:</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kumva inkuru “<b>Makobwa yasubiye ku ishuri</b>”, iri ku rupapuro rwa 53.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Gira icyo uvuga ku myitwarire ya Makobwa mbere na nyuma yo gutwara inda.</li> <li>ii) Tanga inama zafasha abahungu n’abakobwa gukumira inda z’imburagihe.</li> <li>iii) Waba warigeze wumva inkuru ijya gusa n’iyi ya Makobwa ku ishuri ryanyu cyangwa aho mutuye. Yisangize bagenzi bawe bo muri kilabu.</li> <li>iv) Mbese ababyeyi n’ubuyobozi bw’ishuri bitwaye bate mu kibazo cya Makobwa?</li> </ol>

### ***Bimwe mu bisubizo by'ibibazo biganirwaho***

- i) – Mu ntangiro, yatewe ubwoba n'iyi nda agerageza kuyikuramo ariko ntibyamukundira.
  - Nyuma yaje kwemera inama z'ubuyobozi bw'ishuri nuko asubira mu ishuri.
  - Yafashe igihe cyo kuganira n'umuyobozi w'ishuri nyuma akajya atanga ubuhamya bw'ibyamubayeho kuri bagenzi be bo muri kalabu.
- ii) Inama zafasha abahungu n'abakobwa gukumira inda z'imburagihe:
  - Kwifata
  - Kwirinda imibonano idakingiye
- iii) Ibisubizo bishobora gutandukana. Bishobora kuba Yego cyangwa Oya, ariko umuyobozi w'ikiganiro agomba gufasha abagize kilabu gutanga ibitekerezo byabo.
- iv) Ababyeyi be ntibamutoteje ahubwo baramufashije.
  - Ubuyobozi bw'ishuri bwaramusuye bunamushishikariza gusubira ku ishuri.
  - Ubuyobozi bw'ishuri bwamufashije no kongera kwisanzura muri bagenzi be.

### **Igikorwa cya 3**

#### **a. Umukino**

Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 55.

#### **b. Ubutumwa bw'ingenzi**

Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw'ingenzi buri muri iki kiganiro.

#### **Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:**

- Ntukigere uheza cyangwa ngo uhe akato uwatewe inda imburagihe.
- Gutwara inda imburagihe ntibigomba kuba impamvu yo guta ishuri.
- Uwatwaye inda imburagihe afite uburenganzira bwo kwiga no kurengerwa.

**Umwanzuro: Igikorwa cya 4**

Iminota 10

**a. Umukino wo kwishyushya:**

**Urugero:** Umukino witwa “**Ubwato bw’ubutabazi (Life boat)**”

**Amabwiriza y’umukino:**

Saba abagize kilabu guhagarara ku ruziga. Babwire ko muri mu bwato burimo kwibira, ko bagomba kubuvamo bagahungira mu bwato bw’ubutabazi ariko ubwo bwato bukaba atari bunini. Bitewe nuko itsinda ringana, ushobora kubabwira ko ubwo bwato bujyamo abantu 3, 4, cyangwa 6 gusa. Babwire ko mu masegonda atanu bagomba kuba bamaze gukora amatsinda ya batatubatu, batanubatanu cyangwa batandatubatandatu. Nyuma uvana mu mukino abakoze itsinda rito cyangwa rinini ukurikije umubare watanzwe. Nyuma urongera ugatangaza undi mubare, nanone bakihuza bagendeye kuri uwo mubare mushya utanzwe, bityobityo kugeza ubwo hasigara itsinda rimwe.

**b. Inshamake y’ikiganiro**

Umuyobozi w’ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y’ibikubiye mu kiganiro

- Kwifata bikumira inda z’imburagihe.

**c. Isomo dukuyemo**

Umuyobozi w’ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Gutwara inda y’imburagihe ntibigomba kuba impamvu yo guta ishuri.

**d. Umukoro**

Umuyobozi w’ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 55, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Vuga kandi usasobanure ingamba zafasha mu gukumira inda z’imburagihe.
- Iyo uba umwe mubagize umuryango wa Makobwa uba waramwitwayeho ute?

**INGINGO YA 3: INDWARA ZANDURIRA MU MIBONANO MPUZABITSINA NA VIRUSI ITERA SIDA**

**Ikiganiro cya 24: Dusobanukirwe indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, impamvu n’ingaruka zazo**

**Intego y’ikiganiro:** Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri bagize kilabu (club) gusobanukirwa n’indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na virusi Sida, impamvu zizitera n’ingaruka zazo.

**Imfashanyigisho:** Impapuro nini, marikeri z’amabara anyuranye, igifashi, amakayi n’amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n’ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n’ibisubizo n’ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

**Ibice by’ikiganiro**

**Ibikorwa**

**Intangiriro**

Iminota 10

**Igikorwa cya I**

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa “**Kwivangavanga (Mingle)**”

**Amabwiriza y’ umukino:**

Umuyobozi w’ikiganiro asaba abagize kilabu kubyina bivangavanga bagana hirya no hino, yavuga kabiri bagafatana ari babiri , bakongera kwivangavanga, yavuga 3 bagafatana ari 3, yavuga kane bagafatana ari bane , akagenda ahindura imibare uko abyumva. Abagenda basigara, batabonye itsinda bajyamo nk’uko ryavuzwe bava mu mukino. Bikomeza gutyo kugeza igihe umuyobozi w’umukino awuhagarikiye.

**b. Kwitegereza amashusho**

Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku mashusho agaragaza umugabo wateretaga umwana w’umukobwa nyuma akamwanduza indwara, ari ku rupapuro rwa 57.

Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:

- i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.
- ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’iyi shusho?

	<p><b>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Amashusho arerekana: <ul style="list-style-type: none"> <li>– Umugabo uhereza umwana w’umukobwa inoti y’amafaranga ibihumbi bitanu (5000Rfw)</li> <li>– Wa mwana w’umukobwa yicaranye na wa mugabo ku gitanda amufashe ku bibero no ku bitugu.</li> <li>– Wa mwana w’umukobwa yunamyeye, yishima mu gitsina kandi ataka.</li> </ul> </li> <li>ii) Ntabwo abana b’abakobwa bagomba gushukishwa amafaranga ngo bashorwe mu ngeso mbi, z’urukozasoni zirimo n’ubusambanyi .</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Binyuze mu matsinda, saba abagize kilabu gusoma no kumva inkuru <b>“Mukire yigize imfizi y’umudugudu”</b>, iri ku rupapuro rwa 56.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ni izihe nzira umuntu yakwanduriramo indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina?</li> <li>ii) Ni ibihe bimenyetso bikunze kugaragaza ko umuntu yanduye indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina?</li> <li>iii) Muganire ku bihuha n’ amakuru atari yo ku ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na Virusi itera SIDA.</li> <li>iv) Muganire ku nteruro zikurikira muvuge niba ari byo cyangwa atari byo : <ul style="list-style-type: none"> <li>1. Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zikwirakwizwa binyuze mu mibonano mpuzabitsina idakingiye, amatembabuzi n’amavangingo, amaraso ndetse no gukoranaho kw’imibiri yanduye.</li> </ul> </li> </ul>

2. Abagore ntibandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina kubera ko imyanya myibarukire yabo iba imbere.
3. Abantu banduye Virusi itera Sida ntibarwara indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina muri rusange.
4. Buri wese yakwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina mu gihe asambanye n'undi muntu wanduye.
5. Birashoboka kwanduzanya indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina mu gusomana.

***Bimwe mu bisubizo by'ibibazo biganirwaho***

- i) Inzira umuntu yakwanduriramo indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina:
  - Iyo akoze imibonano mpuzabitsina idakingiye,
  - Iyo afashe cyangwa afashwe ku ngufu,
  - Iyo wasinze cyangwa wafashe ibiyobyabwenge byagukururira mu busambanyi,
  - Iyo ukoze imwe mu migenzo ya gakondo nko kunywa,
  - Iyo akoze imibonano mpuzabitsina imburagihe,
- ii) Ibimenyetso bikunze kugaragaza ko umuntu yanduye indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina :
  - Kubyimba no kuryaryatwa mu gitsina,
  - Kunyara ukababara kandi ukokerwa mu gitsina,
  - Kugira uruzi runuka mu gitsinagore,
  - Kugira umunuko n'amashyira ava mu gitsinagabo,
  - Kuva amaraso ku buryo budasanze ku bagore,
  - Kubabara mu kiziba k'inda
- iii) Ibiuha n' amakuru atari yo ku ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na Virusi itera SIDA:
  - Ushobora kumenya ko umuntu yanduye indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina urebesheje ijisho gusa,
  - Ntushobora kwandura ubikoze rimwe gusa,
  - Abantu bafite umwanda ni bo bandura izo ndwara,

- Gusomana gusa ntabwo byatuma wandura.
- Izo ndwara zirikiza

iv) Muganire ku nteruro zikurikira muvuge niba ari byo cyangwa atari byo:

1. Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zikwirakwizwa binyuze mu mibonano mpuzabitsina idakingiye, amatembabuzi n’ amavangingo, amaraso ndetse no gukoranaho kw’imibiri yanduye. **Ni byo**
2. Abagore ntibandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina kubera ko imyanya myibarukire yabo iba imbere. **Si byo**
3. Abantu banduye Virusi itera Sida ntibarwara indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina muri rusange. **Si byo**
4. Buri wese yakwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina mu gihe asambanye n’undi muntu wanduye. **Ni byo**
5. Birashoboka kwanduzanya indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina mu gusomana. **Ni byo**

### Igikorwa cya 3

#### a. Umukino

Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 58.

#### b. Ubutumwa bw’ingenzi

Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ingenzi buri muri iki kiganiro.

Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:

- Mwirinde gukora imibonano mpuzabitsina kugeza igihe muzubaka ingo zanyu (mwifate).
- Mwikwizera uwo ari we wese ushobora kubashora mu busambanyi.
- Mwirinde gusangira ibikoresho bikomeretsa.

<p><b>Umwanzuro</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa “<b>Gukora ijambo ry’inyuguti enye</b>”</p> <p><b>Amabwiriza y’umukino:</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda ya batatubatatu cyangwa banebane.</p> <p>Andika ijambo “<b>Ingimbi</b>” ku rupapuro runini. Saba abagize amatsinda gukoresha iminota 5 bandika amagambo ashoboka agizwe n’inyuguti zitarenze enye mu zigize ijambo ryatanzwe.</p> <p><b>Urugero:</b> imbi, mibi, igi n’ayandi. Iyo iminota bahawe ishize, itsinda ryahize ayandi ni iryagize amagambo menshi.</p> <p><b>Ikitonderwa:</b> Ushobora gukoresha andi magambo bitewe n’insanganyamatsiko mwaganiragaho.</p> <p><b>b. Inshamake y’ikiganiro</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y’ibikubiye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina ziterwa na virusi, bagiteri cyangwa mikorobi, zinyura mu mibonano mpuzabitsina. Harimo zimwe nka Herpes zandurira mu gusomana, izindi nyinshi zandurira mu mavangingo n’amasohoro. Izo ndwara zirimo imitezi, mburugu, uburagaza, isharankima, ibimata, ... Izo ndwara ni mbi kuko zishobora gutera uburwayi bw’inkondo y’umura, gukuramo inda, ubugumba, abana bavukana uburwayi, ubumuga cyangwa bakanapfa.</li> </ul> <p>Tumenye ko zimwe mu ndwara zandura ariko ibimenyetso ntibihite bigaragara bikazagaragara bitinze, ariko muri icyo gihe, umuntu akaba ashobora kwanduza abandi, akazagaraza uburwayi bitinze. Muri zo harimo mburugu, umwijima wo mu bwoko bwa C na B, Herpes, n’umutezi.</p>
---	---

	<p><b>c. Isomo dukuyemo</b></p> <p>Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Tugomba kwirinda indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na virusi itera Sida.</li> </ul> <p><b>d. Umukoro</b></p> <p>Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 58, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Muzategure ikiganiro ku ishuri, musangize abandi banyeshuri ubumenyi ku bijyanye n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na virusi itera SIDA.</li> </ul>
--	---

<b>Ikiganiro cya 25: Gukumira, guhangana no kumenya kubana n' indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na virusi itera SIDA.</b>	
<b>Intego y' ikiganiro:</b> Iki kiganiro kigamije kongera ubumenyi mu gukumira, guhangana no kumenya kubana n' indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na virusi itera SIDA mu mashuri. Kirashimangira kandi ingamba zifatika zo gukumira hifashishijwe ubujyanama bwihuse, gusuzuma no kuvura.	
<b>Imfashanyigisho:</b>	Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojeteri n'ibindi.
<b>Imyigishirize:</b> Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.	
<b>Igihe:</b> Iminota 50	
<b>Ibice by'ikiganiro</b>	<b>Ibikorwa</b>

<p><b>Intangiriro</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya I:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya:</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Irukana amasazi, ufate imibu”</b></p> <p><b>Amabwiriza y’ umukino</b></p> <p>Nimvuga ngo: <b>“Fata imibu”</b> murasimbuka mukome n’amashyi.</p> <p>Nimvuga ngo: <b>“Irukana amasazi”</b> muzunguze amaboko nk’ uwirukana amasazi. Unyuranyije n’ amabwiriza ubwo aba atsinzwe agasohoka mu mukino.</p> <p><b>b. Kwitegereza ishusho</b></p> <p>Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza ababyeyi baje kuvuza umwana wabo bari kumwe na muganga, iri ku rupapuro rwa 59.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze ishyusho mugire icyo muyivugaho?</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa ukuye muri iyi shusho?</li> </ul> <p><b>Bimwe mu bisubizo bishoboka</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Umuganga uri mu isuzumiro ujya impaka n’umugabo uri kumwe n’umugore we baje kuvuza umukobwa wabo urimo gutaka kandi afite ibinini byinshi.</li> <li>ii) Ni ngombwa kujya kwa muganga igihe cyose hagarahaye ikimenyetso k’indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.</li> </ul>
---	---

**Ikiganiro  
nyir'izina**

**Iminota 30**

## **Igikorwa cya 2:**

### **a. Inkuru**

Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kuganira ku nkuru **“Basanze yaranduye”** iri ku rupapuro rwa 59.

Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:

### **b. Ingingo zo kuganiraho n' ibisubizo bishoboka**

- i) Ni iki twakora mu rwego rwo kurwanya ikwirakwizwa ry' indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na virusi itera SIDA?
- ii) Ese ni ngombwa kurangiza imiti y' indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina nk' uko muganga yayanditse? Sobanura.
- iii) Vuga kuri ibi bikurikira ukoresheje **Nibyo** cyangwa **Siby**, maze usobanure.
  - Usanze waranduye indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina uhita ubibwira inshuti yawe.
  - Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zigira ingaruka ku myorokere iyo zitavuye neza kandi ku gihe.

### **Bimwe mu bisubizo bishoboka**

- i) Mu rwego rwo kurwanya ikwirakwizwa ry' indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na virusi itera SIDA tugomba:
  - Kwifata
  - Kudacana inyuma kw' abashakanye
  - Kwirinda imibonano mpuzabitsina idakingiye
  - Kwipimisha indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina
  - Kwirinda gutizanya ibikoresho bikomeretsa
  - Kwisiramuz

	<p>ii) Yego. Ni ngombwa kurangiza imiti kuko bifasha mu:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Kuvurwa neza</li> <li>– Gukomeza ubudahangarwa bw’ umubiri</li> <li>– Gukira byihuse</li> </ul> <p>iii)</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Usanze waranduye indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina uhita ubibwira inshuti yawe. <b>Sibyoy</b> (Ugomba kwihutira kugera kwa muganga bakagupima bakanakuvura hakiri kare.)</li> <li>– Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zigira ingaruka ku myororokere iyo zitavuwe neza kandi ku gihe. <b>Nibyoy</b>. (Iyo indwara zandurira mu mibonanano mpuzabitsina zitavuwe neza kandi ku gihe zangiza imyanya myibarukiro.)</li> </ul>
	<p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 60.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Kwirinda biruta kwivuza.</li> <li>– Igisubizo nyacyo cyo kwirinda indwara zandurira mu mibonanano mpuzabitsina ni ukwifata.</li> </ul>

**Umwanzuro:**

Iminota 10

**Igikorwa cya 4****a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa “Kubara kuva kuri 1 kugera ku 10”

**Amabwiriza y’ umukino:**

Mubare muhereye kuri 1 mugeze ku 10 (Kuva ku mubare muto mujya ku munini). Muhindure mubare muhereye ku 10 mugeze kuri 1 (Kuva ku mubare munini mujya ku muto) mukoresha amaboko n’amaguru.

**b. Inshamake y’ ikiganiro**

Umuyobozi w’ ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y’ ikiganiro.

- Abakobwa n’ abahungu bafite ibyago byinshi byo kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina. Kugira amakuru nyayo kuri izi ndwara ni bumwe mu buryo bwo kuzirinda no kuzirwanya, ariko ni ngombwa kujya kwa muganga.

**Ikitonderwa:** Uburyo bwizewe 100% bwo gukumira no kurwanya indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na virusi itera SIDA ni ukwifata.

**c. Isomo dukuyemo**

Yobora abagize kilabu baganire ku isomo bakuye mu kiganiro.

- Uburyo bwizewe bwo kwirinda indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na virusi itera SIDA ni ukwifata.

**d. Umukoro**

Umuyobozi w’ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa60. Uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Muzatumire ushinzwe ubuzima ku kigo nderabuzima kibegereye abasobanurire ibirebana n’ indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na virusi itera SIDA.

<b>Ikiganiro cya 26: Ihezwa n' itotezwa ry' abafite agakoko gatera SIDA</b>	
<b>Intego y' ikiganiro:</b> Nyuma y'iki kiganiro buri muntu ugize kilabu azaba ashobora gusobanura ibirebana n' ihezwa n' itotezwa rikorerwa abafite agakoko gatera SIDA mu mashuri no mu miryango n' uburyo ryarwanywa.	
<b>Imfashanyigisho:</b> Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n'ibindi.	
<b>Imyigishirize:</b> Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.	
<b>Igihe:</b> Iminota 50.	
<b>Ibice by'ikiganiro</b>	<b>Ibikorwa</b>
<b>Intangiriro</b> Iminota 10	<p><b>Igikorwa cya I:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Irobo (Robot)”</b></p> <p><b>Amabwiriza y' umukino</b></p> <p>Shyira abanyeshuri mu matsinda ya batatu, buri ryose rigire robo 3, imwe iyoboye izindi ebyiri. Igihe umukino utangiyeye, robo zose zigenda mu cyerekezo kimwe. Iyo robo iyoboye ikoze ku rutugu rw' iburyo, izindi zose zirahindukira zikerekeza iburyo, yakora ibumoso zigahindukirira ibumoso. Robo iyoboye igomba kuyobora izindi igihe zigiyeye kugonga ibintu nk' intebe, inkuta cyangwa izindi robo. Itsinda ryagonze riba ritsinzwe umukino.</p> <p><b>b. Kwitegereza amashusho</b></p> <p>Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku mashusho agaragaza umukobwa wikoreye igikapu ari kumwe n'umukecuru n'umugabo n'umugore, ubundu aryanye wenyine nyuma akagaragara kwa muganga, ari ku rupapuro rwa 62 na 63.</p>

	<p>Bashyire mu matsinda maze ubayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze amashusho mugire icyo muyavugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n'aya mashusho?</li> </ol> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka</i></b></p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Amashusho arerekana:       <ul style="list-style-type: none"> <li>– Umugabo n'umugore batishimye bagejeje umukobwa wabo utwite kwa nyirakuru.</li> <li>– Uwo mukobwa aryamye ku kirago iruhande rw' igikapu ke.</li> <li>– Imbangukiragutabara yateye amatako kwa nyirakuru barimo kumwuriza.</li> <li>– Umuganga asezera wa mukobwa n' ababyeyi be batashye.</li> </ul> </li> <li>ii) Abantu bamwe na bamwe baheza abana babo iyo bafite agakoko gatera SIDA.</li> </ol>
<p><b>Ikiganiro nyir' izina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kuganira ku nkuru <b>“Makwana mu kato”</b> iri ku rupapuro rwa 61.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Ni iki wumva cyabaye kuri Makwana ubwo bamujyanaga kwa nyirakuru mu cyaro?</li> <li>ii) Makwana yari amerewe ate mbere yo kujyanwa kwa muganga?</li> <li>iii) Ubujyanama Makwana yahawe bwamariye iki?</li> <li>iv) Wumva umeze ute nyuma yo kumvise iyi nkuru?</li> <li>v) Haba hari umuntu uzi ku ishuri ryanyu cyangwa aho utuye waba yarahuye n'ihazwa cyangwa yaratotejwe kubera ko afite agakoko gatera SIDA?</li> </ol>

	<p><b>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Yarihebye, yarahangayitse, yataye icyizere cy’ ubuzima, yarigunze, yagize ubwoba, yumvise ahejwe,...</li> <li>ii) Yari ameze nabi kubera izi mpamvu zikurikira: <ul style="list-style-type: none"> <li>– Ku bw’ amahirwe yaryaga rimwe ku munsu</li> <li>– Ntiyafashe imiti igabanya ubukana nk’ uko muganga yayimwandikiye.</li> <li>– Yahuye n’ indwara z’ ibyuririzi.</li> </ul> </li> <li>iii) Kuganirizwa byafashije Makwana kwiyakira.</li> <li>iv) Ndatangara, nkumirwa, nkagira ipfunwe, nkagira impuhwe, ubwoba n’ ibindi.</li> <li>v) Igisubizo gishobora kuba YEGO cyangwa OYA bitwewe n’uko abagize kilabu babizi.</li> </ul>
<p><b>Session Development</b> 30 Minutes</p>	<p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 63.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Umuntu ufite agakoko gatera SIDA ni ikiremwa muntu nk’ abandi.</li> <li>– Ntugacire urubanza abafite agakoko gatera SIDA.</li> <li>– Niba ufite agakoko gatera SIDA cyangwa indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina ntukanduze abandi.</li> <li>– Ubaha kandi ufashe abafite agakoko gatera SIDA.</li> </ul>

**Umwanzuro:**

**Iminota 10**

## **Igikorwa cya 4**

### **a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa “Igikombe cy’ amafi”

#### **Amabwiriza y’ umukino:**

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya 2 angana maze bakore inziga ebyiri rumwe imbere y’urundi kandi bose bareba mu ruziga imbere. Shyiraho umuziki maze za nziga 2 zitangire kugenda mu byerekezo bitandukanye. Nyuma y’ amasegonda 10 uhagarike umuziki maze abagize uruziga rw’ imbere bahindukire barebane n’ abakoze uruziga rw’ inyuma. Buri muntu mu barebana abaze ibibazo mugenzi we kandi bagirane inama. Bashobora no kuganira ku mutwe w’ ikiganiro. Nyuma y’ iminota 2, ongera ushyireho umuziki maze za nziga 2 zongere zizenguruke. Uyu mwitozo urakomeza kugera ubonye ko abagize kilabu bateze amatwi bagenzi benshi bashoboka.

### **b. Inshamake y’ isomo**

Umuyobozi w’ ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y’ ikiganiro.

- Ihezwa ry’ abafite agakoko gatera SIDA ni imyitwarire mibi iganisha ku kubacira imanza, kubatesha agaciro, kubakumira no kubaheza. Iyi myitwarire ishobora kubagiraho ingaruka mbi ku buzima n’imibereho yabo ndetse bikaba byabaca intege mu gukomeza kwivuzza, gufata imiti neza no kwitabwaho.

### **c. Isomo dukuye mu kiganiro**

Yobora abagize kilabu baganire ku isomo bakuye mu kiganiro.

- Ntimugacire imanza abafite agakoko gatera SIDA.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w’ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 64, bakazawugaragaza mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Uzasure ishyirahamwe rizwi ryita ku bafite agakoko gatera SIDA, maze uzababaze ingorane bahura na zo uzazisobanurire abandi mu kiganiro gitaha.

**INGINGOYA 4: IMYITWARIREY’ ABANGAVU N’  
INGIMBI IGANISHA KU BIKORWA  
BYATEZA IBYAGO**

**Ikiganiro cya 27: Ibisindisha n’ikoreshwa ry’ibintu bifite ingaruka ku buzima**

**Intego y’ ikiganiro:** Iki kiganiro kigamije gusobanurira abagize kilabu ingaruka zo gukoresha ibiyobyabwenge mu ishuri no mu miryango.

**Imfashanyigisho:** Impapuro nini, marikeri z’amabara anyuranye, igifashi, amakayi n’amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojeteri n’ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n’ibisubizo n’ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

**Ibice by’ikiganiro**

**Ibikorwa**

**Intangiriro**

Iminota 10

**Igikorwa cya I:**

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa “Kare enye”

**Amabwiriza y’umukino:**

Shushanya kare enye zifatanye zifite numero kuva kuri 1 kugeza kuri 4. Buri kare ifite metero kare imwe.

Umukino utangirana n’abakinnyi bane buri wese ari muri kare ye. Umukinnyi wo muri kare ya kane ni we utangira afite umupira. Awukoresha awudunda muri kare y’undi mukinnyi ashatse. Uwo na we awukubita umaze kwidunda inshuro imwe akawerekeza mu yindi kare abonye. Umukino ukomeza utyo kugeza igihe haza kugira uhusha umupira ukidunda kabiri cyangwa ukajya inyuma y’umurongo. Umunnyi ucitswe n’umupira aba atsinzwe naho abakinnyi basigaye bakaba batsinze. Iyo itsinda ry’abakinnyi bane rimaze gukina, ushobora gufata abandi bakinnyi bane, bityobityo bitewe n’igihe ufite.

	<p><b>b. Kwitegereza ishusho</b></p> <p>Saba abagize kilabu kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango, iri ku rupapuro rwa 65.</p> <p>Bashyire mu matsinda maze ubayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n'iyi shusho?</li> </ul> <p><b>Bimwe mu bisubizo bishoboka :</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Abakobwa 2 n'umuhungu bambaye impuzankano y'ishuri barimo kunywa itabi. Umugore n' umugabo barimo kwirukankana umuhungu ubibye igikapu avuye ku ishuri arimo kunywa itabi.</li> <li>ii) Muri rusange, impamvu y' ibyaha bihanwa n'amategeko bikorwa n'urubyiruko ni ukunywa ibisindisha n'ibiyobyabwenge.</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kuganira ku nkuru <b>“Yigize ruharwa”</b>, iri ku rupapuro rwa 64 na 65.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Garagaza imyitwarire idahwitse ivugwa muri iyi nkuru.</li> <li>ii) Ni iki cyateye bariya banyeshuri kugira imyitwarire idahwitse?</li> <li>iii) Aho mutuye ni ibihe biyobyabwenge bihiganje?</li> <li>iv) Ni iki gituma abakobwa n' abahungu bashaka gukora imibonano mpuzabitsina nyuma yo kunywa ibiyobyabwenge?</li> </ul>

- v) Tanga ingaruka zo kunywa ibiyobyabwenge zigaragara ku ishuri cyangwa aho mutuye.

***Bimwe mu bisubizo bishoboka***

- i) Kunywa ibiyobyabwenge no kwiba.
- ii) Gukoreshwa n' ibiyobyabwenge.
- iii) Urumogi, inzoga z' inkorano, mugo, kole, rwiziringa n'ibindi.
- iv) Baba bataye ubwenge.
- v) Kwiba, amahane, kwishora mu mibonano mpuzabitsina, guta ishuri, inda z' imburagihe ziterwa abangavu n' ibindi.

**Igikorwa cya 3**

**a. Umukino**

Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 66.

**b. Ubutumwa bw'ingenzi**

Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw' ingenzi buri muri iki kiganiro.

**Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:**

- Kubatwa n' ibisindisha n' ibiyobyabwenge bigira ingaruka ku buzima bw' ubifata (ku mubiri, ku buzima bwo mu mutwe), ku muryango muri rusange (gusesagura umutungo n' amakimbirane).
- Ibiyobyabwenge bimaze guhitana abasore n' inkumi batari bake.
- Ibiyobyabwenge bituma abanyeshuri benshi bata ishuri.

**Umwanzuro:**

## **Igikorwa cya 4**

**Iminota 10**

### **a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa “**Kunaga udufuka (Bean bag toss)**”

#### **Amabwiriza y’umukino:**

Abagize itsinda ry’umukino bahagarara ahantu hamwe bumvikanyeho, bagasimburana kunaga udufuka tw’utubuye barushanwa kudutera ku ntego inshuro nyinshi zishoboka. Buri wese ashobora gukina ku giti ke cyangwa bagakina mu matsinda bakandika amanota bagenda babona.

Abagize kilabu bategereza ko buri wese amara kunaga udufuka twe twose mbere yo kujya kutugarura kugira ngo bongere batangire.

Koresha uburyo bwose bushoboka ku buryo abagize kilabu barangije gukina batera ishyaka abagezweho barimo bakina. Utsinze ni uwahamije ku ntego kenshi.

### **b. Inshamake y’ikiganiro**

Umuyobozi w’ ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y’ ikiganiro.

- Gukoresha ibisindisha n’ibiyobyabwenge byangiza ubuzima bw’ ubikoresha. Byongeye kandi bituma ubikoresha asubira inyuma mu myigire. Iyo ubikoresha ajya ku ishuri abangamira bagenzi be, akaba yanateza umutekano muke mu myigire n’imyigishirize.

### **c. Isomo dukuye mu kiganiro**

Yobora abagize kilabu baganire ku isomo bakuye mu kiganiro.

- Ibiyobyabwenge bimaze guhitana abasore n’ inkumi batari bake.

	<p><b>d. Umukoro</b></p> <p>Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 66. Uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.</p> <p>– Mutegure umunsi wo kwamagana ibiyobyabwenge mu ishuri.</p>
--	---

<b>Ikiganiro cya 28: Imyitwarire iteye impungenge mu rubyiruko</b>	
<b>Intego y' ikiganiro:</b>	
<p>Iki kiganiro kigamije gusobanura abagize kilabu impamvu zitera imyitwarire iteye impungenge mu rubyiruko. Izo mpamvu ni nko kutagira amakuru ku burenganzira bwa muntu, imyitwarire ikwiye y' ubuzima, kurarikira ibyo utabona, ubukene bushingiye ku mibereho, kugira inshuti y' umugore cyangwa umugabo ukuze w' umushukanyi [sugar mummies/daddies]), ikigare, imirimo yagenewe igitsina gore cyangwa gabo, kutagira abantu b'ikitegererezo, kudahana amakuru n' ibindi.</p>	
<b>Imfashanyigisho:</b>	Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojeteri n'ibindi.
<b>Imyigishirize:</b>	Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.
<b>Igihe:</b> Iminota 50	
<b>Ibice by' ikiganiro</b>	<b>Ibikorwa</b>
<b>Intangiriro</b> Iminota 10	<p><b>Igikorwa cya I:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Agapira (Toss across)”</b></p> <p><b>Amabwiriza y'umukino:</b></p> <p>Abagize kilabu barakora babiribabiri barebana amaboko yabo arambuye. Umwe aragafata agaterere mugenzi na we agafate bagamije kugira ngo amaboko yabo agororoke neza. Bashobora no kugerageza gusama agapira bakoresheje ukuboko kumwe.</p>

	<p><b>b. Kwitegereza ishusho</b></p> <p>Saba abanyeshuri bagize kilabu kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza, umugore ugurira umwana w’umuhungu imyenda mu iduka, wa mugore kandi yicaranye na wa mwana w’umuhungu bafite amacupa, iri ku rupapuro rwa 67.</p> <p>Bashyire mu matsinda maze ubayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitegereze ishusho mugire icyo muyivugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’iyi shusho?</li> </ul> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>iii) Umugore arimo kugurira umwana w’umuhungu imyenda mu iduka, ubona nyiriduka yatangaye. Wa mugore yicaranye na wa mwana w’umuhungu mu kabari barimo kunywa inzoga ubona bakundanye.</li> <li>iv) Abantu bakuru bashuka abana b’abahungu n’ab’abakobwa bakoresheje amayeri menshi harimo kubaha amafaranga n’ impano bagamije kubakoresha imibonanano mpuzabitsina.</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kuganira ku nkuru <b>‘Iraruka rya Gacuma (igice cya mbere)’</b> iri ku rupapuro rwa 66 na 67.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Garagaza imyitwarire idahwitse ivugwa muri iyi nkuru.</li> <li>ii) Gira icyo uvuga ku myitwarire ya Gacuma n’ umugore.</li> </ul>

**Bimwe mu bisubizo bishoboka:**

i)

<b>Imyitwarire idahwitse ya Gacuma</b>	<b>Imyitwarire idahwitse y' umugore</b>
<ul style="list-style-type: none"><li>- Kwemera impano uhawe n' umuntu mudafitanye isano.</li><li>- Kunywa ibiyobyabwenge</li><li>- Kubeshya ababyeyi</li></ul>	<ul style="list-style-type: none"><li>- Gushuka umwana w'umuhungu</li><li>- Kunywesha ibiyobyabwenge umwana w' umuhungu</li><li>- Kureshya abana batujuje imyaka y' ubukure</li><li>- Kwigisha umwana w' umuhungu kubeshya</li></ul>

ii) Gacuma yemera kunywa ibisindisha anemera impano ahawe n' umuntu badafitanye isano agamije kumurarura.

Umugore yashukishije Gacuma ibisindisha n' impano agamije kumwigarurira ngo bage bakorana imibonano mpuzabitsina.

**Igikorwa cya 3**

**a. Umukino**

Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 67.

**b. Ubutumwa bw' ingenzi**

Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw' ingenzi buri muri iki kiganiro.

**Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:**

- Abasore n'inkumi bafite uburenganzira ku makuru y' ukuri kandi yuzuye.
- Abasore n'inkumi bakwiye kwigira ku bantu b' indakemwa mu mico no mu myifatire.
- Ni ngombwa kugira umuntu wizewe usangiza amabanga yawe.

**Urugero :** ababyeyi, abarimu, bagenzi bawe, abakora mu buzima, abayobozi b'amadini n'amatorero n'abandi.

## **Igikorwa cya 4**

### **a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa “**Ubwato bw’ubutabazi**”

#### **Amabwiriza y’umukino**

Bwira abagize itsinda bahagarare ku ruziga hanyuma bage bazenguruka. Basobanurire ko bari mu bwato burimo kwibira basabwa guhungira mu bwato bw’ubutabazi ariko bufite ubushobozi buke bwo kubatabara. Bitewe n’umubare w’abagize itsinda, babwireko ubwo bwato bw’ubutabazi butwara abantu 3, 5 cyangwa 6 gusa. Mu masegonda atarenze 5 babe bamaze gukora amatsinda ya batatu batatu, batanu batanu cyangwa batandatu batandatu. Hanyuma ushyire ku ruhande ababuze itsinda bajyamo n’abakoze amatsinda afite imibare inyuranye n’iyasabwe. Hanyuma tanga undi mubare mushya ababonye amatsinda bakore andi nanone abayabuze bavemo kugeza igihe hazaba hasigaye itsinda rimwe ryahize ayandi.

### **b. Inshamake y’ikiganiro**

Umuyobozi w’ ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y’ ikiganiro.

- Ikoreshwa ry’ibiyobyabwenge bigira ingaruka ku buzima bw’ubikoresha. Ikindi kandi, bibangamira imyigire n’imyigishirize. Ibiyobyabwenge bibangamira kwiga kw’abanyeshuri bigatuma babura icyanga cy’amasomo.

### **c. Isomo dukuye mu kiganiro:**

Umuyobozi w’ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Imyitwarire iteye impungenge mu rubyiruko twavugaga nkoubusambanyi, kunywa itabi, ibisindisha n’ibindi biyobyabwenge, kugira urugomo, kurwana, ....

	<p><b>d. Umukoro</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 78, bakazawugaragaza mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Munganire ku bigusha bituruka kuri ba mucutse umumpe cyangwa inshuti y’umugabo cyangwa umugore ukuze w’umushukanyi.</li> </ul>
--	--

<b>Ikiganiro cya 29: Ingaruka z’ imyitwarire idahwitse mu rubyiruko</b>	
<b>Intego y’ ikiganiro:</b> Iki kiganiro kigamije gufasha abagize kilabu gusobanukirwa ingaruka z’imyitwarire idahwitse mu rubyiruko.	
<b>Imfashanyigisho:</b>	Impapuro nini, marikeri z’amabara anyuranye, igifashi, amakayi n’amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n’ibindi.
<b>Imyigishirize:</b>	Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n’ibisubizo n’ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

<b>Ibice by’ikiganiro</b>	<b>Ibikorwa</b>
<p><b>Intangiriro</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya I:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p>Bashyire mu mukino wo kwishyushya mbere yo gutangira ikiganiro.</p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa “<b>Bang</b>”</p> <p><b>Amabwiriza y’umukino:</b></p> <p>Shyira abanyeshuri ku ruziga ubasabe kubara bahereye kuri I kugera kuri 30 baranguruye amajwi. Buri wese arajya avuga umubare umwe umwe hanyuma ugeze ku gikubo cya 3 aho kuvuga umubare avuge ijamba bang anazamure akaboko. Urugero: 1, 2, <b>bang</b>, 4, 5, <b>bang</b>, 7, 8, <b>bang</b> bityo bityo kugera kuri 30. Unyuranyije n’ amabwiriza akavuga umubare w’ igikubo cya 3 aho kuvuga <b>bang</b> aba atsinzwe akavanwa mu mukino. Umukurikiye agakomeza ku mubare wari ugezweho. Abasigayemo batarenze 3 baba batsinze.</p>

## **b. Kwitegereza ishusho**

Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza umugore ukuze yashyikiranye n’umwana w’umuhungu, wa mwana kandi aakaba ari kumwe na bagenzi be abereka amafaranga, iri ku rupapuro rwa 69.

Bashyire mu matsinda maze ubayobore wifashishije ibibazo bikurikira:

- i) Mwitegereze ishusho mugire icyo muyivugaho.
- ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’iyi shusho?

### ***Bimwe mu bisubizo bishoboka***

- i) Ishusho irerekana:
  - Umugore ukuze wicaye arimo kuganira n’umwana w’umuhungu mu rugo.
  - Umwana w’umuhungu arimo kuratira bagenzi amafaranga.
  - Uwo mwana w’umuhungu arimo gusangira inzoga n’umwana w’umukobwa mu kabari.
- ii)
  - Abana b’ abahungu cyangwa ab’ abakobwa bashobora kurarura bagenzi babo bitewe no kubaratira impano cyangwa amafaranga baba bahawe na b’ abantu bakuru babashukisha ibintu ngo bakorane imibonano mpuzabitsina.
  - Abana b’ abahungu cyangwa ab’ abakobwa bashobora gukoresha amafaranga bahawe na ba mucutse umumpe mu gushukashuka bagenzi babo na bo bagamije kubashora mu mibonano mpuzabitsina.

<p><b>Ikiganiro nyirizina:</b></p> <p><b>Iminota 30</b></p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kumva inkuru <b>“Iraruka rya Gacuma (igice cya 2)”</b> iri ku rupapuro rwa 68.</p> <p>Yobora ikiganiro wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <p>i) Gira icyo uvuga ku myitwarire ya Gacuma ivugwa mu nkuru.</p> <p>ii) Vuga ingaruka z’ imyitwarire mibi igaragara muri iyi nkuru.</p> <p>iii) Ni iki utekereza ko gishobora kuzaba kuri Gacuma na bagenzi be nyuma yo gukora imibonano idakingiye?</p>
	<p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</i></b></p> <p>i)</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Gacuma yashutswe na mucutse umumpe w’umugore yateye inda wamuhaga amafaranga. Na we yaje kuyakoresha ashuka umwana w’ umukobwa amunyweshya ibisindisha banakorana imibonano mpuzabitsina idakingiye.</li> </ul> <p>ii)</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Gutera mucutse umumpe inda.</li> <li>– Kunywa ibisindisha no kubinyweshya umwana w’umukobwa.</li> <li>– Gusesagura amafaranga winezeza.</li> <li>– Ubusinzi n’ ubusambanyi.</li> <li>– Kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na Virusi itera SIDA.</li> </ul> <p>iii)</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na Virusi itera SIDA.</li> <li>– Gutera inda wa mwana w’ umukobwa nk’ uko yayiteye mucutse umumpe.</li> </ul>

	<p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b> Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 70.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ingenzi</b> Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Mukomere ku busugi n’ubumanzi bwanyu kugeza igihe muzashyngirirwa.</li> <li>– Mwirinde ibishuko bya ba mucutsumumpe cyangwa inshuti z’abagabo/abagore bakoresha ubushukanyi bugamije kubashora mu mibonano mpuzabitsina.</li> <li>– Sobanuzza ibyerekeye ubuzima bw’imyemorokere, ihohoterwa, ibiyobyabwenge n’ikoreshwa ryabyo n’ ibindi.</li> </ul>
<p><b>Umusozo</b> Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa “ <b>Kuyobora (The Helmet game)</b>”</p> <p><b>Amabwiriza y’ umukino:</b></p> <p>Shinga ibiti 2 mu kibuga, ubishyireho umutambiko maze umanikeho igipirizo cyuzuye amazi.</p> <p>Hitamo umwe mu bagize kilabu (club) mumupfuke igitambaro mu maso, mumuhe agasumari, ihwa cyangwa igikwasi maze umwe muri bagenzi be amuyobore aho cya gipirizo kiri, nagera hafi yacyo amusabe kugitobora. Umukinnyi ugeza ku minota ibiri atarashobora kugihamya ngo agitobore azaba atsinzwe, hakurikireho undi gutyogutyo.</p>

### **b. Inshamake y'ikiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro avuga inshamake y'ibikubiye mu kiganiro.

- Imyitwarire idahwitse mu rubyiruko igira ingaruka ku mibereho, imibanire n' ubukungu kuri bo ndetse no ku miryango muri rusange. Ibi kenshi biganisha ku byaha, urugomo n' impanuka zitera imfu.

### **c. Isomo dukuye mu kiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Mwirinde ibishuko bya ba mucutsumumpe cyangwa inshuti z'abagabo/abagore babakoresha ubushukanyi bugamije kubashora mu mibonano mpuzabitsina.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 70, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Muhimbe umukino ugaragaza amayeri ba mucutsumumpe cyangwa inshuti z' abagabo/abagore bakuze b'abashukanyi bakoresha bagamije gushora urubyiruko mu mibonano mpuzabitsina hanyuma muzawukine ubutaha.

## INGINGO YA V: KUMENYA KWIBESHAHO NO KWISOBANURA

### **Ikiganiro cya 30: Uburyo bwo kuganira no kwisobanura**

#### **Intego y' ikiganiro:**

Iki kiganiro kigamije guha abakobwa n' abahungu umwanya wo kwitoza kuganira, gusaba icyo ushaka, kwemera cyangwa guhakana ushimitse, kumvikanisha no guhagarara ku bitekerezo n'ibiyumviro byawe. Kigamije kandi kubaha uburyo bwo gukemura ibibazo mu mahoro no kugirana ubucuti nyabwo bubahana.

**Imfashanyigisho:** Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n'ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

#### **Ibice by' ikiganiro**

#### **Ibikorwa**

#### **Intangiriro**

Iminota 10

#### **Igikorwa cya I:**

##### **a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa “**Basiketi tenis ( Basket Tennis)**”

#### **Amabwiriza y'umukino:**

Abagize kilabu bakora amatsinda ya babiribabiri maze hagati y'itsinda n'irindi hakaba harimo intera ya metero 5 (Iyi ntera ushobora kuyongera cyangwa kuyigabanya ugamije korohereza abakinnyi). Umwe afata agatebo naho undi agafata udupira (utudenesi).

Umukinnyi ufite udupira (utudenesi) agerageza kunaga kamwe muri twa dupira (utudenesi) mu gatebo, mugenzi we akagasama akoresheje ka gatebo.

Itsinda ritsinda iyo ryashoboye kunaga byibura udupira (utudenesi) 5 mu gatebo.

Ubundi buryo: Umwe ashobora kunaga agapira (akadenesi) mu kerekezo ashatse, mugenzi akagasama akoresheje agatebo.

	<p><b>b. Kwitegereza amashusho</b></p> <p>Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku amashusho agaragaza, umugabo arimo kwinginga umugore n’ umugabo wavunitse bicaranye kwa muganga, wa mugabo wabingingaga agera imbere ya muganga , iri ku rupapuro rwa 71 and 72.</p> <p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze amashusho mugire icyo muyavugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’aya mashusho?</li> </ol> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</i></b></p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Amashusho arerekana: <ul style="list-style-type: none"> <li>– Umugabo arimo kwinginga umugore n’ umugabo wavunitse bicaranye kwa muganga.</li> <li>– Mu gihe wa mugabo wavunitse wicaranye n’umugore bategereje kwinjira mu isuzumiro, wa mugabo wabingingaga agera imbere ya muganga warimo gutanga amabwiriza y’uburyo bari bukurikirane binjira mu isuzumiro.</li> </ul> </li> <li>ii) Kubahana: Iyo usanze abantu ku murongo ufite impamvu yumvikana ituma utatinda ku murongo ni ngombwa kubanza gusaba abo usanze uburenganzira bwo guhabwa serivisi mbere yabo.</li> </ol>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kumva inkuru <b>“Imyitwarire ya Masus”</b>, iri ku rupapuro rwa 71.</p> <p>Yobora ikiganiro wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Masusa yagombaga kwitwara ate mu bibazo byose yahuye nabyo ubwo yari ku murongo agiye kwivuza?</li> <li>ii) Muganire ku buryo umuntu yakwitwara kugira ngo yisobanure neza agaragaza ibibazo bye.</li> <li>iii) Muvuge akamaro ko kuganira neza, kwisobanura no kumenya kumvikanisha igitekerezo runaka.</li> </ol>

iv) Vuga zimwe mu mbogamizi zibangamira gushyikirana mu biganiro (kuba abantu bisobanura bakumvikana).

***Bimwe mu bisubizo bishoboka:***

i) Masusa yagombaga gusobanurira abo asanze ku murongo ko yari yaje na tagisi yari imutegereje kandi ko gutinda byari kongera amafaranga yari buyishyure maze agasaba ko yakwivuzza ntabamuciyeho.

ii)

– Umuntu yakwisobanura akoresheje: imvugo yumvikana, agaragaza amarangamutima, atega amatwi akumva icyo bamusubiza, akoresheje ijwi rituje ryumvikana, avuga adategwa n’ ibindi.

– Umuntu yakwisobanura akoresheje amashusho, ibimenyetso, inyandiko yanditse neza kandi yumvikana n’ ibindi.

iii) Kuganira neza, kwisobanura no kumenya kumvikanisha igitekerezo runaka bituma ubutumwa butangwa bwumvikana neza.

iv) Gushyikirana mu biganiro bishobora kubangamirwa na:

- Gukoresha amagambo atamenyerewe,
- Ubumuga umuntu afite (kutumva no kutavuga),
- Amarangamutima no kutubahiriza kirazira,
- Kudatega amatwi no kutita ku wo muvugana,
- Kudahuza ururimi.

**Igikorwa cya 3**

**a. Umukino**

Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 72.

**b. Ubutumwa bw’ingenzi**

Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ingenzi buri muri iki kiganiro.

**Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:**

- Hagarara ku kuri kwawe ariko ubikore mu kinyabupfura.
- Gira umuco wo gutega amatwi ibyo abandi bakubwira.
- Jya ubanza kumva (gutega amatwi no gutekereza) mbere yo kuvuga cyangwa gusubiza.

**Umusozo**  
Iminota 10

**Igikorwa cya 4:**

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa **“Ball catapult”**

**Amabwiriza y’umukino:**

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri. Huza amatsinda abiri, rimwe rishyire agapira (akadenesi) ku gitambaro irindi ribe rifite igitambaro gusa. Itsinda rifite agapira (akadenesi) rigatere hejuru rikoresheje igitambaro maze irifite igitambaro gusa rikagasamisha igitambaro. Nyuma yo kugasama na bo bakanagira bagenzi babo maze na bo bagasamishe igitambaro. Itsinda rinaniwe gusama agapira (akadenesi) rivamo rigasimbuzwa irindi hanyuma iryinjijemo rikaba ari ryo rifata agapira rigatangiza umukino.

**Ikitonderwa:**

Uyu mukino ntugomba kurenza iminota 5.

**b. Inshamake y’ikiganiro**

Umuyobozi w’ ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y’ ikiganiro.

- Kuganira neza, kwisobanura no kumenya kumvikanisha igitekereze runaka bituma ubutumwa butangwa bwumvikana neza.

**c. Isomo dukuye mu kiganiro**

Yobora abagize kilabu baganire ku isomo bakuye mu kiganiro.

- Iyo ibitekerezo bitanzwe neza kandi ku gihe byumvikana nta mbogamizi.

**d. Umukoro**

Umuyobozi w’ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 73. Uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

	<p>Mu matsinda atatu, muganire ku nteruro zikurikira hanyuma mutegure inshamake.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Gusobanukirwa ni ingenzi mu gushyikirana mu biganiro.</li> <li>– Ushobora kugira ibitekerezo byiza ariko iyo utabitanze neza ngo ubyumvikanishe, ntaho bikugeza.</li> <li>– Kuganira no kwisobanura neza ni igisubizo ku bibazo byose.</li> </ul>
--	---

<b>Ikiganiro cya 31 : Kwisobanura ushize amanga</b>	
<b>Intego y’ikiganiro:</b> Iki kiganiro kigamije kwereka abagize kilabu uko bashobora kwisobanura bashize amanga, bahagarara ku bitekerezo byabo, bubaha uburenganzira bw’abandi, ibitekerezo, imyumvire n’imyemerere y’abandi.	
<b>Imfashanyigisho:</b> Impapuro nini, marikeri z’amabara anyuranye, igifashi, amakayi n’amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n’ibindi.	
<b>Imyigishirize:</b> Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n’ibisubizo n’ibindi.	
<b>Igihe:</b> Iminota 50	
<b>Ibice by’ikiganiro</b>	<b>Ibikorwa</b>
<b>Intangiriro</b> <b>Iminota 10</b>	<p><b>Igikorwa cya 1:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa “<b>Bang</b>”</p> <p><b>Amabwiriza y’ umukino:</b></p> <p>Shyira abanyeshuri ku ruziga, ubasabe kubara bahereye kuri 1 kugera kuri 15 baranguruye ijwi. Buri wese age avuga umubare umwe, ugeze ku gikubo cya 3, aho kuvuga umubare avuge ijambo bang. Bityobityo ubyica age mu ruziga hagati. Urugero: 1, 2, bang, 4, 5, bang, 7, 8, bang...</p>

	<p><b>b. Kwitegereza amashusho</b></p> <p>Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku amashusho agaragaza umuhungu ukurura umukobwa amujyana mu nzu n’umukobwa usubiza umugabo ukuze amafaranga amubwira ko yiyubaha, iri ku rupapuro rwa 74.</p> <p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’aya mashusho?</li> </ol> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</i></b></p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) – Ishusho ya mbere irerekana umusore akurura umukobwa ashaka kumwinjiza mu nzu uwo mukobwa anamubwira ko adashobora gukorana imibonano mpuzabitsina nawe.       <ul style="list-style-type: none"> <li>– Ishusho ya kabiri irerekana umugabo ukuze uha umukobwa w’umunyeshuri amafaranga kandi ashaka kumukurura amushyira mu modoka ye uwo mukobwa anamubwira ko yiyubaha, ngo agumane amafaranga n’impano bye.</li> </ul> </li> <li>ii) Kwirinda ibishuko bishobora kutugusha mu mibonano mpuzabitsina no guhakanira abagerageza ku bidushoramo.</li> </ol>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Binyuze mu matsinda, saba abagize kilabu gusoma no kumva inkuru <b>“Mutavu ahangana n’ibishuko”</b>, iri ku rupapuro rwa 73.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Musobanure amagambo akurikira:       <ol style="list-style-type: none"> <li>a. Kuganira</li> <li>b. Kumvikanisha igitekerezo cyawe ushize amanga.</li> </ol> </li> </ol>

	<p><b><i>Bimwe mu bisubizo by'ibibazo biganirwaho</i></b></p> <ol style="list-style-type: none"> <li>a. Kuganira ni uguhanahana amakuru ava ku muntu umwe aya ku wundi cyangwa ava ahantu aya ahandi hakoreshejwe uburyo butandukanye (inyandiko, imvugo, amarenga, itumanaho, ...).</li> <li>b. Kumvikanisha igitekerezo cyawe ushize amanga ni ukuganira n'abandi wumvikanisha igitekerezo n'ibiyumvo byawe, udasuzuguye abandi ahubwo ugaha agaciro ibitekerezo byabo.</li> </ol>
	<p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 75.</p> <p style="text-align: center;"><b>Ubutumwa bw'ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw'ingenzi buri muri iki kiganiro</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Abakobwa bagomba guhora birinda kugwa mu mitego bategwa n'abagabo cyangwa abasore bagamije kubasambanya.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Badobado”</b></p> <p><b>Amabwiriza y'umukino:</b></p> <p>Abagize Kilabu bahagarara ku ruziga, mu gihe uyoboye umukino avuze ngo: <b>“Ba”</b> abagize kilabu bose bashyira amaboko hejuru, yavuga ngo: <b>“Bado”</b> abagize kilabu bose barambura amaboko imbere, yavuga ngo: <b>“Badobado”</b> abagize kilabu bose bamanura amaboko bagakomanga ku mavi. Ubyishe akurwa mu mukino kugeza habonetse uwatsinze.</p>

### **b. Inshamake y'ikiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro ayobora abagize kilabu gutanga inshamake y'ibikubiye mu kiganiro:

- Abakobwa bagomba buri gihe kuba maso banga impano bahabwa n'abasore n'abagabo kuko akenshi ziba zigamije kubashora mu bikorwa by'ubusambanyi.

### **c. Isomo dukuye mu kiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro

- Abangavu bahura n'ibishuko byinshi.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 75, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

Muganire kuri izi nteruro:

- i) Ese biragoye gutanga ibitekerezo byawe ushize amanga? Niba ari byo, kuki ?
- ii) Ni gute watanga ibitekerezo byawe ushize amanga kandi udashyamiranye n'abandi ?

## **Ikiganiro cya 32: Uburyo bwo gukemura ibibazo no kumenya uko wasaba icyo ushaka**

**Intego y' ikiganiro:** Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri kubona ibisubizo by'ibibazo no kwirinda amakimbirane kugira ngo babane mu mahoro.

**Imfashanyigisho:** Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojeteri n'ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.

Igihe: Iminota 50

**Ibice by'ikiganiro**

**Ibikorwa**

**Intangiriro**

Iminota 10

**Igikorwa cya I:**

### **a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa “**Gutera igipirizo mu kirere (balloon keep up).**

#### **Amabwiriza y' umukino:**

Fata itsinda urihe igipirizo.

Bara iminota iryo tsinda rishobora guhererekanya igipirizo mu kirere. Saba itsinda kugerageza gutsinda.

- Bwira abakina ko batemerewe gukubita igipirizo bakoresheje amaboko.
- Reba ku rutonde rw' abakina uvuge ugiye gukubita igipirizo.
- Kubita igipirizo ukoresheje inkoni y' igiti cyangwa ikoze mu gikarito.

### **b. Kwitegereza ishusho**

Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza umuhungu urimo gutereta umukobwa, iri ku rupapuro rwa 76.

Yobora ikiganiro wifashishije ibibazo bikurikira:

- i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.
- ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n'iyi shusho?

	<p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ishusho irerekana umukobwa n’umuhungu bicaye mu ruriro baganira bategejeje kugezwaho ibyo kurya batumuje. Hirya yabo gato hari abandi barimo kurya.</li> <li>ii) Abakobwa n’abahungu bagomba kwifata kugeza igihe cyo gushyingirwa.</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Binyuze mu matsinda, saba abagize kilabu gusoma no kumva inkuru <b>“Umukobwa w’umutima”</b>, iri ku rupapuro rwa 75 na 76.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Iyo uba Mamesa ni ubuhe buryo wari gukoresha kugira ngo wirinde akaga?</li> <li>ii) Vuga niba wemeranywa cyangwa utemeranywa n’ ibi bitekerezo bivuga ku buhanga mu kuganira. Sobanura. <ul style="list-style-type: none"> <li>a. Ibiganiro bigamije kugera kucyo ushaka ni igihe abaganira bafite ibyo batumvikanaho, mu biganiro bakagira aho bahuriza, bikarangira bumvikanye.</li> <li>b. Ibiganiro bigamije kugera ku cyo ushaka ni uburyo bwo kuganira hagati y’ abantu babiri cyangwa benshi.</li> <li>c. Ibiganiro bigamije kugera kucyo ushaka bikubiyemo gukemura ibibazo mu buryo bunoze kugira ngo wirinde cyangwa ukemure ibyo utumvikanaho n’ urundi ruhande utaretse uruhande uhagazemo cyangwa ibitekerezo byawe.</li> </ul> </li> </ul> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Uburyo bwiza bwo gusaba icyo ushaka bukubiyemo (kugira ibyo impande zombie zigomwa kugira ngo zigere ku bwumvikane nta burakari, nta gushwana nta no kwivumbura).</li> </ul>

	<p>ii)</p> <p>a. Ndabyemera. Mu biganiro bigamije kugera ku cyo ushaka mufatira hamwe umwanzuro bityo bikabarinda amakimbirane.</p> <p>b. Ndabyemera. Nta biganiro by’umuntu umwe bibaho.</p> <p>c. Ndabyemera. Ibiganiro bigamije kugera ku cyo ushaka bikemura ibibazo mu buryo bunoze kandi ibitekerezo by’impande zose bigahabwa agaciro.</p>
	<p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 77.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Kumvikanisha icyo ushaka (kuganira) bishobora kugufasha guhangana n’ibibazo bikomeye kandi wifitiye ikizere.</li> <li>– Kumvikanisha icyo ushaka (kuganira) birinda amakimbirane.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya:</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa “<b>Kubyinana igipirizo (Balloon dance)</b>”</p> <p><b>Amabwiriza y’umukino:</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda ya babiribabiri.</p> <p>Fata itsinda baribabiri (2) begerane hanyuma imibiri yabo itandukanywe n’umupira washyize hagati yabo.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Bwira abagize itsinda ko nukuranga umuziki, buri tsinda riceza ryegeranye ku buryo imibiri yabo itandukanywa na wa mupira, bakagenda bazenguruka icyumba baceza.</li> </ul>

- Babwire ko batagomba gukoresha intoki ngo bafate wa mupira.
- Itsinda rizashobora gutsinda ni irizaba ryashoboye kugumana umupira hagati yabo kugeza ubwo uvuze ko umukino urangiye.

### **b. Inshamake y' ikiganiro**

Umuyobozi w' ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y' ikiganiro.

- Ibiganiro bigamije kugera kucyo ushaka ni ingenzi mu gukemura ibibazo duhura nabyo mu buzima bwa buri muni.

### **c. Isomo dukuyemo**

Yobora abagize kilabu baganire ku isomo bakuye mu kiganiro.

- Ibiganiro bigamije kugera kucyo ushaka bishobora kugukura mu bihe bigoye ukabivamo wemye.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 77. Uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

i) Tanga ingero kuri buri bwoko bw' ibiganiro bigamije kugera ku cyo ushaka bikurikira:

- a. Kuganira mugafata umwanzuro mwumvikanyeho nta n'umwe ubangamiwe.
- b. Kuganira kugamije guhabwa icyo ushaka uko byagenda kose.

Sobanura uko wahangana cyangwa wakemura ibibazo bikurikira:

- a. Inshuti zawe zirashaka ko ugerageza gukoresha ibiyobyabwenge nkabo.

Bakakubwira ko uri ikigwari niba utifatanyije na bo.

	<p>ii) Inshuti yawe y' umuhungu ntikunda inshuti zawe</p> <p>b. Inshuti yawe ikurimo amafaranga ibihumbi 10 kandi urayakeneye cyane.</p> <p>c. Inshuti yawe y' umuhungu/umukobwa irashaka ko muzakorana imibonano mpuzabitsina mumaze gushyingirwa ariko wowe ntubishaka.</p>
--	---

### **Ikiganiro cya 33: Ubumenyi mbonerabitsina n'ikoreshwa ry'imbuga nkoranyambaga**

**Intego y'ikiganiro :** Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri gusobanukirwa ingaruka zo gukoresha nabi imbuga nkoranyambaga ku myitwarire mbonerabitsina no kubaha umurongo zikwiye gukoreshwamo

**Imfashanyigisho :** Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n'ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

<b>Ibice by'ikiganiro</b>	<b>Ibikorwa</b>
<p><b>Intangiriro</b></p> <p><b>Iminota 10</b></p>	<p><b>Igikorwa cya I</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Bang”</b></p> <p><b>Amabwiriza y' umukino:</b></p> <p>Saba abagize kilabu guhagarara ku ruziga ubasabe kubara bahereye kuri rimwe kugera kuri cumi na gatanu</p> <p>baranguruye ijwi buri wese arajya avuga umubare umwe ugera ku gikubo cya gatatu avuge bang bityo bityo ubyica age mu ruziga hagati. Urugero 1,2, bang, 4, 5, bang,7,8, bang, bityobityo...</p>

	<p><b>b. Kwitegereza ishusho</b></p> <p>Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza umwana w’umuhungu uri mu cyumba afite telefoni, iri ku rupapuro rwa 78.</p> <p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <p>i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.</p> <p>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’iyi shusho?</p> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</i></b></p> <p>i) Ishusho irerekana umwana w’umuhungu uri mu cyumba ke afite telefoni mu ntoki, bigaragara ko yikanze abonye nyina yinjije.</p> <p>ii) Urubyiruko rugomba kwitondera gukoresha ikoranabuhanga mu bwihisho kuko bishobora gutuma barikoresha nabi bareba amashusho y’ urukozasoni yabagiraho ingaruka mu myitwarire mbonezabitsina yabo.</p>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kumva inkuru “<b>Itondere ikoranabuhanga</b>”, iri ku rupapuro rwa 78.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <p>i) Ni iyihe mpamvu yatumye Teki abwira nyina kuba aretse kwinjira hanyuma agashyira imyenda ararana n’amashuka mu gatebo basanzwe bashyiramo imyenda yo kumesa?</p> <p>ii) Muganire ku ngaruka zo gukoresha nabi ikoranabuhanga ku myitwarire mbonezabitsina ku rubyiruko.</p> <p>iii) Wafasha ute inshuti yawe yahuye n’ibibazo byo kubatwa n’amashusho y’urukozasoni mu rubyiruko?</p>

### ***Bimwe mu bisubizo by'ibibazo biganirwaho***

- i) Teki yarikinishaga.
- ii) Gukoresha nabi ikoranabuhanga bitera ingaruka nk'akamenyero kabi ko kwikinisha gashobora gutuma urubyiruko rwishora mu bikorwa by'imibonano mpuzabitsina.
- iii) Namugira inama yo guhita ahagarika kureba amashusho y'urukozasoni yo ku mbuga nkoranyambaga.

### **Igikorwa cya 3**

#### **a. Umukino**

Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 79.

#### **b. Ubutumwa bw'ingenzi**

Yobora abagize kilabu mu gushaka ubutumwa bw'ingenzi mu kiganiro.

#### **Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:**

- Gukoresha nabi imbuga nkoranyambaga bishobora gutera imyitwarire idahwitse ku bijyanye n'uburere mbonerabitsina.
- Urubyiruko rugomba kugira ubushishozi mu gukoresha imbuga nkoranyambaga.

**Umwanzuro  
iminota 10**

**Igikorwa cya 4**

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa **“Badobado”**

**Amabwiriza y’umukino:**

Saba abagize kilabu bahagarara ku ruziga. Iyo uvuze ngo: **“Ba”** abagize kilabu bazamura amaboko, yavuga ngo: **“Bado”** abagize kilabu bakerekeza amaboko imbere yabo, yavuga ngo: **“Badobado”** abagize kilabu bakamanura amaboko bakifata ku mavi. Uyoboye umukino agenda ahinduranya amabwiriza. Abagize kilabu banyuranyije n’amabwiriza atanzwe, bavanwa ku ruziga, bagasigara bareba undi unyuranya n’amabwiriza.

**b. Inshamake y’ikiganiro**

Umuyobozi w’ikiganiro ayobora abagize kilabu gutanga inshamake y’ibikubiye mu kiganiro:

- Gukoresha nabi imbuga nkoranyambaga bishobora gutuma urubyiruko rwishora mu bikorwa by’imibonano mpuzabitsina.

**c. Isomo dukuye mu kiganiro**

Umuyobozi w’ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Urubyiruko rugomba gukoreshanya ubushishozi imbuga nkoranyambaga.

**d. Umukoro**

Umuyobozi w’ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 79, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- i) Ni izihe mbuga nkoranyambaga muzi zikunze gukoreshwa n’ abangavu n’ ingimbi?

Intambwe ya I: Hitamo ubutumwa bwamamaza uri busesengure.

Intambwe ya 2: Ifashishe ibibazo bikurikira mu gusobanura ubutumwa bwamamaza urimo gusesengura.

- a. Ni ikihe gicuruzwa cyangwa serivisi ubwo ubutumwa bwamamaza?
- b. Ni bande ubwo butumwa bwamamaza bugenewe? Vuga ikigero k'imyaka yabo, umuco, igitsina, ikigereranyo cy'amikoro yabo.
- c. Ni iki ubu butumwa bwamamaza k'inyongera ku gicuruzwa cyangwa serivise byamamazwwe?
- d. Ni ubuhe butumwa cyangwa indagagaciro ubu butumwa bwamamaza bukwirakwiza? Buri mu mvugo yumvikana cyangwa imvugo ishushanya/ijimije?
- e. Ese muremeranywa n'ibivugwa muri ubu butumwa bwamamaza? Musobanure.
- f. Abantu bari muri ubu butumwa (abanyarubuga) bwamamaza bagaragara bate?
- g. Ni irihe somo dukura muri ubu butumwa bwamamaza ku bijyanye n'uburere mbonerabitsina?
- h. Ubu butumwa ni bwiza cyangwa ni bubu ku bijyanye n'uburere mbonerabitsina?

**Ikiganiro cya 34: Bumwe mu buryo bwo kwikemurira ikibazo bwitwa star mu magambo ahinnye y'icyongereza.**

**Intego y'ikiganiro:**

Iki kiganiro kigamije kwigisha abana b'abakobwa n'ab'abahungu bumwe mu buryo bukoreshwa mu kwikemurira ibibazo bishingiye ku mibonano mpuzabitsina bwitwa **STAR** mu magambo ahinnye y'icyongereza. Bisobanura (Situation, Task, Action and Results).

(Tugenekereje mu Kinyarwanda, ni uburyo bwo gukemura ikibazo ubanje kureba imiterere yacyo yihariye, ukareba icyo ugomba gukora n'uko ugomba kugikora hanyuma ugasuzuma icyo wagezeho.)

**Imfashanyigisho :** Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojeteri n'ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

**Ibice by'ikiganiro**

**Ibikorwa**

**Intangiriro**

Iminota 10

**Igikorwa cya I**

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa **“Vuga ‘YES’ mu mwanya w’umubare ugabanyika na 2”**

**Amabwiriza y’ umukino:**

Saba abagize kilabu guhagarara ku ruziga. Barabara bavuga cyane kuva kuri 1 kugeza kuri 20, buri mukinnyi avuga umubare umwe, ariko bitondera ko mu mwanya w’umubare ugabanyika na 2 ni ukuvuga 2,4,6,8....havugwa **“YES’** aho kuvuga uwo mubare. Iyo hagize unyuranya n’amabwiriza yatanze ava mu mukino na we agashakisha abandi babyica.

**b. Kwitegereza ishusho**

Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza abangavu babiri baganira ku burwayi bw’umwe muri bo, iri ku rupapuro rwa 81.

	<p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n'iyi shusho?</li> </ul> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Iyi shusho iragaragaza abakobwa babiri bicaye baganira umwe abwira undi ko ababara mu myanya ndangagitsina.</li> <li>ii) Menya ibibazo byawe kandi ushake uburyo bwiza bwo kubikemura.</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Binyuze mu matsinda, saba abagize kilabu gusoma no kumva inkuru <b>“Agahinda ka KANNY”</b>, iri ku rupapuro rwa 80.</p> <p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Tanga inama isumba izindi yafasha KANNY kwigobotora ibibazo arimo.</li> <li>ii) Musobanure uburyo KANNY yakoresha tekini ya (STAR) kugira ngo ashobore kwikemurira ikibazo.</li> </ul> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Inama isumba izindi yafasha KANNY kwigobotora ibibazo arimo ni ukwegera umuntu w'inkoramutima ye akamugisha inama hanyuma kandi akajya kwivuzza ku kigo nderabuzima kimwegereye.</li> <li>ii) Mbere na mbere agomba kubanza kumva neza imiterere y'ikibazo afite hanyuma we ubwe agashaka igikorwa yakora kugira ngo agikemure agashyira mu bikorwa ibyo yiyemeje akemura cya kibazo, hanyuma agasuzuma ko ibyo yiyemeje yabigezeho.</li> </ul> <hr/> <p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 81.</p>

	<p><b>b. Ubutumwa bw’ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu mu gushaka ubutumwa bw’ ingenzi buri mu kiganiro.</p> <p>Bumwe mu butumwa bw’ ingenzi:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Ntugatinye kubwira umuntu wizeye ibibazo byawe cyangwa ingorane zawe</li> <li>– Tekereza buri gihe ku buryo bwiza bwo gukemura ibibazo byawe.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b> iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> umukino witwa “Kunaga agapira”</p> <p><b>Amabwiriza y’umukino:</b></p> <p>Abagize Kilabu bahagarara ku ruziga, umuyobozi w’itsinda agaterera agapira umwe umwe mu bagize itsinda. Uterewe agapira agahita yibwira abandi akanavuga ikintu kimwe akunda.</p> <p><b>b. Inshamake y’ikiganiro</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y’ ikiganiro:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Ntugatinye kubwira umuntu wizeye ibibazo byawe cyangwa ingorane zawe</li> <li>– Tekereza buri gihe ku buryo bwiza bwo gukemura ibibazo byawe.</li> </ul> <p><b>c. Isomo dukuye mu kiganiro</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Kugira ubushobozi bwo kwikemurira ibibazo ni ingenzi mu buzima bwa buri muni.</li> </ul> <p><b>d. Umukoro</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 82, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Muzaganire ku bundi buryo mwakoresha mu kwikemurira ibibazo.</li> </ul>

## **Ikiganiro cya 35: Gutegura ejo hazaza**

**Intego y’ ikiganiro:** Iki kiganiro gifasha abana n’urubyiruko kumva akamaro ko gutegura ejo hazaza habo

**Imfashanyigisho:** Impapuro nini, marikeri z’amabara anyuranye, igifashi, amakayi n’amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n’ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n’ibisubizo n’ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

**Ibice by’ikiganiro**

**Ibikorwa**

**Intangiriro**

Iminota 10

**Igikorwa cya I:**

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa “**Hummer**”

**Amabwiriza y’ umukino:**

Umuyobozi w’ikiganiro asaba abagize kilabu kuvuga ijambo “**Hummer**” (Inshuro eshanu) bakabivuga bazamura ukuboko kw’iburyo, nyuma ukw’ibumoso, nyuma bakubita hasi ikirenge k’iburyo, nyuma ik’ibumoso. Bagasubiramo babara bamanuka kugeza ubwo baragera kuri I.

**b. Kwitegereza ishusho**

Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza abakobwa babiri baganira, umwe yambaye impuzankano undi atayambaye. Hirya yabo hari umukobwa wambaye impuzankano yambarwa n’abasoje amashuri, iri ku rupapuro rwa 82.

- i) Itegereze ishusho unayisobanure
- ii) Ni ubuhe butumwa ukuye muri iyi shusho

	<p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka</i></b></p> <p>i) Abana b’abakobwa babiri umwe yambaye impuzankano n’undi utayambaye barimo baganira. Utambaye impuzankano arimo kubwira uyambaye ati:” Wikwitesha umutwe, kwiga si ibyawe”. Hirya yabo hari ishusho y’umukobwa umaze gukura wambaye impuzankano zambarwa n’abasoje amashuri</p> <p>ii) Kumva amabwire ntushishoze cyangwa ngo ugishe inama ababyeyi cyangwa abantu ufata nk’ikitegererezo cyawe ni bibi kuko bishobora gutuma utagera ku nzozi zawe.</p>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Ikiganiro</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kuganira ku nkuru <b>“Winshuka”</b>, iri ku rupapuro rwa 82.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <p>i) Ni irihe somo ukuye muri iyi nkuru ya Nyakarabo?</p> <p>ii) Tanga ibitekerezo kuri iyi ngingo: “Amateka y’umuryango wawe ntagena ahazaza hawe”.</p> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka</i></b></p> <p>i) Inam nkuyemo ni ukutita ku mabwire, ugahitamo gukurikiza inama ugirwa n’ababyeyi n’abarezi bawe kuko bituma ugera ku nzozi zawe.</p> <p>ii) Ahazaza h’umuntu ntihashingiye ku mateka y’umuryango we ahubwo ahazaza h’umuntu hashingiye ku gukora cyane, kugira intego, kugira ikinyabupfura, kugirwa inama nziza, kwigira ku bantu bafite icyo bagezeho, kutajya mu ngeso mbi,.....</p>

	<p><b>Igikorwa cya 3:</b></p> <p><b>a. Umukino</b> Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 83.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ ingenzi</b> Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw’ ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Ni ingenzi gukora igenamigambi ry’ahazaza hawe kugira ngo riyobore ibyifuzo n’inzozo zawe.</li> <li>– Kubaka ejo hazaza hawe bitangira uyu munsu.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro:</b> Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b> <b>Urugero:</b> Umukino witwa “Pipupipu”</p> <p><b>Amabwiriza y’ umukino:</b> Abagize Kilabu bahagarara ku ruziga, mu gihe uyoboye umukino avuze ngo: “<b>PI</b>” abagize kilabu bose bashyira amaboko hejuru, yavuga ngo: “<b>PIPU</b>” abagize kilabu bose barambura amaboko imbere, yavuga ngo: “<b>PIPUPIPU</b>” abagize kilabu bose bamanura amaboko bagakomanga ku mavi. Ubyishe akurwa mu mukino kugeza habonetse uwatsinze.</p> <p><b>Ikitonderwa:</b> Hinduranya ibyo ubasaba gukora (<b>PI, PIPU, PIPUPIPU</b>) kugira ngo urebe abatabikora neza maze ubasabe kuza hagati mu ruziga bagufashe kureba bagenzi babo badahuza n’amabwiriza y’umukino watanze.</p> <p><b>b. Inshamake y’ ikiganiro</b> Umuyobozi w’ ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y’ ikiganiro.</p>

- Dukwiye guhora dushyira imbaraga mu kugera ku ntego tuba twarihaye, tukima umwanya abaduca intege mu buryo bwose.

### **c. Isomo dukuyemo:**

Yobora abagize kilabu baganire ku isomo bakuye mu kiganiro.

- Ni ingenzi gutegura ejo hazaza hawe kugira ngo ushobore guha ubuzima bwawe ikerekezo bizagufashe gukabya inzozo zawe.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 83. Uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Bwira abagize umuryango wawe, abajyanama wizeye, abarimu, abayobozi b'amadini, abagize ibyo bageraho n'abafashamyumvire intego n'inzozo byawe maze wandike igenamigambi ry'ejo hazaza hawe.



# IMYIGIRE N' IMYIGISHIRIZE YITA KU IHAME RY' UBURINGANIRE N' UBWUZUZANYE

## **Ikiganiro cya 36: Imfashanyigisho zita ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye**

### **Intego y' ikiganiro:**

Iki kiganiro kigamije gushimangira ko imfashanyigisho zifashishwa mu myigire n'imyigishirize zigomba gusuzumwa ko zubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mbere yo gukoreshwa kugira ngo hatabaho gukoresha imfashanyigisho ziheza cyangwa zibogama bishingiye ku gitsina.

**Imfashanyigisho:** Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n'ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

### **Ibice by'ikiganiro**

### **Ibikorwa**

#### **Intangiriro**

Iminota 10

#### **Igikorwa cya I:**

##### **a. Umukino wo kwishyushya:**

**Urugero:** Umukino witwa “Hindura umukino (Spot the game leader)”

##### **Amabwiriza y' umukino:**

Shyira abanyeshuri ku ruziga maze ubasabe kurugendaho bazenguruka banaririmba baranguruye ijwi basubiramo kenshi bagira bati: “Hindura umukino eheee”. Saba umwe mu bagize kilabu kujya hanze cyangwa kure yanyu kugira ngo atumva muvuga uza kuyobora umukino.

Nimumara guhitamo uyobora umukino mumusabe kujya atanga utwitozo tworoheje nko gushyira amaboko hejuru, gusimbuka, guceza, kuzunguza amaboko, guhamagara ukoresheje amaboko, kubyinisha umutwe,... Hamagara wa wundi wagiye hanze cyangwa kure yanyu maze na we aze age mu ruziga ahabwe inshingano zo gutahura uri kuyobora umukino.

**Ikitonderwa:**

Uyoboye umukino iyo atahuwe niwe ujya hanze.

Iyo mukoze twa twitozo tworoheje 6 uyoboye ataratahurwa, uwashinzwe kumutahura aba atsinzwe, mwohereza undi hanze, umukino ukongera ugatangira bityo bityo...

**b. Kwitegereza ishusho:**

Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza umwarimu uri mu ishuri yereka abanyeshuri ishusho iri mu gitabo, iri ku rupapuro rwa 86.

Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:

- i) Itegereze ishusho unayisobanure.
- ii) Ni ubuhe butumwa ukuye kuri iyi shusho?

***Bimwe mu bisubizo bishoboka***

- i) Umwarimu uri mu ishuri ririmo abanyeshuri, ikibaho gihanaguye neza, hirya yacyo hari ibikoresho bya jewometiri. Umwarimu arimo kwereka abanyeshuri ishusho iri mu gitabo igaragaza abanyeshuri bambaye amataburiya na bamwe barimo gukora amagerageza muri Laboratwari abandi babarebera.
- ii) Iyo umwarimu arimo kwerekana imfashanyigisho akora ibishoboka byose akayereka abanyeshuri be nta butumwa na bumwe afukiranye cyangwa ataberetse neza.

**Ikiganiro  
nyirizina**

Iminota 30

**Igikorwa cya 2**

**a. Ikiganiro**

Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kuganira ku nkuru **“Imyigishirize ya Gacuma”** iri ku rupapuro rwa 86.

**b. Ibibazo byo kuganiraho**

- i) Kuki abanyeshuri b’abakobwa batsinzwe isomo ry’ubutabire mu gihembwe cya mbere ?
- ii) Ese birakwiye ko abanyeshuri b’abahungu bakora imikorongiro ikorerwa muri laboratwari bonyine bagenzi babo b’abakobwa babarebera?
- iii) Ese mwarimu Gacuma yatahuye ko abanyeshuri b’abakobwa batitabiraga imikorongiro muri laboratwari?
- iv) Uratekereza ko umwanzuro wafashwe n’umuyobozi w’ishuri wo guhindura umwarimu w’isomo ry’ubutabire uzakemura ikibazo k’imitsindire y’abakobwa mu isomo ry’ubutabire ? Sobanura.

***Bimwe mu bisubizo bishoboka***

- i) – Igitabo cy’ubutabire bigiragamo cyari kirimo amashusho agaragaza abanyeshuri b’abahungu barimo gukora imikorongiro naho abakobwa barebera.
  - Imikorongiro yose umwarimu yayihaga abanyeshuri b’abahungu naho abakobwa bagakurikira gusa uko bikorwa.
- ii) Oya, ntabwo bikwiye. Abanyeshuri bose, abahungu n’abakobwa, bakwiye guhabwa imikorongiro ingana n’igihe cyo kuyikora kingana.
- iii) Oya. Umwarimu Gacuma ntabwo yigeze abona ko umubare w’abakobwa baza muri laboratwari wagendaga ugabanuka.

	<p>iv) Yego. Guhindura umwarimu w'isomo ry'ubutabire bizakemura ikibazo k'imitsindire y'abakobwa mu isomo ry'ubutabire kubera ko azatangira kubigisha azi neza icyatumye batsindwa mu gihembwe cya mbere bityo afate ingamba zo kubakundisha isomo ry'ubutabire no kubaha imikorongiro batakoze mu gihembwe cya mbere.</p> <p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b> Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 87.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw'ingenzi</b> Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw'ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Imfashanyigisho zose zikoreshwa mu myigire n'imyigishirize zigomba kubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye zifasha abakobwa n'abahungu ku buryo bungana.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b> <b>Urugero:</b> Umukino witwa “<b>Kuvuga icyo udakunda (Say what you dislike)</b>”</p> <p><b>Amabwiriza y' umukino:</b> Shyira abanyeshuri ku ruziga maze ufate agapira uge ugatera umwe mu bagize Kilabu agasame maze umusabe kuvuga amazina ye n'iby akunda.</p> <p><b>b. Inshamake y' ikiganiro</b> Umuyobozi w' ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y' ikiganiro.</p>

	<ul style="list-style-type: none"> <li>– Umwarimu utita ku ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye, agakoresha imfashanyigisho zitita ku ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye yaciye intege abanyeshuri b’abakobwa bituma badakora imikorongi nka bagenzi babo b’abahungu bigira ingaruka ku myitabirire yabo mu gukora imikorongi muri laboratwari ndetse n’imitsindire yabo mu isomo ry’ubutabire.</li> </ul> <p><b>c. Isomo dukuyemo:</b></p> <p>Yobora abagize kilabu baganire ku isomo bakuye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Abarezi, imyigire n’imyigishirize n’imfashanyigisho bikwiye kwita ku ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye.</li> </ul> <p><b>d. Umukoro:</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 87. Uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Muge mu isomero mufate ibitabo by’amasomo mwiga maze mubisesengure mugaragaze interuro n’amashusho ari muri ibyo bitabo atimakaza ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye</li> </ul>
--	---

<b>Ikiganiro cya 37: Gutegura amasomo wita ku ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye</b>	
<b>Intego y’ ikiganiro:</b>	Iki kiganiro kigamije guha abanyeshuri bitoza umwuga w’uburezi ubumenyi n’ubumenyigiro buzajya bubafasha mu gutegura amasomo yimakaza ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye.
<b>Imfashanyigisho:</b>	Impapuro nini, marikeri z’amabara anyuranye, igifashi, amakayi n’amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojeteri n’ibindi.
<b>Imyigishirize:</b>	Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n’ibisubizo n’ibindi.
<b>Igihe:</b>	Iminota 50

Ibice by'ikiganiro	Ibikorwa
<p><b>Intangiriro</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya I:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Gukora ijambo ry’ inyuguti 4”</b></p> <p><b>Amabwiriza y’ umukino:</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda ya batatubatatu cyangwa banebane.</p> <p>Andika ijambo: <b>“Imfashanyigisho”</b> ku kibaho.</p> <p>Bahe iminota yo kuba bamaze kuvumbura amagambo ashoboka yose</p> <p>agizwe n’inyuguti zitarenze 5 muzigize ijambo <b>“Imfashanyigisho ”</b>.</p> <p><b>Urugero:</b> Isha, igi, ifi, amagi, amafi, amaso, amano, ino, ...</p> <p>Igihe wagennye nikirangira, itsinda rizaba ryabonye amagambo menshi niryo rizaba ritsinze.</p> <p><b>Ikitonderwa:</b></p> <p>Ushobora gukoresha andi magambo bitewe n’insanganyamatsiko mushaka kuganiraho.</p>

	<p><b>b. Kwitegereza ishusho</b></p> <p>Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho iragaza umwarimu agiye kwandika ku kibaho ari mu ishuri rimanitsemo ishusho iriho abagore batatu, iri ku rupapuro rwa 88.</p> <p>i) Itegereze ishusho unayisobanure.</p> <p>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’ iyi shusho?</p> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka</i></b></p> <p>iii) – Umwarimu uri mu ishuri agiye kwandika ku kibaho inyuma ye hicaye abanyeshuri.</p> <p>– Mu ishuri hari ishusho iriho abagore batatu, umwe ari gusarura amatunda, undi yikoreye ayo bamaze gusarura naho undi ari gupakira ayamaze gusarurwa.</p> <p>iv) Iri shuri ntabwo ryari ryubahirije ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye:</p> <p>– Umwarimu yigishaga ateye abanyeshuri umugongo</p> <p>– Yari yicaje abahungu ukwabo n’abakobwa ukwabo.</p> <p>– Ishusho yari mu ishuri yari iriho abagore bari gukora imirimo bonyine.</p>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kuganira ku nkuru <b>“Imyigishirize ya Gihura”</b>, iri ku rupapuro rwa 88.</p> <p><b>b. Ibibazo biganirwaho</b></p> <p>i) Ni iyihe mpamvu isomo ryarambiye abahungu?</p> <p>ii) Ni iki umwarimu Gihura yagombaga gukora kugira ngo abakobwa n’ abahungu bagire uruhare mu isomo rye?</p> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka</i></b></p> <p>i) Abanyeshuri b’abahungu ntibakunze isomo ry’umwarimu Gihura kubera ko yabicaje ukwabo, imfashanyigisho yakoreshe yerekanaga ko abagore ari bo bakora imirimo bonyine.</p>

	<p>ii) Umwarimu Gihura yagombaga kuba yakoze ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Gutegura isomo n’imfashanyigisho byita ku ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye.</li> <li>– Kwicaza abakobwa n’abahungu bavanze.</li> <li>– Kubaza ibibazo byerekeye isomo abakobwa n’abahungu atarobanuye.</li> <li>– Gutanga isomo rye adateye umugongo abanyeshuri yigisha.</li> </ul>
	<p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 89.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw’ ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Imyigire n’imyigishirize igomba gushishikariza abakobwa n’abahungu kugira uruhare rungana mu isomo.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro:</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b>Umukino witwa “Ziraguruka (Can fly or don’t Amabwiriza y’ umukino:</p> <p>Shyira abanyeshuri ku ruziga maze uge uvuga amazina y’inyamaswa.</p> <p>Niba uvuze izina ry’inyoni bage basimbuka bakome mu mashyi bavuga bati “ziraguruka”. Uge uvangavanga amazina y’inyamaswa iziguruka basimbuke bakome amashyi maze izitaguruka bagume uko bameze.</p> <p>Uwasimbutse igihe wavuze inyamaswa itaguruka aba atsinzwe naho uwagumye mu mwanya we ntasimbuke igihe wavuze inyamaswa iguruka na we aba atsinzwe. Mukomeze mutyo kugeza igihe hasigaye utsinda.</p>

### **b. Inshamake y' ikiganiro**

Umuyobozi w' ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y' ikiganiro.

- Umwarimu yateguye isomo ritita ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, abanyeshuri b'abahungu ntibakurikira isomo rye kubera ko imfashanyigisho yifashishije atanga isomo na zo zititaga ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.

### **c. Isomo dukuyemo:**

Yobora abagize kilabu baganire ku isomo bakuye mu kiganiro.

- Amasomo yose ategurwa n'imfashanyigisho ziyanye nayo bikwiye kuba byubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.

### **d. Umukoro:**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 89. Uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Genzura ko amasomo utegura yubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye maze ubwire abo mubana muri kilabu uko wayabonye.

**Ikiganiro cya 38: Gukoresha mu ishuri imvugo ikwiye yita ku ihame ry’uburinganire n’ubwuzazanye**

**Intego y’ikiganiro:** Iki kiganiro kigamije gufasha abarimu kwirinda gukoresha imvugo n’ibimenyetso biheza cyangwa bidaha agaciro ihame ry’uburinganire n’ubwuzazanye mu ishuri.

**Imfashanyigisho:** Impapuro nini, marikeri z’amabara anyuranye, igifashi, amakayi n’amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n’ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n’ibisubizo n’ibindi.

**Igihe: Iminota 50**

**Ibice by’  
ikiganiro**

**Ibikorwa**

**Intangiriro**

Iminota 10

**Igikorwa cya I:**

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** umukino witwa “**Nzabagira abarobyi b’abantu**”

**Amabwiriza y’umukino:**

Saba abagize kilabu guhagarara ku ruziga, umukobwa akurikiranye n’umuhungu.

Abakobwa batangire kuririmba interuro ya mbere ivugako ngo: “**Nzabagira abarobyi**”, bakirangiza, abahungu nabo batangire baririmbe iyo nteruro.

Buri tsinda, ari abakobwa cyangwa abahungu, basubiramo inshuro eshatu “**Nzabagira abarobyi**” (x3) bagasoreza ku nteruro ikurikira: “**Nzabagira abarobyi baroba abantu.**”

**b. Kwitegereza amashusho**

Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku mashusho agaragaza umwana w’umukobwa n’uw’umuhungu bari kuvugana n’umwarimu mu ishuri kandi haragaraga abanyeshuri bumwe, ari ku rupapuro rwa 90.

Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:

- i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.
- ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’iyi shusho?

	<p>iii)</p> <p><b>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</b></p> <p>i) -Ishusho ya mbere iragaragaza umwana w’umukobwa uhagaze asa n’uvugana na mwarimu urigukoresha imvugo itimakaza ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye avuga ati: “Abakobwa ntibashoboye imibare”</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Ishusho ya kabiri iragaragaza umwana w’umuhungu uhagaze asa n’uvugana na mwarimu urigukoresha imvugo itimakaza ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye amutaka ati: “ Uri akagabo ushobora gusubiza iki kibazo cy’imibare kuko utari igicucu nk’uriya mukobwa”.</li> <li>– Ishusho ya gatatu iragaragaza umwarimu uhagaze atunga urutoki umwana w’umukobwa amubwira amagambo mabi ati: “Uzajye gushaka umugabo nicyo kigukwiriye”.</li> <li>– Ishusho ya kane iragagaza abanyeshuri bumiwe kubera imvugo ya mwarimu ipfobya kandi itimakaza ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye mu ishuri.</li> </ul> <p>ii) Umwarimu agomba kwirinda imvugo zibangamira ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye mu ishuri.</p>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kumva inkuru <b>“Imvugo n’imyigishirize idakwiye ya Gatebe”</b> iri ku rupapuro rwa 89.</p> <p>Yobora ikiganiro wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <p>i) Urumva Gati ari bwakire ate iriya mvugo y’umwarimu we isesereza kandi imutuka?</p> <p>ii) Tanga ingero z’andi magambo asesereza waba warigeze ubwirwa cyangwa wumvise?</p> <p>iii) Gati yagombaga gukora iki? Ese ishuri Gati yigagamo ryagombaga gukora iki?</p>

	<p><b>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) – Gati arababara yumve ateshejwe agaciro mu bandi. <ul style="list-style-type: none"> <li>– Gati yashoboraga kubimenyesha ubuyobozi b’ishuri.</li> <li>– Gati yashoboraga guhamagara kuri “Isange One Stop Center” kuri Numero itishyurwa I I6, 3029, 3512.</li> </ul> </li> <li>ii) Amagambo asesereza: ikiburaburyo, igicucu, ikimara, ingwizamurongo, injiji, idebe, umuswa, ikigoryi, .....</li> <li>iii) Gati yagombaga kugeza ikirego ku buyobozi bw’ishuri. Abanyeshuri bagenzi be bagomba kumushyigikira mu itangwa ry’ikirego.</li> </ul>
	<p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rw 90.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:</b></p> <p><b>Urugero:</b>Twirinde imvugo zibangamira ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye mu mashuri, mu miryango yacu ndetse n’aho dutuye.</p>
<p><b>Umusozo:</b> Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b>Umukino witwa “<b>Ubwikube gatandatu (Factorial 6)</b>”</p> <p><b>Amabwiriza y’umukino:</b></p> <p>Saba abagize kilabu kubara banakoma amashyi bagendeye ku bwikube wavuze.</p> <p>Abagize kilabu bakome amashyi banabyinisha amaguru bijyanye n’ubwikube (Ubwikube 6, 5, 4, 3, 2, 1).</p> <p><b>Ikitonderwa:</b> Uyu mukino ntugomba kurenza iminota 5.</p>

	<p><b>b. Inshamake y'ikiganiro</b></p> <p>Umuyobozi w' ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y' ikiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Umwarimu ukoresha imvugo zitesha agaciro ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu ishuri abangamira abanyeshuri bakaba bata ishuri.</li> </ul> <p><b>c. Isomo dukuye mu kiganiro</b></p> <p>Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Gukoresha imvugo zitimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu ishuri bitesha abanyeshuri agaciro, bibatesha umurava wo kwiga.</li> </ul> <p><b>d. Umukoro</b></p> <p>Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 91. Uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Tanga izindi ngero z'amagambo mabi abangamira ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye akoreshwa ku ishuri cyangwa mu baturanyi.</li> </ul>
--	---

<b>Ikiganiro cya 39: Imiterere y'icyumba k'ishuri cyubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu gihe k'imyigire n'imyigishirize</b>	
<b>Intego y'ikiganiro:</b>	Iki kiganiro kigamije kwigisha abarimu n'abanyeshuri uko bakwiye gutegura ishuri bigishirizamo cyangwa bigiramo hagamijwe guteza imbere imyigire n'imyigishirize yubahiriza ihame ry' uburinganire n' ubwuzuzanye.
<b>Imfashanyigisho:</b>	Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojeteri n'ibindi.
<b>Imyigishirize:</b>	Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.
<b>Igihe:</b>	Iminota 50

Ibice by' ikiganiro	Ibikorwa
<p data-bbox="149 243 314 277"><b>Intangiriro</b></p> <p data-bbox="149 306 292 340">Iminota 10</p>	<p data-bbox="391 243 637 277"><b>Igikorwa cya I:</b></p> <p data-bbox="391 306 861 340"><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p data-bbox="391 363 1174 439"><b>Urugero:</b> Umukino witwa “<b>Ubwato bw’ubutabazi (Life boat)</b>”</p> <p data-bbox="391 453 753 487"><b>Amabwiriza y’umukino:</b></p> <p data-bbox="391 500 807 535">Shyira abagize kilabu ku uruziga.</p> <p data-bbox="391 548 1022 582">Basobanurire ko bari mu bwato burimo kwibira.</p> <p data-bbox="391 595 938 630">Basabe guhungira mu bwato bw’ubutabazi</p> <p data-bbox="391 643 1174 719">Babwire ko ubwo bwato bufite ubushobozi buke bwo kubatabara.</p> <p data-bbox="391 733 1174 809">Bitewe n’umubare w’abagize kilabu, babwire ko ubwo bwato bw’ubutabazi butwara abantu 3, 5 cyangwa 6 gusa.</p> <p data-bbox="391 822 1174 898">Mu masegonda atarenze 5 babe bamaze gukora amatsinda ya batatubatatu, batanubatanu cyangwa batandatubatandatu.</p> <p data-bbox="391 912 1174 988">Shyira ku ruhande ababuze itsinda bajyamo n’abakoze amatsinda agizwe n’imibare inyuranye n’iyasabwe.</p> <p data-bbox="391 1001 1174 1077">Tanga undi mubare mushya ababonye amatsinda bakore andi nanone abayabuze bavemo kugeza igihe hazaba hasigaye itsinda rimwe ryahize ayandi.</p> <p data-bbox="391 1090 776 1125"><b>b. Kwitegereza ishusho</b></p> <p data-bbox="391 1138 1174 1214">Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza abahungu bicaye ku ntebe z’imbere mu ishuri n’abakobwa bicaye ku ntebe z’inyuma, iri ku rupapuro rwa 92.</p> <p data-bbox="391 1228 911 1262">Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li data-bbox="424 1275 1072 1309">i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.</li> <li data-bbox="424 1323 1022 1357">ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’iyi shusho?</li> </ul> <p data-bbox="391 1370 861 1405"><b>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li data-bbox="424 1418 1174 1570">i) – Ishusho iragaragaza abanyeshuri b’abahungu bicaye ku ntebe z’imbere mu ishuri, abanyeshuri b’abakobwa bicaye mu ntebe z’inyuma badashobora kureba imbere ku kibaho kubera ko ari bagufi.</li> </ul>

	<ul style="list-style-type: none"> <li>– Iragaragaza umwarimukazi uhagaze imbere y’abanyeshuri abigisha amoko y’imbuto ndetse mu ishuri hari n’inyunganirangingo zegetse ku rukuta.</li> <li>ii) Kwicazanya abahungu n’abakobwa witaye ku bugufi cyangwa uburerebure bwabo ntunashyire hamwe abahuje igitsina ni ingenzi mu gutegura ishuri bigiramo hagamijwe guteza imbere imyigire n’imyigishirize yubahiriza ihame ry’ uburinganire n’ ubwuzuzanye.</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina:</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kumva inkuru <b>“Kwicaza abanyeshuri mu ishuri”</b>, iri ku rupapuro rwa 91.</p> <p>Yobora ikiganiro wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <p>i) Ni iki cyatumye abana b’abakobwa banga kwicara mu myanya bahawe mu mwaka wa gatanu?</p>
	<p>ii) Umwarimu akibona imyitwarire y’abanyeshuri be b’abakobwa yari kubigenza ate?</p> <p>iii) Muganire ku byiza n’ibibi by’uburyo bwakoreshejwe mu kwicaza abanyeshuri mu mwaka wa kane n’uwa gatanu.</p> <p><b>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</b></p> <p>i) Ntibari babimenyereye kubera ko mu mwaka wa kane bicaraga ukwabo.</p> <p>ii) Umwarimu yari kubabwira akamaro ko kwicazanya abahungu n’abakobwa.</p> <p>iii) Abanyeshuri b’abahungu batsindaga neza mu mwaka wa kane ugereranyije n’abakobwa kubera ko umwarimu yabibandagaho mu gihe abanyeshuri b’abakobwa batitabwagaho. Mu mwaka wa gatanu, umwarimu yicaranyije abahungu n’abakobwa hagamijwe guteza imbere imyigire n’imyigishirize yubahiriza ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye ariko abanyeshuri ntibabyishimira.</p>

	<p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 92.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Kwicaza abanyeshuri mu ishuri hubahirijwe ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye n’ imiterere ya buri wese biteza imbere imyigire n’imyigishirize y’ abakobwa n’ abahungu.</li> </ul>
<p><b>Umusozo:</b> Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Mingo”</b></p> <p><b>Amabwiriza y’umukino</b></p> <p>Umwarimu araririmba ngo: <b>“Mingo”, “Mingo”, “Mingo”</b>, abagize kalabu bakamwikiriza bavuga ngo <b>“Mingo”</b>.</p> <p>Umwarumu arongera akaririmba ngo: <b>“Closer”, “Closer”, “Closer”</b>, abagize kalabu bakamwikiriza bamwegera bavuga ngo: <b>“Closer”</b>.</p> <p>Umwarumu arongera akaririmba ngo: <b>“Wider”, “Wider”, “Wider”</b>, abagize kalabu bakamwikiriza basubira inyuma bavuga ngo: <b>“Wider”</b>.</p> <p>Iyo bamaze gusubira ku ruziga, umwarimu akavuga ngo <b>“Mingo 3 cyangwa Mingo 4 cyangwa Mingo 5”</b> bityo abagize kilabu bagakora amatsinda agizwe n’umubare yavuze.</p> <p>Shyira ku ruhande ababuze itsinda bajyamo n’abakoze amatsinda agizwe n’imibare inyuranye n’iyasabwe.</p> <p>Tanga undi mubare mushya ababonye amatsinda bakore andi nanone abayabuze bavemo kugeza igihe hazaba hasigaye itsinda rimwe ryahize ayandi.</p> <p><b>Ikitonderwa:</b> Uyu mukino ntugomba kurenza iminota 5.</p>

	<p><b>b. Inshamake y'ikiganiro</b></p> <p>Umuyobozi w' ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y' ikiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Kwicaza abanyeshuri mu ishuri hatubahirijwe ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye n' imiterere ya buri wese bidindiza imyigire y'abakobwa n' abahungu bikaba intandaro y'imyitwarire mibi yabo n'agasuzuguro.</li> </ul> <p><b>c. Isomo dukuye mu kiganiro:</b></p> <p>Yobora abagize kilabu baganire ku isomo bakuye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Kwicaza abanyeshuri mu ishuri hubahirijwe ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye n'imiterere ya buri wese biteza imbere imibanire myiza n'ubwisanzure hagati y'abanyeshuri ubwabo no hagati y'umwarimu n'abanyeshuri.</li> </ul> <p><b>d. Umukoro</b></p> <p>Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 93. Uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Muzatembere mu byumba by'amashuri maze mwigereze uburyo abanyeshuri bicajwemo maze mubiganireho, mutange inama aho ari ngombwa.</li> </ul>
--	---

<b>Ikiganiro cya 40: Imyigire n'imyigishirize mu cyumba k'ishuri cy'ubahiriza amahame y'uburinganire</b>	
<b>Intego y' ikiganiro:</b>	Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri n'abarimu kunoza uburyo bw'imyigire n'imyigishirize yimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.
<b>Imfashanyigisho:</b>	Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojeteri n'ibindi.
<b>Imyigishirize:</b>	Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.
<b>Igihe:</b>	Iminota 50.

Ibice by'ikiganiro	Ibikorwa
<p>Intangiriro</p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya I:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> umukino witwa “ <b>Gukora ijambo ry’inyuguti enye</b>”</p> <p><b>Amabwiriza y’umukino:</b></p> <p>Shyira abagize kilabu (Club) mu matsinda mato ya batatu batatu cyangwa bane bane.</p> <p>Andika ijambo. Urugero “<b>Umwangavu</b>” ku rupapuro runini. Buri tsinda rihabwe iminota itatu yo kuba ryamazekuvumbura amagambo ashoboka yose agizwe n’inyuguti enye yakwandikwa hifashishijwe inyuguti zigize ijambo “<b>Umwangavu</b>”. <b>Nk’urugero</b>, ayo magambo ashobora kuba: Umva, Anga, Vuna, Vuga, Vuma,...igihe cyagenwe nikirangir, itsinda rizaba ryabonye amagambo menshi niryozaba ritsinze.</p> <p><b>Ikitonderwa:</b> Ushobora gukoresha andi magambo bitewe n’insanganyamatsiko mushaka kuganiraho.</p> <p><b>b. Kwitegereza ishusho no kuyisobanura:</b></p> <p>Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza umwarimu uri kwigisha bamwe mu banyeshuri bakurikiye abandi bakubagana, iri ku rupapuro rwa 94.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Itegereze ishusho unayisobanure.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa ukuye muri iyi shusho?</li> </ul> <p><b>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ishusho irerekana umwarimu yigisha mu ishuri: abanyeshuri b’abakobwa barakurikira bitonze, naho abahungu bakubagana harimo n’abahagaze.</li> <li>ii) Umwarimu wita ku banyeshuri bamwe (abakobwa cyangwa abahungu) gusa mu ishuri, bishobora kurakaza abasigaye bigatuma bitwara nabi mu ishuri .</li> </ul>

<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Ikiganiro</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kuganira ku nkuru <b>“Ibogama rya Gasambusa”</b>, iri ku rupapuro rwa 93.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ingingo zo kuganiraho</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Gira icyo uvuga mu myigishirize ya Gasambusa mu ishuri rye.</li> <li>ii) Ese abanyeshuri bose bafatwaga kimwe? Sobanura</li> <li>iii) Gira icyo uvuga mu myitwarire y’abanyeshuri mu ishuri.</li> </ul> <p><b>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Umwarimu Gasambusa yananiwe kuyobora ishuri rye uko bikwiye.</li> <li>ii) Oya, ntibitaweho ku buryo bungana kuko Gasambusa yatoneshaga abakobwa kurusha abahungu.</li> <li>iii) Abanyeshuri ntibitwaye neza kuko bamwe bagendagenda mu ishuri umwarimu arimo yigisha, mu igihe abandi bajoraga inkweto z’umwarimu bigatuma bagenzi babo baseka.</li> </ul>
	<p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 94.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Ishuri riyobowe neza hari ubusabane ku mpande zombi (umwarimu n’abanyeshuri) ni intangiriro y’imyigire n’imyigishirize inoze/ifite ireme.</li> </ul>

## Umwanzuro

Iminota 10

### Igikorwa cya 4:

#### a. Umukino wo kwishyushya:

##### Umukino wo kwishyushya

**Urugero:** Umukino witwa “**Irukana amasazi, ufate imibu**”.

##### Amabwiriza y’ umukino:

Nimvuga ngo: “**fata imibu**” murasimbuka mukome n’amashyi.

Nimvuga ngo: “**Irukana amasazi**” muzunguze amaboko nk’uwirukana amasazi. Unyuranyije n’amabwiriza aba atsinzwe agasohoka mu mukino.

#### b. Inshamake y’ ikiganiro

Umuyobozi w’ ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y’ ikiganiro.

- Imyigire n’imyigishirize ikwiriye ni ifata abanyeshuri bose (abakobwa n’abahungu) kimwe nta busumbane/nta gutonesha.

#### c. Isomo dukuyemo

Yobora abagize kilabu baganire ku isomo bakuye mu kiganiro.

- Imyigire n’imyigishirize ikwiriye ni ifata banyeshuri bose (abakobwa n’abahungu) kimwe ntabusumbane/ntagutonesha

#### d. Umukoro

Umuyobozi w’ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 95. Uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Tanga ibiranga icyumba k’ishuri aho imyigire n’imyigishirize byubahiriza/byimakazwa amahame y’uburinganire bw’ibitsina byombi.

<b>Ikiganiro cya 4I: Imiyoborere y'amashuri yubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye</b>	
<b>Intego y' ikiganiro:</b> Iki kiganiro kigamiye gufasha abanyeshuri bagize kilabu (club) gusobanukirwa uburyo amashuri ayoborwa hubahirizwa ihame ry' uburinganire n' ubwuzuzanye.	
<b>Imfashanyigisho:</b> Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n'ibindi.	
<b>Imyigishirize:</b> Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.	
<b>Igihe:</b> Iminota 50	
<b>Ibice by'ikiganiro</b>	<b>Ibikorwa</b>
<b>Intangiriro</b>  Iminota 10	<p><b>Igikorwa cya I</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Ubwikube bwa 5 (Factorial 5)”</b></p> <p><b>Amabwiriza y'umukino:</b></p> <p>Saba abagize kilabu kujya ku ruziga.</p> <p>Abagize kilabu bakome amashyi bahereye ku nshuro eshanu (5), bakurikizeho ikirenge k'iburyo na cyo bagicinnye hasi inshuro eshanu (5). Hanyuma bakomeze batyo ku nshuro enye, (4), eshatu (3), ebyiri (2), imwe (1) ari nako basimburanya gukoma amashyi no gucinya ikirenge hasi. Uwo binaniye ajya hanze y' uruziga.</p> <p><b>b. Kwitegereza ishusho</b></p> <p>Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza ikigo k'ishuri kitagira amazi, iri ku rupapuro rwa 95.</p> <p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n'iyi shusho?</li> </ul>

	<p><b>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ishusho irerekana ishuri ridafite ikigega cy’amazi n’itsinda ry’abana b’abahungu bari ku murongo bigaragara ko bavuye kuvoma kure.</li> <li>ii) Biragaragara ko hari ibura ry’amazi kuri iri shuri rivugwa, ubuyobozi bw’ishuri ntacyo bwakoze mu gukemura ibura ry’amazi kuri iki kigo.</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kuganira ku nkuru <b>“Ibura ry’amazi ku ishuri rya Kivuga”</b>, iri ku rupapuro rwa 95.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ese ririya shuri ryujuje ibyangombwa byose bifasha abanyeshuri kwiga neza? Sobanura.</li> <li>ii) Vuga icyo ubuyobozi bw’ikigo bwagombye kuba bwarakoze.</li> </ul> <p><b>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Oya. Kubera ko hari ibura ry’amazi rikabije. Abanyeshuri bakoraga urugendo rurerure baja kuvoma amazi ahantu umutekano wabo utizewe kandi byagiraga ingaruka ku mitsindire yabo.</li> <li>ii) Ubuyobozi buba bwarashyizeho amavomero bakagura n’ibigega bibika amazi. Ubuyobozi bw’ishuri kandi bwari gushakira abanyeshuri amazi bukayabaha aho kubavomesha.</li> </ul>
	<p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 96.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ingenzi buri muri iki kiganiro.</p>

	<p><b>Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Imiyoborere y’ishuri iboneye yimakaza amahame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye bw’ibitsina byombi.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> umukino witwa <b>“Irobo (Robot)”</b></p> <p><b>Amabwiriza y’umukino:</b></p> <p>Shyira abanyeshuri mu matsinda ya batatu, barakina nka robo 3, imwe iyoboye izindi ebyiri. Igihe umukino utangiyeye, robo zose (3) zigenda mu kerekezo kimwe. Iyo robo iyoboye izindi ikoze ku rutugu rwayo rw’ iburyo, izindi zirahindukira zikerekeza iburyo, yakora ku rutugu rw’ibumoso zigahindukirira ibumoso. Robo iyoboye igomba kuyobora izindi igihe zigiyeye kugonga ibintu nk’ intebe, inkuta cyangwa izindi robo (kuko umukino ushobora gukinwa n’amatsinda arenze rimwe mu kibiga kimwa). Itsinda ryagonze riba ritsinzwe umukino.</p> <p><b>b. Inshamake y’ isomo</b></p> <p>Umuyobozi w’ ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y’ ikiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Ikiganiro kirerekana ikigo k’ishuri ridafite amazi kandi ntacyo ubuyobozi bwakoze mu gukemura icyo kibazo.</li> </ul> <p><b>c. Isomo dukuyemo</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Kuba ubuyobozi bw’ishuri butakemuraga ikibazo cy’amazi byagize ingaruka ku banyeshuri, cyanecyane abakobwa.</li> </ul> <p><b>d. Umukoro</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 96 na 97, bakazawugaragaza mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.</p>

– Muzashushanya imbonerahamwe ikurikira kandi muyuzuze:				
Ishuri	Icyo akora	Umubare igitsina gore	Umubare igitsina gabo	Igiteranyo (bose hamwe)
Abakozi b'ubuyobozi				
<ul style="list-style-type: none"> <li>– Sesengura amakuru ari muri icyo mbonerahamwe.</li> <li>– Gira inama ubuyobozi bw'iri shuri.</li> </ul>				

## Ikiganiro cya 42: Indangagaciro zimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzanye

**Intego y'ikiganiro:** Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri bagize kilabu (club) gusobanukirwa indangagaciro zikenewe mu buzima bwabo bwa buri muni.

**Imfashanyigisho:** Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n'ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

**Ibice by'ikiganiro**

**Ibikorwa**

**Intangiriro**

**Igikorwa cya I:h**

Iminota 10

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa **“Igikombe cy'amafi (Fish bowl)”**

Umuyobozi w'ikiganiro arashyira abagize kilabu mu matsinda abiri angana. Abasabe gukora inziga ebyiri rumwe ruri inyuma y'urundi. Umuyobozi w'umukino aratera indirimbo, bayiririmbe cyangwa bakome mu mashyi bazenguruka, abari ku ruziga rumwe bazenguruke bagana iburyo, abandi bagana ibumoso. Nyuma y'amasegonda 10 barahagarika kuririmba cyangwa gukoma mu mashyi, abari ku ruziga rw'imbere bahindukire barebane n'abari ku ruziga rw'inyuma. Uhindukiye arabwira uwo barebana ikibazo afite, undi amugire inama. Bashobora no kuganira ku mutwe w'iki kiganiro.

	<p>Nyuma y’iminota ibiri, umuyobozi w’ikiganiro yongera gutera indirimbo cyangwa gusaba abari ku nziga gukoma amashyi bazenguruka nka mbere. Umukino urakomeza gutyo kugeza ubwo buri wese mu bagize kilabu yumvise bagenzi be benshi bashoboka.</p> <p><b>b. Kwitegereza amashusho</b></p> <p>Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku mashusho igaragaza abana b’abanyeshuri barimo kubyina n’umuhungu uri gukurubana umwana w’umukobwa bari ahantu hatabona, iri ku rupapuro rwa 98.</p> <p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze amashusho mugire icyo muyivugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’aya mashusho?</li> </ol> <p><b>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</b></p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Amashusho arerekana:       <ul style="list-style-type: none"> <li>– Abanyeshuri babyinira mu cyumba cyabugenewe, babyina kandi bafite ibinyobwa mu ntoki, umuhungu wihererenye umukobwa amusaba ko basohoka hanze bakajya gufata akayaga.</li> <li>– Wa muhungu uri gukurubana wa mukobwa bageze hanze, umukobwa arwana no kumwiyaka.</li> </ul> </li> <li>ii) Uburangare bw’ubuyobozi bw’ikigo n’abanyeshuri bafite imyitwarire mibi cyangwa badafite indangagaciro.</li> </ol>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Saba abagize kilabu kujya mu matsinda maze basome inkuru <b>“Njya mu kabyiniro bwa mbere!”</b>, iri ku rupapuro rwa 97.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Mbese uyu mukobwa uvugwa mu nkuru yaryohewe n’ibirori? Sobanura.</li> </ol>

- ii) Ni izihe ngaruka z'ikemezo yafasha ?
- iii) Rondora amakosa yakoze unagaragaze n'uko yakosorwa ?
- iv) Ni nde twagaya ( twanenga) muri iyi nkuru ? Sobanura.

***Bimwe mu bisubizo by'ibibazo biganirwaho***

- i) Oya. Ntabwo yaryohewe n'ibirori kuko yaje gufatwa ku ngufu.
- ii) Yafashwe ku ngufu kandi arabyicuza.
- iii) Ukurikije ibivugwa mu nkuru, uriya mukobwa ntiyakurikije impanuro za mama we.
  - Yagiye mu gakungu k'urungano rwe kandi yemereye umuhungu bajyana hanze bituma amufata ku ngufu.
  - Uko amakosa yakosorwa: Kumvira inama z'umubyeyi wawe. Kwirinda kujya mu gakungu, kugira amakenga no kutajyana n'abahungu ahantu hiherereye muri mwenyine.
- iv) Twagaya, twanenga:
  - Umuhungu wafashe ku ngufu umukobwa kandi bari bahuje urugwiro.
  - Umukobwa utarakurikije impanuro za mama we.
  - Ubuyobozi bw'ikigo butabashaga gukurikirana ibibera mu kigo.

**Igikorwa cya 3:**

**a. Umukino**

Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 99.

**b. Ubutumwa bw'ingenzi**

Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw'ingenzi buri muri iki kiganiro.

**Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:**

- Ni byiza kugira inshuti ariko ni ngombwa guhitamo inshuti nziza.

## Umwanzuro

Iminota 10

### Igikorwa cya 4:

#### a. Umukino wo kwishyushya

**Urugero:** umukino witwa “Kare (Square)”

#### Amabwiriza y’ umukino

Shushanya kare enye zifatanye zifite numero kuva kuri 1 kugeza kuri 4. Buri kare ifite metero kare imwe.

Umukino utangirana n’abakinnyi bane buri wese ari muri kare ye. Umukinnyi wo muri kare ya kane ni we utangira afite umupira. Awukoresha awudunda muri kare y’undi mukinnyi ahatse. Uwo na we awukubita umaze kwidunda inshuro imwe akawerekeza mu yindi kare ahatse. Umukino ukomeza utyo kugeza igihe haza kugira uhusha umupira ukidunda kabiri cyangwa ukajya inyuma y’umurongo. Umukinnyi ucitswe n’umupira cyangwa ukamwidundana kabiri aba atsinzwe, naho abakinnyi basigaye bakaba batsinze. Iyo itsinda ry’abakinnyi bane rimaze gukina, ushobora gufata abandi bakinnyi bane, bityobityo bitewe n’igihe ufite.

#### b. Inshamake y’ikiganiro

Umuyobozi w’ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y’ibikubiye mu kiganiro.

- Ikiganiro kiragaragaza umukobwa utarakurikije zimwe mu nama z’ababyeyi be, yagiye mu gakungu na bagenzi be bimukururira gufatwa ku ngufu no kwicuza.

#### c. Isomo dukuyemo

Umuyobozi w’ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Kugira inshuti mbi bishobora kugukururira ingaruka nko gufatwa ku ngufu, ubusinzi, kubatwa n’ibiyobyabwenge n’ibindi.

#### d. Umukoro

Umuyobozi w’ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 99, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- |  |   |
|--|---|
|  | <ul style="list-style-type: none"><li>– Abagize kilabu bazakora urutonde rw’imyitwarire mibi igaragara mu kigo k’ishuri bigamo.</li><li>– Bazatanga kandi uburyo bunyuranye bwo guca burundu iyo myitwarire mibi.</li></ul> |
|--|---|

GUCUNGA ICYUMBA  
CY'UMUKOBWA NO  
GUKEMURA IBIBAZO  
BIREBANA N'UBURINGANIRE  
N'UBWUZUZANYE

<b>INGINGO YA I : ICYUMBA CY'UMUKOBWA</b>	
<b>Ikiganiro cya 43: Akamaro k'icyumba cy'umukobwa</b>	
<b>Intego y'ikiganiro:</b> Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri bagize kilabu (club) gusobanukirwa akamaro k'icyumba cy'umukobwa.	
<b>Imfashanyigisho:</b> Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n'ibindi.	
<b>Imyigishirize:</b> Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.	
<b>Igihe:</b> Iminota 50	
<b>Ibice by'ikiganiro</b>	<b>Ibikorwa</b>
<b>Intangiriro</b> Iminota 10	<p><b>Igikorwa cya I:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Kare (Square)”</b></p> <p><b>Amabwiriza y' umukino:</b></p> <p>Shushanya kare enye zifatanye zifite numero kuva kuri 1 kugeza kuri 4. Buri kare ifite metero kare imwe.</p> <p>Umukino utangirana n'abakinnyi bane buri wese ari muri kare ye. Umukinnyi wo muri kare ya kane ni we utangira afitwe umupira. Awukoresha awudunda muri kare y'undi mukinnyi ashatse. Uwo na we awukubita umaze kwidunda inshuro imwe akawerekeza mu yindi kare ashatse. Umukino ukomeza utyo kugeza igihe haza kugira uhusha umupira ukidunda kabiri cyangwa ukajya inyuma y'umurongo. Umukinnyi ucitswe n'umupira aba atsinzwe naho abakinnyi basigaye bakaba batsinze.</p>

	<p>Iyo itsinda ry’abakinnyi bane rimaze gukina, ushobora gufata abandi bakinnyi bane, bityobityo bitewe n’igihe ufite.</p> <p><b>b. Kwitegereza ishusho</b></p> <p>Saba abagize kilabu kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza umuyobozi w’ishuri wakoranye inama n’abanyeshuri ababwira ko bagiye kubaka icyumba cy’umukobwa, iri ku rupapuro rwa 102.</p> <p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’aya mashusho?</li> </ul> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ishusho irerekana umuyobozi w’ikigo uhagaze imbere y’abanyeshuri mu nama, ababwira ko bagiye kubaka icyumba cy’umukobwa.</li> <li>ii) Icyumba cy’umukobwa ni ngombwa kandi abahungu bagomba kumva impamvu badafite icyumba cy’abahungu.</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p><b>Iminota 30</b></p>	<p><b>Igikorwa cya 2</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Saba abagize kilabu kujya mu matsinda maze basome inkuru “<b>Akamaro k’icyumba cy’umukobwa</b>”, iri ku rupapuro rwa 102.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ni iyihe mpamvu ituma kugira icyumba cy’umukobwa ku ishuri ari ingenzi?</li> <li>ii) Mbese mutekereza ko icyumba cy’umuhungu na cyo gikenewe? Kubera iki?</li> </ul> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo by’ibibazo biganirwaho</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Icyumba cy’umukobwa gituma abakobwa babasha kwiga batuje.</li> </ul>

	<p>ii) Icyumba cy'umuhungu ntigikenewe kubera ko batajya mu mihango nk'abakobwa. Ariko mu gihe umuhungu yarwaye ashobora gushyirwa mu cyumba cyabugenewe afashirizwamo na muganga.</p> <p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 103.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw'ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw'ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b><i>Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Icyumba cy'umukobwa cyongerera umutuzo abanyeshuri b'abakobwa.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Kunaga agafuka k'ibishyimbo (Bean bag toss)”</b></p> <p><b>Amabwiriza y' umukino:</b></p> <p>Abagize itsinda ry'umukino bahagarara ahantu hamwe bumvikanyeho, bagasimburana kunaga udufuka (urugero dutanu) tw'ibishyimbo cyangwa ikindi kintu kiboneka aho bari, barushanwa kudutera mu kobo kafashwe nk' intego (target) inshuro nyinshi zishoboka. Buri wese ashobora gukina ku giti ke cyangwa bagakina mu matsinda bakandika amanota bagenda babona. Intera iri hagati y'umukinnyi n'intego ni metero 6 ( zishobora kurenga cyangwa zikagabanuka bitewe n'ikigero cy'abakinnyi).</p> <p>Abagize kilabu bategereza ko buri wese arangiza kunaga udufuka yahawe mbere yo kujya kutugarura kugira ngo bongere batangire.</p> <p>Koresha uburyo bushoboka ku buryo abagize kilabu bashimira abashoje umukino kandi batere ishyaka abakurikiyeho.</p>

### **b. Inshamake y'ikiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y'ibikubiye mu kiganiro.

- Buri kigo k'ishuri kigomba kugira icyumba cy'umukobwa.

### **c. Isomo dukuyemo**

Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Kugira icyumba cy'umukobwa ni ingenzi kuko bibaha umutuzo mu gihe bari mu mihango kandi bituma batsinda neza mu ishuri.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 103, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Mu itsinda ryanyu rya kilabu, muganire ku mbogamizi zaterwa no kutagira icyumba cy'umukobwa ku ishuri.

<b>Ikiganiro cya 44: Kugira icyumba cy'umukobwa ku ishuri</b>	
<b>Intego y'ikiganiro:</b> Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri bagize kilabu (club) gusobanukirwa neza ko kugira icyumba cy'umukobwa ku ishuri ari inshingano z'ubuyobozi bw'ishuri.	
<b>Imfashanyigisho:</b> Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojeteri n'ibindi.	
<b>Imyigishirize:</b> Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.	
<b>Igihe:</b> Iminota 50	
<b>Ibice by'ikiganiro</b>	<b>Ibikorwa</b>
<b>Intangiriro</b>  Iminota 10	<p><b>Igikorwa cya I:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa “(Bang)”</p> <p><b>Amabwiriza y' umukino:</b></p> <p>Shyira abagize Kilabu ku ruziga ubasabe kubara bahereye kuri rimwe kugera kuri mirongo itatu baranguruye ijwi buri wese azajya avuga umubare umwe, ugera ku gikubo cya gatatu avuge ijamba “<b>bang</b>” aho kuvuga umubare kandi azamure ukuboko. Bikomeza bityo, ubyishe agakurwa mu mukino akajya inyuma y'uruziga.</p> <p><b>Urugero: 1, 2, bang, 4, 5, bang, 7, 8, bang ...</b> Abatsinzwe bagenda bava mu mukino kugeza igihe hasigaye abakinnyi batatu bakaba ari bo batsinze.</p> <p><b>b. Kwitegereza amashusho</b></p> <p>Saba abagize kilabu kwitegereza no kuganira ku mashusho agaragaza umuyobozi w'ikigo k'ishuri wasuwe n'abashyitsi n'aho yereka abanyeshuri icyumba cy'umukobwa, ari ku rupapuro rwa 104.</p> <p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n'iyi shusho?</li> </ul>

***Bimwe mu bisubizo bishoboka:***

- i) Ishusho ya mbere irerekana umuyobozi w'ikigo k'ishuri aganira n'abashyitsi basuye ishuri bamubwira ko ari inshingano z'ikigo kubaka icyumba cy'umukobwa. Umuyobozi w'ishuri na we abasobanurira ko ishuri ridafite amafaranga ahagije yo kucyubaka.  
  
Ishusho ya kabiri igaragaza umuyobozi w'ishuri yereka abanyeshuri b'abakobwa icyumba cy'umukobwa bamaze kubaka.
- ii) Ni inshingano za buri kigo k'ishuri kugira icyumba cy'umukobwa.

**Igikorwa cya 2**

**a. Inkuru**

Shyira abagize kilabu mu matsinda maze ubasabe gusoma no kumva inkuru **“Icyumba cy'umukobwa k'ishuri rya Gatoki”**, iri ku rupapuro rwa I03.

Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:

**b. Ibibazo byo kuganiraho**

- i) Icyumba cy'umukobwa kigira uruhe ruhare mu mitsindire y'umunyeshuri w'umukobwa?
- ii) Ni gute ishuri ryakwifashisha ababyeyi n'abatuye hafi y'ishuri mu kubaka icyumba cy'umukobwa?

***Bimwe mu bisubizo by'ibibazo biganirwaho***

- i) Icyumba cy'umukobwa gituma abakobwa biga batuje n'ubwo baba bari mu mihango, gituma badasiba ishuri mu gihe bari mu mihango, gituma kandi abakobwa babasha guhindura ibikoresho by'isuku.
- ii) Ubuyobozi bw'ishuri bugomba kwegera ababyeyi n'abaturiyeye, bukabasaba inkunga.

	<p><b>Igikorwa cya 3:</b></p> <p><b>a. Umukino</b> Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 105.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ingenzi</b> Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Gushyiraho icyumba cy’umukobwa ni inshingano za buri kigo k’ishuri.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b> Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b> <b>Urugero:Umukino witwa “Kunaga agafuka k’ibishyimbo (Bean bag toss)”</b></p> <p><b>Amabwiriza y’ umukino:</b></p> <p>Abagize itsinda ry’umukino bahagarara ahantu hamwe bumvikanyeho, bagasimburana kunaga udufuka (urugero dutanu) tw’ibishyimbo cyangwa ikindi kintu kiboneka aho bari, barushanwa kudutera mu kobo kafashwe nk’ intego (target) inshuro nyinshi zishoboka. Buri wese ashobora gukina ku giti ke cyangwa bagakina mu matsinda bakandika amanota bagenda babona. Intera iri hagati y’umukinnyi n’intego ni metero 6 ( zishobora kurenga cyangwa zikagabanuka bitewe n’ikigero cy’abakinnyi).</p> <p>Abagize kilabu bategereza ko buri wese arangiza kunaga udufuka yahawe mbere yo kujya kutugarura kugira ngo bongere batangire.</p> <p>Koresha uburyo bushoboka ku buryo abagize kilabu bashimira abashoje umukino kandi batere ishyaka abakurikiyeho.</p> <p><b>b. Inshamake y’ikiganiro</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y’ibikubiye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Kugira icyumba cy’umukobwa ni inshingano za buri kigo k’ishuri.</li> </ul>

	<p><b>c. Isomo dukuyemo</b></p> <p>Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Ni inshingano za buri kigo k'ishuri kugira icyumba cy'umukobwa kugira ngo abakobwa bakifashishe mu gihe bari mu mihango.</li> </ul> <p><b>d. Umukoro</b></p> <p>Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 105, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Muzasure ibigo by'amashuri bibegereye murebe ko bafite ibyumba by'abakobwa.</li> <li>– Mwungurane ibitekerezo ku kamaro ko kugira icyumba cy'umukobwa n'ingaruka zo kutakigira.</li> </ul>
--	---

<b>Ikiganiro cya 45: Aho icyumba cy'umukobwa kigomba kuba kiri ku ishuri</b>	
<b>Intego y'ikiganiro :</b> Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri bagize kilabu (club) gusobanukirwa aho icyumba cy'umukobwa kigomba kubakwa.	
<b>Imfashanyigisho:</b> Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojeteri n'ibindi.	
<b>Imyigishirize:</b> Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.	
<b>Igihe:</b> Iminota 50	
<b>Ibice by'ikiganiro</b>	<b>Ibikorwa</b>
<p><b>Intangiriro</b></p> <p><b>Iminota 10</b></p>	<p><b>Igikorwa cya I:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Bowling”</b></p> <p><b>Amabwiriza y'umukino:</b></p> <p>Tegura ameza, uyakikizeho intebe ziyateye umugongo, maze utondekeho uducupa tw'amazi turimo ubusa ku murongo utambitse. Abagize kilabu bahagarare bateganye n'umurongo</p>

	<p>uriho ya macupa hanyuma basimburane kuyahamya akadnesi kugira ngo bayagushe hasi.</p> <p><b>Ikitonderwa:</b></p> <p>Abanyeshuri bashora kubikora mu matsinda cyangwa umwumwe ku giti ke kugeza igihe habonetse itsinda cyangwa umunyeshuri utera akadnesi kagatura hasi twa ducupa twose.</p> <p><b>b. Kwitegereza ishusho</b></p> <p>Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza abanyeshuri b’abakobwa bahagaze imbere y’icyumba cy’umukobwa, bishimira ko cyubatse neza, iri ku rupapuro rwa 106.</p> <p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyivugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’iyi shusho?</li> </ol> <p><b>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</b></p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Ishusho irerekana uko abakobwa bishimiye kubona mu kigo cyabo icyumba cy’umukobwa cyubatse neza.</li> <li>ii) Mu gihe mu kigo k’ishuri hari icyumba cy’umukobwa, abakobwa biga neza bishimye ndetse no mu gihe bari mu mihango.</li> </ol>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Saba abagize kilabu kujya mu matsinda maze basome inkuru <b>“Icyumba cy’umukobwa kiza”</b>, iri ku rupapuro rwa 105. hanyuma basubize ibibazo bikurikira.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Mukurikije uko mubyumva, muvuge ahantu heza hakwiye gushyirwa icyumba cy’umukobwa ku ishuri.</li> <li>ii) Ese ni ngombwa ko inzira igera ku cyumba cy’umukobwa itunganywa neza? Kubera iki?</li> </ol>

	<p><b><i>Bimwe mu bisubizo by'ibibazo biganirwaho</i></b></p> <p>i) Ahantu heza hakwiye gushyirwa icyumba cy'umukobwa hakwiye kuba ari:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– ahantu wagenda igihe gito n'amaguru.</li> <li>– ahantu hatuje, hubahiriza ibijyanye n'ubuzima bwite bw'abakobwa.</li> <li>– ahantu hatagora uwaba afite ubumuga bw'ingingo.</li> </ul> <p><b>Igikorwa cya 3:</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa I06.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw'ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw'ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p>Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– icyumba cy'umukobwa gikwiye kuba gifite umutekano, byoroshye kukigeraho kandi aho kiri hatavogerwa na buri wese.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b></p> <p><b>Iminota I0</b></p>	<p><b>Igikorwa cya 4:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa “Kuyobora (The Helmet game)”</p> <p><b>Amabwiriza y' umukino:</b></p> <p>Shinga ibiti 2 mu kibuga, ubishyireho umutambiko maze umanikeho igipirizo cyuzuye amazi.</p> <p>Hitamo umwe mu bagize kilabu (club) mumupfuke igitambaro mu maso, mumuhe agasumari, ihwa cyangwa igikwasi maze umwe muri bagenzi be amuyobore aho cya gipirizo kiri, nagera hafi yacyo amusabe kugitobora. Umukinnyi ugeza ku minota ibiri atarashobora kugihamya ngo agitobore azaba atsinzwe, hakurikireho undi gutyogutyo.</p>

### **b. Inshamake y'ikiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y'ibikubiye mu kiganiro.

- icyumba cy'umukobwa gikwiye kuba kiri ahantu bitagoye kukigeraho.
- icyumba cy'umukobwa gikwiye kuba aho byorohera n'abakobwa bafite ubumuga bw'ingingo kukigeraho.

### **c. Isomo dukuyemo**

Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Iyo icyumba cy'umukobwa kiri ahantu hatabangamye, abakobwa bishimira ko baba bafite umutuzo iyo bagikoresha.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 107.

- Muzasukure mu cyumba cy'umukobwa cyo ku ishuri ndetse no hanze yacyo.

## **Ikiganiro cya 46: Ibipimo ngenderwaho by'icyumba cy'umukobwa**

**Intego y'ikiganiro:** Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri bagize kilabu (club) gusobanukirwa byimbitse ibipimo ngenderwaho by'icyumba cy'umukobwa.

**Imfashanyigisho :** Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n'ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

**Ibice by'ikiganiro**

**Ibikorwa**

**Intangiriro**

Iminota 10

**Igikorwa cya I**

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa “**Basiketi tennis ( Basket Tennis)**”

**Amabwiriza y'umukino:**

Abagize kilabu bakora amatsinda ya babiribabiri maze hagati y'itsinda n'irindi hakaba harimo intera ya metero 5 (Iyi ntera ushobora kuyongera cyangwa kuyigabanya ugamije korohereza abakinnyi). Umwe afata agatebo naho undi agafata udupira (utudenesi).

Umukinnyi ufite udupira (utudenesi) agerageza kunaga kamwe muri twa dupira (utudenesi) mu gatebo, mugenzi we akagasama akoresheje ka gatebo.

Itsinda ritsinda iyo ryashoboye kunaga byibura udupira (utudenesi) 5 mu gatebo.

**Ubundi buryo:** Umwe ashobora kunaga agapira (akadenesi) mu kerekezo ashatse, mugenzi akagasama akoresheje agatebo.

**b. Kwitegereza amashusho**

Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku mashusho agaragaza umukobwa uri kogera inyuma y'inzu abahungu bakamuseka, akarira akabibwira umwarimu na we akabigeza ku muyobozi w'ikigo; ari ku rupapuro rwa 107 n'urwa 108.

	<p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze amashusho mugire icyo muyivugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n'aya mashusho?</li> </ol> <p><b>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</b></p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Amashusho arerekana:       <ul style="list-style-type: none"> <li>– Ishusho ya mbere irerekana umukobwa uri kwiyuhagirira inyuma y'ingirwacyumba cy'umukobwa ndetse n'abahungu bamutangariye.</li> <li>– Ishusho ya kabiri irerekana wa mukobwa arimo kurira, yicaye mu cyumba cy'umukobwa, umurezi ushinzwe imyitwarire y'abakobwa amubaza ikimuriza.</li> <li>– Ishusho ya gatatu irerekana wa murezi ushinzwe imyitwarire y'abakobwa abwira umuyobozi w'ishuri ko bakwiye kuvugurura icyumba cy'umukobwa ku buryo cyaba cyujwe ibisabwa.</li> </ul> </li> <li>ii) Abakobwa bagomba kwiyuhagirira ahabigenewe ku ishuri.</li> </ol>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b> Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Saba abagize kilabu kujya mu matsinda maze basome inkuru <b>“Abahungu barasetse”</b>, iri ku rupapuro rwa 107.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Gira icyo uvuga ku bipimo ngenderwaho n'ibisabwa ku cyumba cy'umukobwa.</li> <li>ii) Ni ibihe bice by'ingenzi by'icyumba cy'umukobwa?</li> <li>iii) Ni izihe ngaruka zo kugira icyumba cy'umukobwa kitujwe ibipimo ngenderwaho?</li> </ol>

	<p><b><i>Bimwe mu bisubizo by'ibibazo biganirwaho</i></b></p> <p>i) icyumba cy'umukobwa kigomba kuba cyujuje ibipimo ngenderwaho (12m<sup>2</sup> , umwanya wo gushyiramo igitanda, ubwiherero, ubwogero n'ibindi, kigomba kandi kuba cyubatse mu buryo bworohereza abafite ubumuga).</p> <p>ii) Ibice by'ingenzi by'icyumba cy'umukobwa:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Ubwogero</li> <li>- akabati karimo ibikoresho by'ibanze</li> <li>- uburiri</li> <li>- igice cyo gutegererezamo</li> <li>- aho bamanika imyenda</li> </ul> <p>iii) icyumba cy'umukobwa kitujuje ibisabwa kibangamira abakobwa.</p>
	<p><b>Igikorwa cya 3:</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 109</p> <p><b>b. Ubutumwa bw'ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw'ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:</b></p> <p>i) - icyumba cy'umukobwa kigomba kuba cyujuje ibipimo ngenderwaho (12m<sup>2</sup> , umwanya wo gushyiramo igitanda, ubwiherero, ubwogero n'ibindi.kigomba kandi kuba cyubatse mu buryo bworohereza abafite ubumuga).</p>

<p><b>Umwanzuro</b></p> <p><b>Iminota 10</b></p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa “ <b>Gusama agapira (Ball catapult)</b>”</p> <p><b>Amabwiriza y’ umukino:</b></p> <p>Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri. Huza amatsinda abiri, rimwe rishyire agapira (akadenesi) ku isume irindi ribe rifite isume gusa. Itsinda rifite agapira (akadenesi) rikanaga hejuru rikoresheje isume maze irifite isume gusa rikagasamisha isume. Nyuma yo kugasama na bo bakanagira bagenzi babo maze na bo bagasamishe isume. Itsinda rinaniwe gusama agapira (akadenesi) rivamo rigasimbuzwa irindi hanyuma irinjiyemo rikanagira itsinda risanzemo.</p> <p><b>b. Inshamake y’ikiganiro</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y’ibikubiye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– icyumba cy’umukobwa kigomba kuba cyubatse ahantu haboneye kandi cyujuje ibisabwa.</li> </ul> <p><b>c. Isomo dukuyemo</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Kugira icyumba cy’umukobwa cyujuje ibisabwa bigira uruhare runini mu isuku y’abakobwa.</li> </ul> <p><b>d. Umukoro</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 109, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Muzasuzume icyumba cy’umukobwa cyo ku ishuri ryanyu, murebe niba cyuzuje ibisabwa maze muhe ubuyobozi bw’ishuri inama zikwiriye.</li> </ul>
--	---

## **Ikiganiro cya 47: Ibikoresho byo mu cyumba cy'umukobwa**

**Intego y'ikiganiro :** Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuribagize kilabu (club) gusobanukirwa ibikoresho bikenewe mu cyumba cy'umukobwa.

**Imfashanyigisho:** Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n'ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

**Ibice by'ikiganiro**

**Ibikorwa**

**Intangiriro**

Iminota 10

**Igikorwa cya I:**

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa **“Bang”**

**Amabwiriza y' umukino:**

Shyira abagize Kilabu ku ruziga ubasabe kubara bahereye kuri rimwe kugera kuri mirongo itatu baranguruye ijwi buri wese azajya avuga umubare umwe, ugera ku gikubo cya gatatu avuge ijamba **“bang”** aho kuvuga umubare kandi azamure ukuboko. Bikomeza bityo, ubyishe agakurwa mu mukino akajya inyuma y'uruziga.

**Urugero:** 1, 2, **bang**, 4, 5, **bang**, 7, 8, **bang** ... Abatsinzwe bagenda bava mu mukino kugeza igihe hasigaye abakinnyi batatu bakaba ari bo batsinze.

**b. Kwitegereza amashusho**

Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku amashusho agaragaza ibikoresho byo mu cyumba cy' umukobwa, ari ku rupapuro rwa 110.

Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:

- i) Mwitereze amashusho mugire icyo muyavugaho.
- ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n'iyi shusho?

	<p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Amashusho arerekana: <ul style="list-style-type: none"> <li>– Ishusho ya mbere irerekana icyumba cy’ umukobwa kitarimo ibikoresho bihagije.</li> <li>– Ishusho ya kabiri irerekana icyumba cy’umukobwa kirimo ibikoresho byose bikenewe kandi biri mu mwanya wabyo.</li> </ul> </li> <li>ii) Icyumba cy’ umukobwa kigomba kuba gifite ibyangombwa bikenewe.</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b> Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda ubasabe gusoma no kumva inkuru <b>“Ibikoresho bike mu cyumba cy’umukobwa”</b>, iri ku rupapuro rwa 109, 110.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Nk’abagize itsinda ry’uburinganire n’ubwuzuzanye (Gender Club) mu ishuri ryanyu, ni iki mwakora mu gihe icyumba cy’umukobwa cyanyu hari ibikoresho biburamo?</li> <li>ii) Ni izihe ngaruka zo kubura ibikoresho mu cyumba cy’umukobwa ?</li> <li>iii) Ni ibihe bikoresho by’ingenzi bigomba kuba biri mu cyumba cy’umukobwa ?</li> </ul> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo by’ibibazo biganirwaho</i></b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Dushobora gusaba ubuyobozi bw’ishuri gushyira ibikoresho mu cyumba cy’umukobwa.</li> <li>ii) Bibangamira abana b’ abakobwa mu gihe bagiye mu mihango.</li> </ul>

	<p>iii) icyumba cy'umukobwa kigomba kuba gifite ibikoresho bikurikira: Igitanda, amashuka, intebe ebyiri, amazi, isabuni, ibasi, amavuta yo kwisiga, impapuro z'isuku, kotegisi, isume, umuswari, agasanduku ko gushyiramo imyanda, ijerekani y'amazi, ikikoresho by'ubutabazi bw'ibanze (imiti igabanya ububabare), n'indorerwamo.</p> <p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa III.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw'ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw'ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– icyumba cy' umukobwa kigomba kuba gifite ibikoresho bikenewe kandi bihagije.</li> <li>– Hagomba kubaho ubufatanye hagati y'ababyeyi, abatariye ikigo n'ubuyobozi mu gushaka ibikoresho by'icyumba cy'umukobwa.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Kurushanwa guhaga udupurizo (Bubble bonanza)”</b></p> <p><b>Amabwiriza y'umukino:</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda A na B anganya umubare, ubahe n' umubare w' udupurizo ungana. Ha itsinda rya mbere amasegonda mirongo itatu (30) yo guhaga udupurizo, hanyuma itsinda rya B rirabarira itsinda A umubare w' udupurizo ryahaze mu masegonda mirongo itatu. Itsinda B na ryo rikurikireho bityo nyuma harebwe itsinda ryahaze udupurizo twinshi, bamenye iryatsinze irindi.</p>

### **b. Inshamake y' ikiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y'ibikubiye mu kiganiro.

- Buri kigo k'ishuri kigomba kuba gifite icyumba cy'umukobwa kirimo ibikoresho byose bisabwa.

### **c. Isomo dukuyemo mu kiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Kugira icyumba cy'umukobwa ku kigo k'ishuri kirimo ibikoresho byose bifasha abana b'abakobwa mu gihe k'imihango ndetse bikabaha umutuzo mu mwigire yabo.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa III, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Muzabarure ibikoresho biri mu cyumba cy'umukobwa ku ishuri ryanyu, hanyuma mumenyeshe ubuyobozi bw'ishuri ibibura.

## INGINGO YA II: USHINZWE ICYUMBA CY'UMUKOBWA

### Ikiganiro cya 48: Ibiranga umuntu ushinzwe icyumba cy'umukobwa

**Intego y' ikiganiro:** Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri bagize kilabu (club) gusobanukirwa ibiranga umuntu ushinzwe icyumba cy'umukobwa.

**Imfashanyigisho:** Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n'ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

**Ibice by'ikiganiro**

**Ibikorwa**

**Intangiriro**

**Igikorwa cya I:**

**Iminota 10**

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa “Kunaga igipirizo (Balloon keep up)”

**Amabwiriza y' umukino:**

Umuyobozi w'ikiganiro aha abagize kilabu ibipirizo agatanga amabwiriza akurikira:

- Tera igipirizo hejuru (mu kirere).
- Ndareba umwanya igipirizo cyatewe hejuru kihamara kitaguye hasi.
- Saba buri tsinda gukomeza kugerageza gutera igipirizo hejuru no kureba abagitera kikamara umwanya munini mu kirere kurusha abandi.

**Ikitonderwa:**

- Bwira abagize itsinda ko bitemewe gukoresha intoki bakubita igipirizo.
- Koresha uko bakurikirana mu mazina ukurikije itonde ry'inyuguti mu kugena ugomba gukubita igipirizo
- Bagerageze gukubita igipirizo bakoresheje ibikoresho binyuranye.

**Urugero:** raketi cyangwa akabaho.

	<p><b>b. Kwitegereza amashusho</b></p> <p>Saba abagize kilabu kwitegereza no kuganira ku mashusho agaragaza inama mu kigo cy’ ishuri ari ku rupapuro rwa 112 n’urwa 113.</p> <p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze amashusho mugire icyo muyavugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’aya mashusho?</li> </ol> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo by’ibibazo biganirwaho</i></b></p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Amashusho arerekana:       <ul style="list-style-type: none"> <li>– shusho ya mbere irerekana umuyobozi w’ishuri uri gukoresha inama abanyeshuri igamije gutora umwarimu ushinzwe icyumba cy’umukobwa.</li> <li>– Ishusho ya kabiri irerekana umwarimukazi ushimira abanyeshuri ko bamutoye.</li> </ul> </li> <li>ii) Ushinzwe icyumba cy’umukobwa yagombye kuba ari umwarimukazi urangwa n’impuhwe, ubwitonzi, ugirirwa ikizere, ukuze mu bitekerezo, ugira urukundo, wubaha kandi wita ku bandi.</li> </ol>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda ubasabe gusoma no kumva inkuru “<b>Masoni yaratowe</b>”, iri ku rupapuro rwa 112.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ol style="list-style-type: none"> <li>i) Ni izihe ndangagaciro zikwiye umuntu ushinzwe icyumba cy’umukobwa?</li> <li>ii) Muganire ku ndangagaciro mushima umuntu ushinzwe icyumba cy’umukobwa ku ishuri ryanyu.</li> </ol>

	<p><b>Bimwe mu bisubizo by'ibibazo biganirwaho</b></p> <p>i) Umuntu ushinzwe icyumba cy'umukobwa agomba kuba arangwa n'ubwitonzi, ibitekerezo bihanye, urukundo, afitiwe ikizere, yubaha kandi yita ku bandi.</p> <p>ii) Umuntu ushinzwe icyumba cy'umukobwa ku ishuri ryacu ni umuntu uboneka buri gihe ku ishuri, ugira impuhwe kandi akaduhangayikira. Agira inama abakobwa ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere (harimo n'ikindi kibazo icyo ari cyo cyose kerekeye imihango y'abakobwa, isuku y'umukobwa n' ibindi).</p> <p><b>Igikorwa cya 3:</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa I 13.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw'ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw' ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw'ingenzi:</b></p> <p>Umuntu ushinzwe icyumba cy'umukobwa yagombye kuba agira impuhwe, urukundo, atuje, akuze, yizewe, yubaha, kandi arangwa no kwita ku bandi .</p>
<p><b>Umwanzuro</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa “<b>Kubyinana igipirizo (Balloon dance)</b>”</p> <p><b>Amabwiriza y'umukino:</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda ya babiribabiri.</p> <p>Fata itsinda baribabiri (2) begerane hanyuma imibiri yabo itandukanywe n'umupira washyize hagati yabo.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Bwira abagize itsinda ko nukuranga umuziki, buri tsinda riceza ryegeranye ku buryo imibiri yabo itandukanywa na wa mupira, bakagenda bazenguruka icyumba baceza.</li> <li>– Babwire ko batagomba gukoresha intoki ngo bafate wa mupira.</li> </ul>

- Itsinda rizashobora gutsinda ni irizaba ryashoboye kugumana umupira hagati yabo kugeza ubwo uvuze ko umukino urangiye.

### **b. Inshamake y' ikiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y'ikiganiro.

- Umuntu ushinzwe icyumba cy' umukobwa yakagombye kurangwa n' imyitwarire ikurikira:  
ubwitonzi, ukwizerwa, kugaragaza ibitekerezo bihamwe, urukundo, kubaha no kwita ku bandi.

### **c. Isomo dukuye mu kiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Uko umuntu ushinzwe icyumba cy'umukobwa arushaho kwegerwa n' abakobwa bakamwiyumvamo ni na ko barushaho kumva batuje kandi bisanzuye.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 113, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Vuga ku ndangagaciro n' imyitwarire biranga umuntu ushinzwe icyumba cy'umukobwa ku ishuri ryanyu.

## Ikiganiro cya 49: Inshingano z’ umuntu ushinzwe icyumba cy’umukobwa

**Intego y’ ikiganiro :** Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri bagize kilabu gusobanukirwa inshingano z’ushinzwe icyumba cy’ umukobwa.

**Imfashanyigisho :** Impapuro nini, marikeri z’amabara anyuranye, igifashi, amakayi n’amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n’ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n’ibisubizo n’ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

**Ibice by’ikiganiro**

**Ibikorwa**

**Intangiriro**

Iminota 10

**Igikorwa cya I :**

**a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa “**Bang**”

**Amabwiriza y’ umukino:**

Shyira abagize Kilabu ku ruziga ubasabe kubara bahereye kuri rimwe kugera kuri mirongo itatu baranguruye ijwi buri wese azajya avuga umubare umwe, ugera ku gikubo cya gatatu avuge ijambo “bang” aho kuvuga umubare kandi azamure ukuboko. Bikomeza bityo, ubyishe agakurwa mu mukino akajya inyuma y’uruziga.

**Urugero:** 1, 2, **bang**, 4, 5, **bang**, 7, 8, **bang** ... Abatsinzwe bagenda bava mu mukino kugeza igihe hasigaye abakinnyi batatu bakaba ari bo batsinze.

**a. Kwitegereza ishusho**

Saba abagize kilabu kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza umwarimu, umwarimukazi watorewe kwita ku cyumba cy’umukobwa bari kumwe n’umuyobozi w’ishuri, iri ku rupapuro rwa I 15.

Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:

- ii) Mwitgereze ishusho mugire icyo muyavugaho.
- iii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’aya mashusho?

	<p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</i></b></p> <p>i) Ishusho irerekana umwarimukazi asaba umuyobozi w'ikigo k'ishuri kumubwira inshingano ze nk' ushinzwe icyumba cy'umukobwa.</p> <p>ii) Hari inshingano zihariye z'ushinzwe icyumba cy'umukobwa.</p>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kumva inkuru <b>“Inshingano z’ushinzwe icyumba cy’umukobwa”</b>, iri ku rupapuro rwa I14.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <p>i) Ni izihe nshingano z’ushinzwe icyumba cy’umukobwa ku ishuri?</p> <p>ii) Ni iki wakora kugira ngo ufashe umuntu washinzwe icyumba cy’umukobwa kuzuza inshingano ze.</p> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo by’ibibazo biganirwaho</i></b></p> <p>i) Inshingano z’ushinzwe icyumba cy’umukobwa ku ishuri :</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Kumenya buri gihe ko icyumba cy’umukobwa gifite isuku kandi ko ibikoresho byose bimeze neza.</li> <li>– Kwakirana urugwiro abakobwa bose bagannye icyumba cy’ umukobwa.</li> <li>– Kuba witeguye kugira inama no gufasha abakobwa bagana icyumba cy’ umukobwa.</li> <li>– Kuba ushobora kugirira ibanga buri mubobwa ugana icyumba cy’ umukobwa.</li> <li>– Kurangwa n’urugwiro, urukundo, no kwita ku bakobwa bagana icyumba cy’ umukobwa.</li> </ul> <p>ii) Namufasha gusobanukirwa n’inshingano ze.</p>

	<p><b>Igikorwa cya 3:</b></p> <p><b>a. Umukino</b> Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa I I5.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ingenzi</b> Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Umuntu ushinzwe icyumba cy’ umukobwa agomba kuba yumva neza inshingano ze.</li> <li>– Icyumba cy’umukobwa gicunzwe neza gifasha abakobwa kugira umutuzo n’ubwisanzure.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b> Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b> <b>Urugero:</b> umukino witwa “<b>Badobado</b>”</p> <p><b>Amabwiriza y’umukino:</b> Uyoboye umukino asaba abagize kilabu gukora uruziga. Mu gihe uyoboye umukino avuze ngo: “<b>Ba</b>” abagize kilabu bose bashyira amaboko hejuru, yavuga ngo: “<b>Bado</b>” abagize kilabu bose barambura amaboko imbere, yavuga ngo: “<b>Badobado</b>” abagize kilabu bose bamanura amaboko bagakomanga ibiganza ku mavi. Ubyishe akurwa mu mukino kugeza hasigaye umuntumwe akaba ari we watsinze.</p> <p><b>Ikitonderwa:</b> Umuyobozi w’umukino ashobora kugenda ahinduranya aya mabwiriza uko abishaka hanyuma unyuranyije na yo akaba atsinzwe akava mu ruziga.</p> <p><b>b. Inshamake y’ikiganiro</b> Umuyobozi w’ikiganiro avuga inshamake y’ibikubiye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Umuntu ushinzwe icyumba cy’umukobwa agomba gusobanukirwa n’ inshigano ze.</li> </ul>

### **c. Isomo dukuyemo**

Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- icyumba cy'umukobwa gicunzwe neza gitanga ubwisanzure ku bakobwa.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 116, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Ese ushinzwe icyumba cy'umukobwa ku ishuri ryanyu yuzuzza neza inshingano ze? Niba ari oya, habura iki?
- Ni iki wumva cyahinduka?

### INGINGO YA III: ISUKU MU GIHE UMUKOBWA ARI MU MIHANGO

#### **Ikiganiro cya 50: Isuku y’umuntu ku giti ke**

**Intego y’ ikiganiro:** Iki kiganiro kigamije gufasha abagize kilabu gusobanura akamaro k’isuku ikwiriye cyanecyane mu gihe k’ imihango.

**Imfashanyigisho :** Impapuro nini, marikeri z’amabara anyuranye, igifashi, amakayi n’amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n’ibindi.

**Imyigishirize:** Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n’ibisubizo n’ibindi.

**Igihe:** Iminota 50

#### **Ibice by’ikiganiro**

#### **Ibikorwa**

#### **Intangiriro**

**Iminota 10**

#### **Igikorwa cya I**

##### **a. Umukino wo kwishyushya**

**Urugero:** Umukino witwa “**Umubare ugabanyika na 2**”

##### **Amabwiriza y’ umukino:**

Shyira abanyeshuri ku ruziga, ubasabe kubara bahereye kuri I kugera kuri 20 baranguruye ijwi. Buri wese age avuga umubare umwe, ugeze ku gikubo cya 2 cyangwa ugabanyika na 2, aho kuvuga umubare avuge ijambo “YES”. Bityobityo ubyica age mu ruziga hagati, kugeza hasigaye umwe akaba ari we utsinze.

##### **b. Kwitegereza amashusho**

Saba abagize kilabu kwitegereza no kuganira ku ishusho igaragaza abakobwa babiri baganira, iri ku rupapuro rwa I17.

Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:

- i) Mwitgereze amashusho mugire icyo muyavugaho.
- ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n’aya mashusho?

	<p><b><i>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</i></b></p> <p>i) Amashusho arerekana:</p> <p>Ishusho ya mbere irerekana abakobwa babiri (2) bari mu ishuri, umwe abangamiwe n’ impumuro mbi ya mugenzi we bigana.</p> <p>Ishusho ya kabiri iratwereka abo bakobwa babiri, umwe agira inama mugenzi we uko yakwita ku isuku ye igihe yagiye mu mihango.</p> <p>ii) Isuku y’ umuntu ku giti ke wagiye mu mihango ni ingenzi cyane.</p>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p>Iminota 30</p>	<p><b>Igikorwa cya 2:</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Shyira abagize kilabu mu matsinda, ubasabe gusoma no kumva inkuru <b>“Afite impumuro mbi”</b>, iri ku rupapuro rwa I 16.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <p>i) Ni kuki ari ngombwa kwigirira isuku?</p> <p>ii) Ni kuki abakobwa bagomba kwita ku isuku yabo mu guhe k’imihango?</p> <p><b><i>Bimwe mu bisubizo by’ibibazo biganirwaho</i></b></p> <p>i) Kugira isuku mu gihe k’imihango ni ingenzi cyane kuko bituma umuntu yumva atekanye igihe ari kumwe n’abandi.</p> <p>ii) Abakobwa bagomba guhora bita ku isuku yabo igihe k’imihango kuko bituma bumva batekanye kandi bafite ubuzima bwiza.</p>

	<p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa I 18.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Kwigirira isuku mu gihe k’imihango ni ingenzi kuko bitanga ibyishimo ndetse n’ubuzima bwiza.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa “<b>Kunaga agapira</b>” (<b>Throwing the ball</b>)</p> <p><b>Amabwiriza y’umukino:</b></p> <p>Umuyobozi w’ umukino asaba abagize kilabu kujya ku ruziga, akanagira agapira umwumwe, maze uwo akanagiye agahita yivuga ndetse akanavuga n’ikintu akunda.</p> <p><b>b. Inshamake y’ikiganiro</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y’ibikubiye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Kwiyitaho wigirira isuku mu gihe k’ imihango ni ingenzi cyane. Igihe bikozwe neza bitanga umutuzo waba uri wenyine cyangwa uri kumwe n’abandi.</li> </ul> <p><b>c. Isomo dukuyemo</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Kwita ku isuku ye bwite biha umukobwa umutuzo kandi akumva afite ubuzima bwiza yaba ari wenyine cyangwa ari kumwe n’abandi.</li> </ul>

	<p><b>d. Umukoro</b></p> <p>Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 118, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Muzasura andi mashuri mukangurire abanyeshuri baho akamaro ko kwigirira isuku mu gihe k'imihango.</li> </ul>
--	--

<b>Ikiganiro cya 5 I: Isuku y'ibikoresho byo mu cyumba cy'umukobwa</b>	
<b>Intego y' ikiganiro:</b> Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri bagize kilabu gusobanukirwa n'uburyo bwo kwita ku isuku y'ibikoresho byo mu cyumba cy'umukobwa.	
<b>Imfashanyigisho:</b> Impapuro nini, marikeri z'amabara anyuranye, igifashi, amakayi n'amakaramu yifashishwa muri kilabu, porojegiteri n'ibindi.	
<b>Imyigishirize:</b> Kwerekana no kwitegereza, kungurana ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo n'ibindi.	
<b>Igihe:</b> Iminota 50	
<b>Ibice by'ikiganiro</b>	<b>Ibikorwa</b>
<p><b>Intangiriro</b></p> <p><b>Iminota 10</b></p>	<p><b>Igikorwa cya I:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Hummer”</b></p> <p><b>Amabwiriza y'umukino:</b></p> <p>Umuyobozi w'ikiganiro asaba abagize kilabu kuvuga ijambo <b>“Hummer”</b> (inshuro eshanu) bakabivuga bazamura ukuboko kw'iburyo, hanyuma ukw'ibumoso, nyuma bakubita hasi ikirenge k'iburyo, nyuma ik'ibumoso. Bagasubiramo babara bamanuka kugeza ubwo baragera kuri I.</p> <p><b>b. Kwitegereza amashusho</b></p> <p>Saba abanyeshuri kwitegereza no kuganira ku mashusho agaragaza aho ushinze icyumba cy'umukobwa ari wenyine muri icyo cyumba n' aho ari kumwe n' abakobwa, ari mu rupapuro rwa 119.</p>

	<p>Bayobore wifashishije ibibazo bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Mwitgereze amashusho mugire icyo muyavugaho.</li> <li>ii) Ni ubuhe butumwa butangwa n'aya mashusho?</li> </ul> <p><b>Bimwe mu bisubizo bishoboka:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Amashusho arerekana: <ul style="list-style-type: none"> <li>– Ishusho ya mbere irerekana ushinzwe icyumba cy'umukobwa avuga ko abangamiwe n' akajagari asanze mu cyumba cy' umukobwa.</li> <li>– Ishusho ya kabiri irerekana ushinzwe icyumba cy'umukobwa ahagaze imbere y'abakobwa abasobanurira ibijyanye n'isuku y'ibikoresho byo mu cyumba cy'umukobwa bagihagazemo.</li> </ul> </li> <li>ii) Isuku mu cyumba cy' umukobwa ni ingenzi cyane.</li> </ul>
<p><b>Ikiganiro nyirizina</b></p> <p><b>Iminota 30</b></p>	<p><b>Igikorwa cya 2</b></p> <p><b>a. Inkuru</b></p> <p>Binyuze mu matsinda, saba abagize kilabu gusoma no kumva inkuru <b>“Isuku y’ ibikoresho byo cyumba cy’umukobwa”</b> iri ku rupapuro rwa I 18.</p> <p>Yobora ibiganiro usabe abagize kilabu gusubiza ibibazo bikurikira:</p> <p><b>b. Ibibazo byo kuganiraho</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ni gute mwita ku bikoresho byo mu cyumba cy'umukobwa ku ishuri ryanyu ?</li> <li>ii) Ni akahe kamaro k'isuku ihagije mu cyumba cy'umukobwa ?</li> <li>iii) Ni izihe ngaruka z'isuku nke mu mu cyumba cy'umukobwa ?</li> </ul> <p><b>Bimwe mu bisubizo by'ibibazo biganirwaho</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>i) Ni ngombwa kureba buri gihe ko ibikoresho bifite isuku kandi biri ahabugenewe.</li> <li>ii) Isuku mu cyumba cy'umukobwa ituma bumva batekanye kandi bakishimiye.</li> <li>iii) Isuku nke mu cyumba cy'umukobwa ituma bumva badatekanye kandi ntibishimire kugikoresha.</li> </ul>

	<p><b>Igikorwa cya 3</b></p> <p><b>a. Umukino</b></p> <p>Saba abagize kilabu bakine umukino uri ku rupapuro rwa 120.</p> <p><b>b. Ubutumwa bw’ingenzi</b></p> <p>Yobora abagize kilabu gushaka ubutumwa bw’ingenzi buri muri iki kiganiro.</p> <p><b>Bumwe mu butumwa bw’ingenzi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Ibikoresho byo mu cyumba cy’umukobwa bigomba guhorana isuku kandi bigashyirwa mu mwanya wabyo.</li> </ul>
<p><b>Umwanzuro</b></p> <p>Iminota 10</p>	<p><b>Igikorwa cya 4:</b></p> <p><b>a. Umukino wo kwishyushya:</b></p> <p><b>Urugero:</b> Umukino witwa <b>“Pipupipu”</b></p> <p><b>Amabwiriza y’umukino:</b></p> <p>Abagize Kilabu bahagarara ku ruziga, mu gihe uyoboye umukino avuze ngo: “PI”, abagize kilabu bose bashyira amaboko hejuru, yavuga ngo: “PIPU”, abagize kilabu bose barambura amaboko imbere, yavuga ngo: “PIPUPIPU”, abagize kilabu bose bamanura amaboko bagakomanga ku mavi. Ubikoze nabi akurwa mu mukino kugeza habonetse uwatsinze.</p> <p><b>Ikitonderwa:</b></p> <p>Hinduranya ibyo usaba abagize Kilabu gukora (PI, PIPU, PIPUPIPU) kugira ngo urebe abatabikora neza maze ubasabe kuza hagati mu ruziga bagufashe kureba bagenzi babo badahuza n’amabwiriza y’umukino watanze.</p> <p><b>b. Inshamake y’ikiganiro</b></p> <p>Umuyobozi w’ikiganiro ayobora abagize kilabu mu gutanga inshamake y’ikiganiro.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– Ibikoresho byo mu cyumba cy’umukobwa bigomba kuba bifite isuku buri gihe kandi biri ahabigenewe.</li> </ul>

### **c. Isomo dukuye mu kiganiro**

Umuyobozi w'ikiganiro afasha abagize kilabu kwibukiranya isomo bakuye mu kiganiro.

- Isuku y'ibikoresho byo mu cyumba cy'umukobwa ituma abakobwa bumva batuje kandi nta mpungenge zo kubikoresha bafite.

### **d. Umukoro**

Umuyobozi w'ikiganiro atanga umukoro uri ku rupapuro rwa 120, uyu mukoro ukazaganirwaho mbere yo gutangira ikiganiro gitaha.

- Muzasure icyumba cy'umukobwa ku ishuri ryanyu, mugenzure kandi musukure ibikoresho birimo.

## **IBITABO BYIFASHISHIWE**

- Chapell D. and Di Martino V., (1998). *Violence at Work*, Geneva, ILO.
- Committee on Communications, American Academy of Pediatrics. Sexuality, contraception and the media. *Pediatrics* (1995);95: 298-300.
- Baxter RL, De Riemer C, Landini A, et al. A content analysis of music videos. *J Broadcast Electronic Media* (1985);29: 333-340.
- Becker et al., (2008) Sexual problems of sexual assault survivors. *Women & Health* Volume 9, Issue 4.
- Brown, JD, Greenberg BS, Buerkel-Rothfuss NL. Mass media, sex, and sexuality. *Adolesc Med* (1993);4(pt 1): 511-552.
- Brown JD, Steele JR. *Sex and the mass media*. Menlo Park (CA): Kaiser Family Foundation; (1995).
- Brown JD, White AB, Nikopoulou L. Disinterest, intrigue, resistance: early adolescent girls' use of sexual media content. In: Greenberg BS, Brown JD, Buerkel-Rothfuss NL, eds. *Media, sex and the adolescent*. Cresskill (NJ): Hampton Press; (1993): 177-195.
- Brown JD, Newcomer SF. Television viewing and adolescents' sexual behavior. *J Homosex* (1991);21: 77-91.
- Centers for Disease Control and Prevention (CDC). Current trends in premarital sexual experience among adolescent women -United States, (1970-1988). *MMWR Morb Mortal Wkly Rep* (1991);39(51-52): 929-932.
- CDC. Trends in sexual risk behavior among high school students -United States, 1991-1997. *MMWR Morb Mortal Wkly Rep* 1998;47(36): 749-752.
- CDC. Trends in sexual risk behavior among high school students -United States, 1990, 1991 and 1993. *MMWR Morb Mortal Wkly Rep* 1995;44: 124, 131-132.
- Comstock G. *Television and the American Child*. New York (NY): Academic Press; (1991).
- Fabes RA, Strouse JS. Perceptions of responsible and irresponsible models of sexuality: a correlational study. *J Sex Res* 1987;23: 70-84
- Fleming M. *Healthy youth 2000: a mid-decade review*. Chicago (Ill): American Medical Association, Dept of Adolescent Health; (1996).
- Gahongayire, L. (2012), "Combating gender based violence in Rwanda", International

- Greenberg BS, Siemicki M, Dorfman S, et al. Sex content in R-rated films viewed by adolescents. In: Greenberg BS, Brown JD, Buerkel-Rothfuss NL, eds. *Media, sex and the adolescent*. Cresskill (NJ): Hampton Press; (1993): 45-58.
- Greenberg BS, Linsangan R. Gender differences in adolescents' media use, exposure to sexual content and parental mediation. In: Greenberg BS, Brown JD, Buerkel-Rothfuss NL, eds. *Media, sex and the adolescent*. Cresskill (NJ): Hampton Press; (1993): 134-194.
- Greenberg BS. Race differences in television and movie behaviors. In: Greenberg BS, Brown JD, Buerkel-Rothfuss NL, eds. *Media, sex and the adolescent*. Cresskill (NJ): Hampton Press; (1993): 145-152.
- Grube JW, Wallack L. Television beer advertising and drinking knowledge, beliefs, and intentions among schoolchildren. *Am J Public Health* (1994);84: 254-259.
- Grube JW, Madden PA, Friese B. The effects of television alcohol advertising on adolescent drinking. Poster session presented at the annual meeting of the Research Society on Alcoholism, Washington, DC, June (1996).
- Heppner and Lee, (2002) Problem solving appraisal and psychological adjustment. 40. *Handbook of Positive Psychology*, Oxford University Press, New York p. 288-298.
- Huston AC, Wartella E, Donnerstein E. (1998) Measuring the effects of sexual content in the media: a report to the Kaiser Family Foundation. Menlo Park (CA): Kaiser Family Foundation.
- diseases. *Journalism Q* 1989;66: 347-352.
- Hofferth SL, Kahn JR, Baldwin W. Premarital sexual activity among U.S. teenage women over the past three decades. *Fam Plann Perspect* (1987);19: 46-53.
- Kunkel D, Cope KM, Maynard-Farinola WJ, et al. *Sex on TV: content and context*. Menlo Park (CA): Kaiser Family Foundation; 1999.
- Leach, Fiona, Máiréad Dunne and Francesca Salvi, (2013) A global review of current issues and approaches in policy, programming and implementation responses to School-Related Gender-Based Violence (SRGBV) for UNESCO Education Sector, University of Sussex, .
- Louis Harris & Associates, (1988) Inc. *Sexual material on American network television during the 1987-88 season*. New York (NY): Planned Parenthood Federation of America; .

- Lowry DT, Towles DE. Prime time TV portrayals of sex, contraception, and venereal Buerkel-Rothfuss NL, Strouse JS, Pettey G, et al. Adolescents' and young adults' exposure to sexually oriented and sexually explicit media. In: Greenberg BS, Brown JD, Buerkel-Rothfuss NL, eds. Media, sex and the adolescent. Cresskill (NJ): Hampton Press; (1993): 99-112.
- Lowry DT, Towles DE. Soap opera portrayals of sex, contraception, and sexually transmitted diseases. *J Commun* (1989);39: 76-83.
- Moore KA, Miller BE, Gleib D, et al. (1995) Adolescent sex contraception and childbearing: a review of recent research. Washington (DC): Child Trends.
- Ozer EM, Brindis CD, Millstein SG, et al. (1998) America's adolescents: are they healthy? San Francisco: University of California-San Francisco, National Adolescent Health Information Center.
- Rich M, Woods ER, Goodman E, et al. Aggressors or victims: gender and race in music video violence. *Pediatrics* (1998);101(pt 1): 669-674.
- School –Related Gender Based-Violence(SRGBV) UNGEI- UNESCO Discussion Paper/ November 2013
- Schuster MA, Bell RM, Kanouse DE. The sexual practices of adolescent virgins: genital sexual activities of high school students who have never had vaginal intercourse. *Am J Public Health* 1996;86: 1570-1576.
- Silverman-Watkins LT, Sprafkin JN. Adolescents' comprehension of televised sexual innuendoes. *J Appl Dev Psychol* 1983;4: 359-369.
- Unterhalter, Elaine, et al., Interventions to enhance girls' education and gender equality: a rigorous review of literature, UK Department for International Development, (forthcoming) October 2013.
- Vicki Ford, (2005). *Overcoming Sexual Problems - A Self-Help Guide*.
- Walsh-Childers K, Brown JD Adolescents' acceptance of sex-role stereotypes and television viewing. In: Greenberg BS, Brown JD, Buerkel-Rothfuss NL, eds. Media, sex and the adolescent. Cresskill (NJ): Hampton Press; (1993): 117-133.
- Wingood GM, DiClemente RJ. Viewing sexually explicit and violent television and its impact on pregnancy and sexual risk taking among female adolescents. Presented at the annual meeting of the American Public Health Association, Washington, DC, November 15-19, 1998.